Article 50: Modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général

Les modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général sont fixées par arrêté présidentiel.

Section 4: Confiscation

Article 51: Confiscation spéciale

Lorsqu'un crime ou un délit est commis, la confiscation spéciale des biens qui forment le corps de l'infraction, qui ont servi ou qui sont destinés à la commettre, ou qui ont été produits par l'infraction, est prononcée accessoirement à la peine principale, lorsque ces biens appartiennent au condamné.

Lorsque les biens décrits à l'alinéa premier du présent article n'appartiennent pas au condamné, de même que lorsque l'infraction commise est une contravention, cette confiscation n'est prononcée que dans les cas prévus par la loi.

Iyo ubunyagwe bw'ibintu bimaze kuvugwa budashoboka, bukorwa ku bindi bintu bigize umutungo w'uwakatiwe binganya agaciro n'ibintu byagombaga kunyagwa.

If the confiscation of such items is impossible, the confiscation shall be extended to other items of the property of the convict proportionately to the value of the items to be confiscated.

Lorsque la confiscation desdits biens s'avère impossible, elle est effectuée sur les autres biens du patrimoine du condamné à concurrence de la valeur des biens à confisquer.

Ingingo ya 52: Ibizwa ry'inyagwa rusange

Article 52: Prohibition of the confiscation of entire property

Article 52: Interdiction de la confiscation générale

Inyagwa rusange ry'ibintu byose uwahanwe atunze n'ubw'ibyo ashobora kuzatunga, rirabujijwe.

The confiscation of all the present and future property of the convict is prohibited.

La confiscation générale portant sur la totalité du patrimoine présent et futur du condamné est interdite.

Ingingo ya 53: Imicungire y'ibintu binyazwe

Article 53: Administration of confiscated property

Article 53: Administration des biens confisqués

Ibintu binyazwe bishyirwa mu maboko ya Leta.

The confiscated property shall devolve to the State.

Les biens confisqués sont dévolus à l'Etat.

Uburyo ibintu byanyazwe bicungwa bugenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Modalities for the administration of confiscated property shall be determined by an Order of the Minister in charge of Justice.

Les modalités d'administration des biens confisqués sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant la Justice dans ses attributions.

Icyiciro cya 5: Kubuza kuba ahantu no gutegeka kuba ahantu

Section 5: Ban on entry into a place and restriction of movement

Section 5: Interdiction de séjour et obligation de séjour

Ingingo ya 54: Ibisobanuro by'amagambo

Article 54: Definitions of terms

Article 54: Définitions des termes

Kubuza umuntu kuba ahantu ni ugutegeka uwakatiwe kutagera aha n'aha.

A ban on entry into a place shall consist of an order prohibiting a convict from certain places.

L'interdiction de séjour consiste dans la défense faite à un condamné de paraître dans certains lieux.

Gutegeka kuba ahantu ni ugutegeka uwakatiwe kuguma aha n'aha.

Restriction of movement shall consist in an obligation for a convict to reside in certain places.

L'obligation de séjour consiste dans l'obligation faite à un condamné de résider dans certains lieux.

Kubuza kuba ahantu no gutegeka kuba ahantu bimara igihe kingana no kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5).

The duration of ban on entry into a place and that of restriction of movement shall be six (6) months to five (5) years.

La durée de l'interdiction de séjour et de l'obligation de séjour est de six (6) mois à cinq (5) ans.

Ingingo ya 55: Abantu bahanishwa kubuzwa kuba ahantu cyangwa gutegekwa kuba ahantu

Article 55: Persons who can be subject to the ban on entry into a place or restriction of movement

Article 55: Personnes pouvant encourir l'interdiction de séjour ou l'obligation de séjour

Kubuza kuba ahantu cyangwa gutegeka kuba ahantu, uretse aho byaba byarateganyijwe ukundi n'itegeko, bishobora kwemezwa n'urubanza ku muntu wese:

The ban on entry into a place or restriction of movement may, except where expressly provided otherwise by law, be ordered against:

L'interdiction de séjour ou l'obligation de séjour peut, excepté dans les cas contraires expressément prévus par la loi, être prononcée contre:

1° wahanishijwe igifungo kirenze umwaka umwe (1);

1° any person sentenced to a term of imprisonment of more than one (1) year;

1° tout condamné à un emprisonnement supérieur à un (1) an;

2° wamaze guhanishwa igifungo cy'amezi atandatu (6) cyangwa kiyarenze, akongera guhanishwa igifungo cy'amezi atandatu (6) cyangwa kiyarengeje, mu myaka itanu (5) kuva arangije icyo gihano cyangwa igihe cyo gukurikirana irangiza ryacyo cyarenze.

2° any person who, after being sentenced to a term of imprisonment of at least six (6) months, is sentenced again to a term of imprisonment of at least six (6) months within a period of five (5) years after completion of the first sentence or its prescription.

2° toute personne qui, ayant été condamnée à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois, est condamnée de nouveau à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois dans un délai de cinq (5) ans après l'exécution de la première peine ou sa prescription.

Ingingo ya 56: Ibarwa ry'igihano cyo kubuza kuba ahantu cyangwa gutegeka kuba ahantu

Igihano kibuzwa kuba ahantu cyangwa gutegeka kuba ahantu, gitangira ku itariki uwahamwe n'icyaha arangirijeho igihano cy'igifungo.

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo, igihano cyo kubuzwa cyangwa gutegekwa kuba ahantu gitangira umunsi afunguweho.

Kongerwa gufungwa k'uwahamwe n'icyaha, ku mpamvu izo ari zo zose, ntibimuviramo kongererwa igihe cy'ibihano bivugwa mu gikacya 2 cy'iyi ingingo.

Ingingo ya 57: Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu

Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu rigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Icyiciro cya 6: Gushyirwa mu maboko ya Leta

Article 56: Calculation of the duration of the ban on entry into a place or restriction of movement

The sentence of ban on entry into a place or restriction of movement shall commence on the date the convict has completed his/her imprisonment penalty.

If the convict is released on parole, the sentence of ban on entry into a place or restriction of movement shall commence on the day of release.

The convict's return to prison, for any reason whatsoever, does not entail an extension of the duration of the penalties provided under paragraph 2 of this Article.

Article 57: Modalities for the execution of the penalty of ban on entry into a place or restriction of movement

Modalities for the execution of the penalty of ban on entry into a place or restriction of movement shall be determined by an Order of the Minister in charge of Justice.

Section 6: Placement under the Government custody

Article 56: Calcul de la durée de la peine d'interdiction de séjour ou d'obligation de séjour

La peine d'interdiction de séjour ou d'obligation de séjour commence à la date à laquelle le condamné a fini de purger sa peine d'emprisonnement.

Si le condamné est libéré conditionnellement, l'interdiction de séjour ou l'obligation de séjour commence le jour de la mise en liberté.

La réincarcération du condamné, pour quelque cause que ce soit, n'entraîne pas prolongation de la durée des peines visées à l'alinéa 2 du présent article.

Article 57: Modalités d'exécution de la peine d'interdiction de séjour ou d'obligation de séjour

Les modalités d'exécution de la peine d'interdiction de séjour ou d'obligation de séjour sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant la Justice dans ses attributions.

Section 6: Mise à la disposition du Gouvernement

Ingingo ya 58: Igisobanuro cyo gushyirwa mu maboko ya Leta

Gushyirwa mu maboko ya Leta ni igihano cy'umugereka kigamije kurinda umuryango nyarwanda imigenzereze y'isubiracyaha inyuranye no guha ababikora amahirwe yo kwisubiraho bagasubira mu muryango.

Ingingo ya 59: Igihe gushyirwa mu maboko ya Leta bimara

Umuntu wese usubiriye icyaha, akaba yarakatiwe gatatu (3) igifungo cy'amezi nibura atandatu (6) mu gihe cy'imyaka itanu (5), ashobora gushyirwa mu maboko ya Leta, mu gihe cy'imyaka kuva kuri itanu (5) kugeza ku icumi (10), bihereye ku muni arangirijeho igihano cya nyuma cy'igifungo.

Ingingo ya 60: Igena ry'igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta n'uburyo kirangizwa

Igihano cy'umugereka cyo gushyirwa mu maboko ya Leta kigenwa n'urukiko rwacye ibihano ku nshuro ya gatatu ku byaha by'iremezo.

Article 58: Definition of placement under the Government custody

The placement under the Government custody is an additional penalty intended to protect the Rwandan society against the acts of persistent offenders and offer an opportunity to change their behaviour and to reintegrate into society.

Article 59: Duration of placement under the Government custody

Any person who commits a subsequent offence when he/she had previously been sentenced thrice (3) to a term of imprisonment of at least six (6) months within five (5) years, shall be placed under the Government custody for a period of five (5) to ten (10) years from the date of completion of the last imprisonment.

Article 60: Imposition of the penalty of placement under the Government custody and modalities for its execution

The additional penalty of placement under the Government custody shall be pronounced by the Court imposing the third main penalty.

Article 58: Définition de la mise à la disposition du Gouvernement

La mise à la disposition du Gouvernement est une peine accessoire visant la protection de la société rwandaise contre les agissements des multirécidivistes et d'offrir à ceux-ci l'occasion de se corriger et de réintégrer la société.

Article 59: Durée de la mise à la disposition du Gouvernement

Toute personne qui commet de nouveau une infraction, alors qu'il a encouru trois (3) condamnations d'au moins six (6) mois d'emprisonnement, dans un intervalle de cinq (5) ans, peut être mise à la disposition du gouvernement pour une durée de cinq (5) à dix (10) ans prenant cours à la date à laquelle la dernière peine d'emprisonnement a été accomplie.

Article 60: Détermination de la peine de mise à la disposition du Gouvernement et les modalités de son exécution

La peine accessoire de mise à la disposition du Gouvernement est infligée par la juridiction prononçant la troisième condamnation principale.

Icyakora, urukiko ruca urubanza ntirutegetswe kugena igihano cy'umugereka, kabone n'iyi impamvu zose zigize isubiracyaha zuzuye. Urukiko rufite uburenganzira busesuye bwo gushishoza, rukareba ko ari ngombwa kongera igihano cy'umugereka ku gihano cy'iremezo.

Kopi z'imanza zose umuntu yari yaratsindiwe, zishyirwa muri dosiye y'icyaha gishya akurikiranyweho.

Igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta kirangirizwa muri gereza mu buryo bwo kugorora.

Ingingo ya 61: icyemezo cyo gushyira mu maboko ya Leta

Icyemezo cy'urukiko gishyira umuntu mu maboko ya Leta kigomba gusobanura impamvu gishingiyeho. Kigomba, ku buryo bitabaye ibyo cyatashyirwa agaciro, kugaragaza ko buri rubanza yatsindiwe, ari na rwo shingiro ry'icyo gihano, rwaciwe burundumu gihe icyaha cya nyuma cyakorwaga.

However, the Court pronouncing the judgment shall not be bound to impose the additional penalty even if the conditions of recidivism are met. The Court shall decide at its sole discretion whether to impose an additional penalty together with the main penalty.

All copies of judgments related to the previous convictions against the person, shall be attached to the file pertaining to the new criminal action.

The penalty of placement under the Government custody shall be served in a prison for the purpose of rehabilitation.

Article 61: Decision to place a convict under the Government custody

The Court decision of placement under the Government custody must give reasons. It must state that each judgment which served as a basis for the penalty had become final when the subsequent crime was committed, if not it shall be null and void.

Toutefois, la juridiction qui rend la décision n'est pas tenue de prononcer la peine accessoire, même si les conditions de récidive sont réunies. Elle apprécie souverainement l'opportunité d'ajouter une peine accessoire à la peine principale.

Toutes les copies de jugements ou d'arrêts relatifs aux condamnations antérieures de la personne sont jointes au dossier de la nouvelle poursuite.

La mise à la disposition du Gouvernement est subie dans un établissement pénitentiaire en vue de la rééducation.

Article 61: Décision de mise à la disposition du Gouvernement

La décision qui ordonne la mise à la disposition du Gouvernement doit être motivée. Elle doit, à peine de nullité, relever que chaque condamnation ayant servi de base au prononcé de cette peine était devenue définitive lorsque l'infraction subséquente a été commise.

Ingingo ya 62: Gushyirwa mu maboko ya Leta n'ibyemezo bibiri bikurikiranye

Igihe uwakatiwe ashyizwe mu maboko ya Leta n'ibyemezo bibiri (2) bikurikiranye, ugushyirwa mu maboko ya Leta ku nshuro ya kabiri (2) bitangira ku itariki ishyirwa mu maboko ya Leta rya mbere rirangiriyeho.

Ingingo ya 63: Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cy'igifungo cy'iremezo n'icyo gushyirwa mu maboko ya Leta

Igihe igihano cy'igifungo cy'iremezo kirangiye, uwakatiwe igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta aguma muri gereza.

Ingingo ya 64: Ifungurwa ry'agateganyo n'ihagarika ry'igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo ku bw'igihano cy'igifungo, igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta gitangira akimara gufungurwa.

Igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta

Article 62: Placement under the Government custody by two successive decisions

When a convict is placed under the Government custody by two (2) successive decisions, the second (2) placement at the Government custody shall commence on the date of completion of the first placement.

Article 63: Execution of the main penalty of imprisonment and that of placement under the Government custody

A convict subject to the penalty of placement under the Government custody shall, upon completion of the main penalty, remain in prison.

Article 64: Release on parole and suspension of the sentence of placement under the Government custody

When the convict is granted a release on parole for the penalty of imprisonment, the penalty of placement under the Government custody shall be executed immediately.

The penalty of placement under the

Article 62: Mise à la disposition du Gouvernement par deux décisions successives

Lorsqu'un condamné est mis à la disposition du Gouvernement par deux (2) décisions successives, la seconde mise à la disposition du Gouvernement prend cours à la date de la fin d'exécution de la première mise à la disposition du Gouvernement.

Article 63: Exécution de la peine principale d'emprisonnement et celle de mise à la disposition du Gouvernement

A la fin de l'exécution de la peine principale d'emprisonnement, le condamné à la peine de mise à la disposition du Gouvernement reste dans l'établissement pénitentiaire.

Article 64: Libération conditionnelle et suspension de l'exécution de la peine de mise à la disposition du Gouvernement

Lorsque le condamné bénéficie de la libération conditionnelle pour la peine d'emprisonnement, l'exécution de la peine de mise à la disposition du Gouvernement commence immédiatement après cette libération.

La peine de mise à la disposition du

kiba gihagaritswe iyo uwakatiwe akuriweho ifungurwa ry'agateganyo yari yahawe mbere.

Government custody is suspended in case of revocation of the release on parole which the convict had been previously granted.

Gouvernement est suspendue en cas de révocation de la libération conditionnelle antérieure accordée au condamné.

Ni nako bigenda iyo uwakatiwe afashwe agafungwa byemejwe n'urukiko kubera ikindi cyaha akurikiranyweho kabone n'iyo iryo fungwa ryaba ari iry'agateganyo.

The same applies to a convict if he/she is arrested and detained following a court decision due to a new offence, even if subject to a pre-trial detention.

Il en est de même si le condamné est arrêté et détenu en vertu d'une décision judiciaire pour une autre infraction dont il fait objet de poursuite même si cette détention est provisoire.

Ingingo ya 65: Gusaba gukurirwaho igihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta

Article 65: Application for revocation of placement under the Government custody

Article 65: Demande de révocation de la mise à la disposition du Gouvernement

Uwakatiwe washyizwe mu maboko ya Leta, ashobora, igihe cyose, gusaba gukurirwaho icyo gihano. Abisaba urukiko rwamufatiye icyo gihano mu buryo ndakuka na rwo rukabimenyesha Umushinjacyaha wo ku rwego rwarwo.

A convict placed under the Government custody may at any time, apply for the revocation of such a penalty. The application shall be addressed to the Court which pronounced the final judgment, which, in turn, shall notify the Prosecutor of the same level.

Le condamné mis à la disposition du Gouvernement peut à tout moment, demander la révocation de cette condamnation. La demande est adressée à la juridiction qui l'a condamné définitivement et qui, à son tour, la notifie à l'officier de poursuite judiciaire du même degré.

Urwo rukiko rurabisuzuma, rukabifatira icyemezo gisobanuye nyuma yo kumva Ubushinjacyaha n'uwakatiwe.

The Court decides on the application and delivers a justified decision, after hearing from both the Public Prosecution and the convict.

Cette juridiction statue sur la demande et prend une décision motivée, après avoir entendu l'Organe National de Poursuite et le condamné.

Igihe ibyo yasabye bitemewe, ntashobora kugarura icyo kibazo hadashize umwaka umwe (1).

If the application is rejected, the convicted person must wait until a period of one (1) year expires before lodging a new application.

En cas de rejet de la demande, une nouvelle demande ne peut être formulée avant l'expiration d'un délai d'un (1) an.

Icyiciro cya 7: Kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu

Ingingo ya 66: Igisobanuro cyo kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu

Kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu ni:

- 1° gukurwa cyangwa kubuzwa icyitwa umurimo cyose mu butegetsi bwa Leta;
- 2° kubuzwa uburenganzira bwo gutora, bwo kwiyamamaza, bwo gutorwa no muri rusange kubuzwa uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu bwerekeye politiki n'ubwo kwambara impeta z'ishimwe;
- 3° kutemererwa gutanga ubuhamya nk'umuhanga, nk'umutangabuhamya mu byemezo no mu manza, uretse kuba yatanga amakuru;
- 4° kutemererwa kuba mu bagize inama y'umuryango, umwishingizi, gushingwa ibintu, gusimbura umwishingizi, kureberera abadafite ubwenge buhagije, uretse gusa kubigirira abana be bwite;

Section 7: Loss of civic rights

Article 66: Definition of loss of civic rights

The loss of civic rights shall consist of:

- 1° removal or expulsion from any public employment;
- 2° deprivation of the right to vote, the right to stand for election, to be elected and in general deprivation of all civic and political rights and of the right to national medals;
- 3° inability to act as an expert witness, a witness to deeds and to testify in court other than to provide simple information;
- 4° inability to be a family council member, a guardian, a receiver, a supervisory guardian or a court-appointed guardian for persons with limited mental capacity, except for his/her own children;

Section 7: Dégradation civique

Article 66: Définition de la dégradation civique

La dégradation civique consiste dans:

- 1° la destitution ou l'exclusion de tout emploi public;
- 2° la privation du droit de vote, de se porter candidat, d'être élu et, en général, de tous les droits civiques et politiques et du droit de porter des décorations ;
- 3° l'incapacité d'être témoin expert, témoin dans les actes et de déposer en justice autrement que pour donner de simples renseignements;
- 4° l'incapacité de faire partie d'un conseil de famille, d'être tuteur, curateur, subrogé tuteur ou conseil judiciaire, si ce n'est de ses propres enfants ;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

- | | | |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 5° kubuzwa uburenganzira bwo gutunga intwaro, kuba umusirikare, umupolisi cyangwa undi ushinzwe umutekano, kuba umuyobozi, kuba umwarimu cyangwa kugenzura abanyeshuri, kuba umuganga, umucamanza, umushinjacyaha cyangwa uwunganira abandi mu manza; | 5° deprivation of the right to possess arms, the right to serve in the army, the right to be a police officer or a security officer, the right to be a leader, the right to be a teacher or a supervisor in a school, the right to be a medical practitioner, the right to be a judge, a prosecutor or a lawyer; | 5° la privation du droit de détention d'armes, du droit de servir dans les forces armées, de faire partie de la Police ou d'être un agent de sécurité, d'être un dirigeant, d'être un enseignant ou un surveillant dans une école, d'exercer la profession médicale, de juge, d'officier de poursuite judiciaire ou d'avocat; |
| 6° kubuzwa uburenganzira bwo gutunga uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga; | 6° deprivation of the right to hold a driving licence; | 6° la privation du droit d'être titulaire d'un permis de conduire; |
| 7° kubuzwa gutanga sheki, gukoresha ikarita iguhesha amafaranga cyangwa urupapuro ruvunjwamo amafaranga; | 7° prohibition to issue a cheque, a credit card or a negotiable instrument ; | 7° l'interdiction d'émettre un chèque, une carte de crédit ou un titre négociable; |
| 8° guhezwa mu masoko ya Leta; | 8° exclusion from public procurement; | 8° l'exclusion des marchés publics ; |
| 9° kubuzwa gukorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse; | 9° prohibition to engage in transactions with banks and microfinance institutions; | 9° l'interdiction de faire des transactions avec les banques et les institutions de micro-finance; |
| 10° kubuzwa uburenganzira bwo kujya mu mahanga; | 10° deprivation of the right to go abroad; | 10° la privation du droit d'aller à l'étranger ; |
| 11° kubuzwa indi mirimo imwe n'imwe yavugwa mu ica ry'urubanza. | 11° deprivation of the right to practice other professions as may be specified in the judgment. | 11° la privation du droit d'exercer certaines autres fonctions qui seraient énumérées dans le jugement. |

Ingingo ya 67: Igenwa ry'igihano cyo kwambura uburenganzira umuntu afite mu gihugu

Nta muntu ushobora kwamburwa icyarimwe uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu keretse ku bakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu.

Usibye ku bakatiwe igifungo cya burundu, kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu ntibishobora kurenza igihe cy'imyaka makumyabiri (20).

Kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu bishobora guhagarikwa, gukurwaho cyangwa kugabanywa nk'uko bigenda ku byerekeye igihano cy'igifungo.

Kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu, bishobora kuvanwaho iyo uwakatiwe yagiriye igihugu akamaro gahebuje cyangwa yaritangiye gutsura amajyambere y'abatwaga.

Ingingo ya 68: Iyamburwa ry'uburenganzira umuntu afite mu gihugu ku wakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu cyangwa icya burundu cy'umwihariko

Igihano cy'igifungo cya burundu cyangwa

Article 67 : Determining the penalty of loss of civic rights

A person shall not lose all the civic rights except in case of a penalty of life imprisonment.

The loss of civic rights shall not exceed a period of twenty (20) years except for those sentenced to life imprisonment.

The loss of civic rights may be suspended, lifted or reduced under the same conditions as for the imprisonment penalty.

The loss of civic rights of a convict may be lifted if he/she has performed an exceptional act of good citizenship or highly dedicated himself/herself to the promotion of social development.

Article 68: Loss of civic rights for a convict to life imprisonment or life imprisonment with special provisions

The penalty of life imprisonment or life

Article 67: Détermination de la peine de dégradation civique

Nul ne peut être dégradé de l'ensemble des droits civiques sauf en cas de condamnation à l'emprisonnement à perpétuité.

Sauf pour les condamnés à la peine d'emprisonnement à perpétuité, la dégradation civique ne peut excéder vingt (20) ans.

La dégradation civique peut être suspendue, levée ou réduite dans les mêmes conditions que pour la peine d'emprisonnement.

La dégradation civique peut être levée si le condamné a accompli un acte de civisme exceptionnel ou s'il s'est hautement consacré à des œuvres sociales.

Article 68: Dégradation civique pour un condamné à la peine d'emprisonnement à perpétuité ou à l'emprisonnement à perpétuité avec réclusion criminelle

La peine d'emprisonnement à perpétuité ou

icya burundu cy'umwihariko kijyana no kwamburwa ku buryo buhoraho uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu nk'uko buteganywa mu ngingo ya 66 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 69: Ingingo rusange

Kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu no gutangaza igihano cyatanzwe bishobora gutangwa bikongerwa ku gihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze imyaka itanu (5).

UMUTWE WA III: ITANGWA RY'IBIHANO

Icyiciro cya mbere: Amahame rusange

Ingingo ya 70: Iyubahirizwa ry'itegeko mu ica ry'urubanza

Urukiko ruca urubanza rukurikije ibyo itegeko riteganywa, rugomba kugaragaza impamvu rushingiyeho rufata icyemezo.

Ingingo ya 71: Ibyo umucamaza akurikiza mu gutanga igihano

Umucamanza atanga igihano akurikije uko uhanwa yakoze icyaha, ashingiye ku

imprisonment with special provisions entails the permanent loss of all civic rights as provided under Article 66 of this Organic Law.

Article 69: Common provision

The loss of civic rights and the publication of the penalty imposed may be pronounced in addition to the main penalty of imprisonment equal to or exceeding five (5) years.

CHAPTER III: DETERMINING PENALTIES

Section One: General principles

Article 70: Compliance with the law during judgment

The Court shall pass judgment in accordance with the provisions of law and must state the reasons for its decision.

Article 71: Factors taken into account by the judge in determining a penalty

The judge shall determine a penalty according to the gravity of the offence taking into

d'emprisonnement à perpétuité avec réclusion criminelle entraîne de plein droit et de façon perpétuelle la dégradation de l'ensemble des droits civiques tels que prévus à l'article 66 de la présente loi organique.

Article 69: Disposition commune

La dégradation civique et la publication de la peine infligée peuvent être prononcées accessoirement à une peine principale d'emprisonnement égale ou supérieure à cinq (5) ans.

CHAPITRE III: DETERMINATION DES PEINES

Section première: Principes généraux

Article 70: Respect de la loi dans le jugement

La juridiction prononce le jugement dans le respect des dispositions de la loi et doit énoncer les motifs qui justifient sa décision.

Article 71: Éléments guidant le juge dans la détermination d'une peine

Le juge détermine la peine d'après la culpabilité du délinquant en tenant compte de

mpamvu zabimuteye, uko uwakoze icyaha yari asanzwe yitwara, uburyo icyaha cyakozwemo n'imibereho ye bwite.

account offender's motives, history and background, circumstances surrounding the commission of the offence and individual circumstances.

ses mobiles, de ses antécédents, des circonstances qui ont entouré la commission de l'infraction et de sa situation personnelle.

Icyiciro cya 2: Impamvu z'igabanyagihano

Section 2: Mitigating excuses

Section 2: Causes d'excuse

Akicro ka mbere: Ubutoya

Sub-section One: Minority

Sous-section première: Minorité

Ingingo ya 72: Uwakoze icyaha cyangwa icyitso cye afite imyaka iri hagati ya cumi n'ine (14) na cumi n'umunani (18) y'amavuko

Article 72: An offender or an accomplice of an offence aged at least fourteen (14) but less than eighteen (18) years

Article 72: Auteur ou complice d'une infraction âgé de quatorze (14) à dix huit (18) ans

Iyo uwakoze icyaha cyangwa icyitso cye, afite nibura imyaka cumi n'ine (14) y'amavuko ariko itageze kuri cumi n'umunani (18) mu gihe icyaha cyakorwaga, iyo bibaye ngombwa gutanga igihano, ibihano bitangwa ni ibi:

When an offender or an accomplice is aged at least fourteen (14) but less than eighteen (18) years at the time of commission of an offence and if the sentencing appears necessary, the following penalties shall apply:

Lorsqu'un auteur d'une infraction ou son complice est âgé d'au moins quatorze (14) ans mais de moins de dix-huit (18) ans au moment de la commission d'une infraction et si la condamnation s'avère nécessaire, les peines à prononcer sont:

1° iyo yari guhanishwa igifungo cya burundu cyangwa cya burundu cy'umwihariko, ahanishwa igifungo cy'imyaka kuva ku icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15);

1° if he/she would be subjected to a life imprisonment or life imprisonment with special provisions, he/she shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years;

1° s'il devait encourir la peine d'emprisonnement à perpétuité ou d'emprisonnement à perpétuité avec réclusion criminelle, il est condamné à un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans ;

2° iyo yari guhanishwa igifungo kimara igihe cyangwa cy'ihazabu, ibihano ahanishwa ntibishobora kurenga icya

2° if he/she would be subjected to a fixed-term imprisonment or a fine, he/she shall be liable to penalties not

2° s'il devait encourir une peine d'emprisonnement à durée déterminée ou d'une peine d'amende,

kabiri (1/2) cy'ibihano yagombaga guhanishwa iyo aba afite imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

exceeding half (1/2) of the penalties he/she would receive if he/she was aged eighteen (18) years.

les peines à prononcer contre lui ne peuvent pas dépasser la moitié (1/2) de celles auxquelles il devait être condamné s'il avait dix-huit (18) ans.

Akiciro ka 2: Ubusembure

Sub-section 2: Provocation

Sous-section 2: Provocation

Ingingo ya 73: Ibihano mu gihe cy'ubusembure

Article 73: Penalties in case of provocation

Article 73: Peines lorsqu'il y a provocation

Ibihano ku byaha biragabanywa, iyo ababikoze basembuwe.

Penalties shall be reduced for offences committed under provocation

Les peines sont réduites pour les infractions commises sous l'effet de la provocation.

Ingingo ya 74: Urubanza mu gihe habaye ubusembure

Article 74: Judgment in case of provocation

Article 74: Jugement lorsqu'il y a provocation

Igihe habaye ubusembure, umucamanza agaragaza mu bigize urubanza, ingingo zerekana ko uwakorewe icyaha ari we nyirabayazana maze zikagabanya uburemere bw'icyaha.

In case of provocation, the judge shall state elements that constitute provocation by the victim and which mitigate the gravity of the offence.

Lorsqu'il y a provocation, le juge relève dans les faits de la cause les éléments qui constituent la provocation par la victime et qui atténuent la gravité de l'infraction.

Ingingo ya 75: Igabanya ry'igihano iyo habonetse impamvu zishingiye ku busemburwe bw'uwoze icyaha

Article 75: Reduction of a penalty when provocation is proven

Article 75: Réduction de la peine lorsque la provocation de l'auteur est prouvée

Iyo hagaragajwe impamvu zishingiye ku busemburwe bw'uwoze icyaha ibihano bigabanywa ku buryo bukurikira :

If provocation of the offender is proven, the reduction of penalties shall be as follows:

Lorsque la provocation de l'auteur est prouvée les peines sont réduites dans les proportions suivantes :

1° ku cyaha cy'ubugome gikwiranye

1° in case of a felony punishable by life

1° s'il s'agit d'un crime emportant la

- | | | |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>n'igihano cyo gufungwa burundu cyangwa cyo gufungwa burundu y'umwihariko, igihano kiragabanuka kikaba kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5);</p> | <p>imprisonment or life imprisonment with special provisions, the penalty shall be reduced to imprisonment of two (2) years to five (5) years;</p> | <p>peine d'emprisonnement à perpétuité ou d'emprisonnement à perpétuité avec réclusion criminelle, la peine est réduite à une peine d'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans ;</p> |
| <p>2° ku cyaha cy'ubugome gihanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25), igihano kiragabanuka kikaba igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2);</p> | <p>2° in case of a felony punishable by imprisonment of more than five (5) years to twenty five (25) years, the penalty shall be reduced to imprisonment of six (6) months to two (2) years;</p> | <p>2° s'il s'agit d'un crime punissable d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à vingt cinq (25) ans, la peine est réduite à un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans;</p> |
| <p>3° ku cyaha gikomeme gihanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5), igihano kiragabanuka kikaba igifungo kuva ku minsi umunani (8) ariko kitageze ku mezi atandatu (6);</p> | <p>3° in case of a misdemeanour punishable by imprisonment of six (6) months to five (5) years, the penalty shall be reduced to imprisonment of at least eight (8) days but less than six (6) months;</p> | <p>3° s'il s'agit d'un délit punissable d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à cinq (5) ans, la peine est réduite à un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais inférieur à six (6) mois;</p> |
| <p>4° ku cyaha cyoroheje gihanishwa igifungo kitageze ku mezi atandatu (6) cyangwa ihazabu gusa, igihano gihindurwamo igihano nsimburagifungo cy'imirimu ifitiye Igihugu akamaro kuva ku minsi umunani (8) kugeza ku mezi abiri (2).</p> | <p>4° in case of a petty offence punishable by an imprisonment of less than six (6) months or by only fine, the penalty shall be transformed into community service as an alternative penalty to imprisonment of eight (8) days to two (2) months.</p> | <p>4° s'il s'agit d'une contravention punissable d'une peine d'emprisonnement inférieure à six (6) mois ou d'une amende seulement, la peine est transformée en la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général de huit (8) jours à deux (2) mois.</p> |

Icyiciro cya 3: Impamvu nyoroshiyacyaha

Ingingo ya 76: Iyemerwa ry'impamvu nyoroshiyacyaha

Umucamanza ubwe aha agaciro impamvu nyoroshiyacyaha, ari izakibanjirije, ari izagiherekeje cyangwa izagikurikiye.

Kwemeza impamvu zoroshya uburemere bw'icyaha bigomba gusobanurwa.

Ingingo ya 77: Zimwe mu mpamvu nyoroshiyacyaha

Umucamanza ashobora kugabanya ibihano nk'iyoy:

- 1° ushinjwa, mbere yo gukurikiranwa, yemeye icyaha akagisabira imbabazi uwo yakoreye icyaha n'umuryango nyarwanda mu buryo budashidikanywa, akicuza kandi akishyura ibyo yangije nk'uko bari babimutegerejeho;
- 2° ushinjwa yishyikirije urwego rw'ubutabera rubifitiye ububasha, mbere y'uko akurikiranwa cyangwa se mu gihe hatangiye ibikorwa by'ukurikirana;

Section 3: Mitigating circumstances

Article 76: Consideration of mitigating circumstances

The judge may consider the appropriateness of mitigating circumstances which preceded, accompanied or followed an offence.

The decision to accept mitigating circumstances must be justified.

Article 77: Some mitigating circumstances

The judge may among others reduce penalties when:

- 1° the accused, before the commencement of prosecution, pleads guilty and sincerely seek forgiveness from the victim and the Rwandan society and expresses remorse and repairs the damage caused as much as expected;
- 2° the accused reports him/herself to a competent Court before or during the pre-trial proceedings;

Section 3: Circonstances atténuantes

Article 76: Appréciation des circonstances atténuantes

Le juge apprécie souverainement les circonstances atténuantes qui ont précédé, accompagné ou suivi l'infraction.

L'admission des circonstances atténuantes doit être motivée.

Article 77: Quelques circonstances atténuantes

Le juge peut atténuer les peines notamment lorsque:

- 1° le prévenu, avant le déclenchement des poursuites, plaide coupable et demande pardon à la victime et à la société rwandaise de manière sincère, en exprimant son repentir et en réparant le dommage qu'il a causé autant qu'on pouvait l'attendre de lui;
- 2° le prévenu se remet à l'autorité judiciaire compétente avant ou pendant la poursuite de l'instruction préparatoire;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

3° mu ntangiriro z'iburanisha ku rwego rwa mbere, ushinjwa yireze akemera icyaha mu buryo budashidikanywa;

4° icyaha cyakozwe nta ngaruka zikomeye cyateje.

3° at the outset of the trial in the first instance, the accused pleads guilty by a sincere confession;

4° the offence has minor consequences.

3° dès l'ouverture des débats au premier degré le prévenu plaide coupable en présentant des aveux sincères;

4° les conséquences de l'infraction sont bénignes.

Ingingo ya 78: Uburyo ibihano bigabanywa iyo hari impamvu nyoroshyacyaha

Article 78: Modalities for reduction of penalties in cases of mitigating circumstances

Article 78: Modalités de réduction des peines en cas de circonstances atténuantes

Iyo hari impamvu zoroshya uburemere bw'icyaha, ibihano bigabanywa ku buryo bukurikira:

If there are mitigating circumstances, the reduction of penalties shall be as follows:

S'il existe des circonstances atténuantes, les peines sont réduites dans les proportions suivantes:

1° igihano cyo gufungwa burundu cyangwa cya burundu y'umwihariko gisimbuzwa igihano cy'igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10);

2° igihano cy'igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) gishobora kugabanywa kugeza ku gifungo cy'imyaka (5);

3° igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitageze ku myaka icumi (10) gishobora kugabanywa

1° life imprisonment or life imprisonment with special provisions is replaced by a penalty of imprisonment of not less than ten (10) years;

2° a penalty of imprisonment of ten (10) years to twenty five (25) years may be reduced up to a term of imprisonment of five (5) years;

3° a penalty of imprisonment of more than five (5) years, but less than ten (10) years may be reduced up to a

1° la peine d'emprisonnement à perpétuité ou d'emprisonnement à perpétuité avec reclusion criminelle est remplacée par une peine d'emprisonnement qui n'est pas inférieure à dix (10) ans;

2° la peine d'emprisonnement de dix (10) ans à vingt cinq (25) ans peut être réduite jusqu' à la peine d'emprisonnement de cinq (5) ans;

3° la peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans, mais inférieure à dix (10) ans peut être réduite jusqu' à la

kugeza ku gifungo cy'umwaka umwe (1);	term of imprisonment of one (1) year;	peine d'emprisonnement d'un (1) an ;
4° igihano cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5) gishobora kugabanywa kugeza ku gifungo cy'amezi abiri (2);	4° a penalty of imprisonment of six (6) months to five (5) years may be reduced up to a term of imprisonment of two (2) months;	4° la peine d'emprisonnement de six mois à cinq (5) ans peut être réduite jusqu'à la peine d'emprisonnement de deux (2) mois ;
5° igihano cy'igifungo kiri muni y'amezi atandatu (6) gishobora gusubikwa.	5° a penalty of imprisonment of less than six (6) months may be suspended.	5° il peut être sursis à l'exécution de la peine d'emprisonnement inférieur à six (6) mois.

Muri ibyo bihe byose, ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atarenga ibihumbi magana atanu (500.000), kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu, no kubuzwa kuba ahantu cyangwa gutegekwa kuba ahantu bishobora kongerwa ku gihano cy'igifungo.

In all of these cases, a fine not exceeding five hundred thousand (500,000) Rwandan francs, the loss of civic rights, the ban on entry into a place or restriction of movement may be added to the penalty of imprisonment.

Dans tous ces cas, une amende de cinq cents mille (500.000) francs rwandais au maximum, la dégradation civique et l'interdiction de séjour ou l'obligation de séjour peuvent être prononcées accessoirement à la peine d'emprisonnement.

Icyiciro cya 4: Isubiracyaha

Ingingo ya 79: Igisobanuro cy'isubiracyaha

Muri iri Tegeko Ngenga, byitwa isubiracyaha, iyo mu gihe cy'imyaka itanu (5) kuva igihe uwakatiwe igihano cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) yakirangije, akongera gukora icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye.

Umuntu wese ugaragaweho isubiracyaha

Section 4: Recidivism

Article 79: Definition of recidivism

For the purposes of this Organic Law, recidivism occurs when a person who was previously sentenced to imprisonment of at least six (6) months, commits another felony or misdemeanour within a period of five (5) years after completion of the penalty.

In case of recidivism, the convict shall receive

Section 4: Récidive

Article 79: Définition de la récidive

Au sens de la présente loi organique, il y a récidive lorsque le condamné à une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois commet de nouveau un crime ou un délit dans un délai de cinq (5) ans après l'exécution de cette peine.

En cas de récidive, le condamné est passible

ahanishwa igihano ntarengwa cyateganyijwe n'itegeko kandi icyo gihano gishobora kongerwa kugeza ku nshuro ebyiri zacyo.

Ingingo ya 80: Ukutabaho kw'isubiracyaha igihe habaye imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa n'ihanagurabusembwa

Nta subiracyaha iba iriho iyo igihano cyahanishijwe icyaha cya mbere cyahanaguwe n'imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa n'ihanagurabusembwa.

Ingingo ya 81: Isubiracyaha ku byaha bihanwa n'amategeko ahana asanzwe n'ibihanwa n'amategeko ya gisirikare

Umuntu wese wahaniwe icyaha cya gisirikare, ntashobora guhanishwa ibihano bigenewe isubiracyaha, mu gihe yakoze nyuma icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye gihanishwa amategeko asanzwe.

Ingingo ya 82: Impurirane z'impamvu nkomezacyaha, iz'igabanyagihano, iz'isubiracyaha n'iz'inyoroshyacyaha

Igihe hari impurirane z'impamvu nkomezacyaha, iz'igabanyagihano, iz'isubiracyaha n'iz'inyoroshyacyaha, inkiko

the maximum penalty provided by law and the penalty may be doubled.

Article 80: No recidivism in case of amnesty or rehabilitation

If the convict has been rehabilitated or the penalty pronounced for the first offence has been removed by amnesty, there shall not be recidivism.

Article 81: Recidivism in case of offences punishable by different category of criminal laws

Any person sentenced for a military offence who subsequently commits a felony or a crime punishable by ordinary laws shall not be liable to penalties applicable in the event of recidivism.

Article 82: Combination of aggravating, excusable, recidivism and mitigating circumstances

In the event of combination of aggravating, excusable, recidivism and mitigating circumstances, Courts shall apply the penalty

du maximum de la peine prévue par la loi et cette peine peut être portée au double.

Article 80: Pas de récidive en cas d'amnistie ou de réhabilitation

Il n'y a pas récidive lorsque la peine prononcée pour la première infraction a été effacée par l'amnistie ou si le condamné a été réhabilité.

Article 81: Récidive en cas d'infractions punies par des lois de régimes différents

Toute personne condamnée pour une infraction militaire qui commet postérieurement un crime ou un délit punissable d'après les lois pénales ordinaires n'est pas passible des peines prévues pour la récidive.

Article 82: Concours de circonstances aggravantes, d'excuses, de récidive et de circonstances atténuantes

En cas de concours de circonstances aggravantes, d'excuses, de récidive et de circonstances atténuantes, les juridictions

zigena igihano zikurikije uko izo mpamvu zikurikirana muri iyi ngingo.

taking into account these factors in the order set out under this Article.

appliquent la peine en tenant compte de ces éléments dans l'ordre énoncé par le présent article.

Icyiciro cya 5: Impurirane z'ibyaha

Section 5: Concurrence of offences

Section 5: Concours d'infractions

Ingingo ya 83: Ibisobanuro by'amagambo

Article 83: Definitions of terms

Article 83: Définitions des termes

1° **impurirane y'ibyaha:** haba impurirane y'ibyaha iyo umuntu umwe akoze ibyaha byinshi kandi nta na kimwe muri byo cyaciriwe urubanza rwabaye ndakuka;

1° **concurrency of offences:** a situation where the same person commits several offences before being finally convicted for one of them;

1° **concurrency d'infractions :** il y a concours d'infractions lorsque le même auteur commet plusieurs infractions sans qu'aucune condamnation définitive ne soit intervenue pour l'une de ces infractions ;

2° **impurirane y'imbonezamugambi:** haba impurirane y'imbonezamugambi iyo:

2° **ideal concurrency:** ideal concurrency of offences occurs when:

2° **concurrency idéal :** il y a concours idéal lorsque :

a. igikorwa kimwe ubwacyo gishobora kubyara ibyaha byinshi;

a. a single act may constitute several offences;

a. un fait unique au point de vue matériel est susceptible de plusieurs qualifications;

b. igikorwa kimwe kigizwe n'ibikorwa bitandukanye bigize ubwabyo ibyaha bitandukanye, bihujwe n'uko bigamije umugambi w'icyaha kimwe cyangwa n'uko bimwe muri byo ari impamvu zongera ububi bw'ibindi.

b. an act comprises acts which, by comprising separate offences, are related among themselves as they arise from a single criminal intent or some of them constitute aggravating circumstances of others.

b. une seule action comprend des faits qui, constituant des infractions distinctes, sont unis entre eux par le fait qu'ils visent une intention délictueuse unique ou que les uns sont des circonstances aggravantes des autres.

3° **impurirane y'imbonezabyaha:** haba

3° **real concurrency:** real concurrency occurs

3° **concurrency réel :** il y a concours réel

impurirane y'imbonezabyaha iyo ibikorwa bitandukanye ubwabyo byakozwe bikurikirana kandi bikabyara ibyaha bidafitanye isano.

when acts which are separate have followed one after the other and are regarded as independent offences.

lorsque les faits, distincts au point de vue matériel, se sont succédés et ont constitué des infractions indépendantes.

Ingingo ya 84: Ibihano mu gihe habaye impurirane y'ibyaha

Article 84: Penalties in case of concurrence of offences

Article 84: Peines en cas de concours d'infractions

Iyo ku gikorwa kimwe gusa cyangwa byinshi, uwakoze icyaha yari guhanishwa ibihano byinshi byo gufungwa cyangwa by'ihazabu, umucamanza amuhanisha igihano kiruta ibindi yongera igihe cyangwa umubare bitewe n'uburyo ibyaha byakozwe ariko ntarenze urugero ntarengwa wongeyeho icya kabiri (1/2) cy'icyo gihano kirushije ibindi gukomera.

If an offender would receive several penalties of imprisonment or fine as a result of one or several acts, the judge shall apply the most severe penalty and increase its duration or the amount depending on the circumstances of the offences, but not exceeding half (1/2) in addition to the maximum of the most severe penalty.

Lorsque par un seul ou plusieurs actes un délinquant devrait encourir plusieurs peines d'emprisonnement ou d'amendes, le juge le condamne à la peine la plus sévère et en augmente la durée ou le montant d'après les circonstances des infractions, mais sans aller au-delà de la moitié (1/2) en sus du maximum de la peine la plus sévère.

Igihano cyose cy'ingereka kiratangwa n'ubwo cyaba giteganyijwe ku cyaha kimwe.

Any additional penalty shall be applied even if it is only provided for one of the concurrent offences.

Toute peine accessoire est appliquée, même si elle n'est prévue que pour l'une des infractions en concours.

Igihano kiruta ibindi ni igifite urwego ntarengwa rwo hejuru rusumba urw'ibindi bihano.

The most severe penalty shall be the one whose maximum range is the highest.

La peine la plus sévère est celle dont le maximum est le plus élevé.

Iyo ibihano bibiri (2) bihwanyije urwego ntarengwa rwo hejuru, igihano kiruta ikindi ni icyisumbuye mu rwego ntarengwa rwo hasi.

When two (2) penalties have the same maximum range, the most severe penalty shall be the one with the higher minimum range.

Lorsque deux (2) peines ont le même maximum, la peine la plus sévère est celle dont le minimum est le plus élevé.

Iyo ibihano byombi binganya urwego

When two penalties have the same maximum

Lorsque deux (2) peines ont le même

ntarengwa rwo hejuru n'urwego ntarengwa rwo hasi, igihano kiruta ikindi ni icyongereweho igihano cy'ihazabu.

Igihe cyose, ihazabu irutwa n'igihano cy'igifungo.

Icyiciro cya 6: Isubikagihano

Ingingo ya 85: Igisobanuro cy'isubikagihano

Muri iri Tegeko Ngenza, isubikagihano ni icyemezo cy'umucamanza gihagarika irangizarubanza ku gihano cy'igifungo kitarengaje imyaka itanu (5) iyo uwagikatiwe atigeze ahanishwa mbere mu rubanza rwabaye ndakuka igihano cy'igifungo cyangwa igihano nsimburagifungo cy'imirimu ifitiye igihugu akamaro kirenze amezi atandatu (6).

Icyemezo cy'umucamanza gisubika igihano kigomba kuba gisobanuwe kandi gifatwa mu rubanza rumwe n'urw'icyaha aburanisha. Gishobora gusubika igihano cyose cyangwa igice cyacyo kandi gishobora gutangwa ku bihano by'iremezo cyangwa by'umugereka.

and minimum range, the most severe penalty is that one accompanied by a fine.

A fine shall always be less severe than an imprisonment penalty.

Section 6: Suspension of sentence

Article 85: Definition of suspension of penalty

For the purposes of this Organic Law, the suspension of penalty is a judge's decision to order the stay of execution of a penalty of imprisonment not exceeding five (5) years if the convict has not been previously sentenced to imprisonment or to community service as an alternative penalty to imprisonment of more than six (6) months as a result of a final judgment.

The judge's decision to order the suspension of sentence must be justified and contained in the same judgment as that of the offence he/she adjudicates. Such a decision may order the suspension of execution of all or part of the main or additional penalties.

maximum et le même minimum, la peine la plus sévère est celle qui est assortie d'une peine d'amende.

Une peine d'amende est toujours moins sévère par rapport à une peine d'emprisonnement.

Section 6: Sursis

Article 85: Définition de sursis

Au sens de la présente loi organique, le sursis est la décision du juge ordonnant de surseoir à l'exécution d'une peine d'emprisonnement n'excédant pas cinq (5) ans lorsque le condamné n'a pas fait l'objet de condamnations antérieures dans un jugement définitif à un emprisonnement ou à une peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général supérieur à six (6) mois.

La décision du juge ordonnant le sursis doit être motivée et figurer dans le même jugement que celui de l'infraction qu'il juge. Elle peut ordonner de surseoir à l'exécution de tout ou partie de la peine et cela pour les peines principales ou accessoires.

Ingingo ya 86: Ibihano bisubitswe

Igihamo gitanzwe kandi kigasubikwa kiba gitaye agaciro, niba mu gihe cyemejwe kandi kidashobora kujya hasi y'umwaka umwe (1) no kurenga imyaka itanu (5) uwakatiwe atongeye guhamwa n'icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye yakoze kuva ku muni icyemezo cyahagaritse irangizarubanza kitagishoboye gusubirwaho.

Iyo bitabaye bityo, ibihano byasubikiwe irangiza n'ibyatanzwe nyuma birateranywa kandi akabirangiriza rimwe.

Ingingo ya 87: Ihagarika ry'igihano

Ihagarikwa ry'igihano ntiribuza gutanga amafaranga y'urubanza, ay'indishyi z'akababaro no kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu bikomoka ku gukatirwa. icyakora, kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu bivaho igihe igihano kiba cyataye agaciro hakurikijwe ingingo ya 86 y'iri tegeko ngenga.

Article 86: Suspended penalties

A suspended penalty shall be considered to be void if, within the period set out in the decision and not less than one (1) year and not exceeding five (5) years, the convict has not subsequently been convicted of a felony or misdemeanour from the date when the decision ordering the suspension of sentence has become final.

Otherwise, the penalties which were suspended and those which have been subsequently imposed shall be combined and executed at the same time.

Article 87: Suspension of a penalty

The suspension of a penalty shall not entail exemption from payment of the costs of proceedings and damages and from the loss of civic rights as a result of the sentence. However, the loss of civic rights shall cease to have effect on the date the penalty is considered to be void in accordance with Article 86 of this Organic Law.

Article 86: Condamnations prononcées avec sursis

La condamnation prononcée avec sursis est considérée comme non avenue si, pendant le délai fixé par la décision et qui ne peut être inférieur à un an (1) ni excéder cinq ans (5), le condamné n'est pas de nouveau reconnu coupable d'un crime ou d'un délit commis postérieurement à la date à laquelle la décision accordant le sursis est devenue définitive.

Dans le cas contraire, les peines pour lesquelles le sursis avait été accordé et celles qui font l'objet de la nouvelle condamnation sont cumulées et exécutées en même temps.

Article 87: Suspension d'une peine

La suspension d'une peine n'emporte ni exonération du paiement des frais du procès et des dommages-intérêts ni exonération de la dégradation civique résultant de la condamnation. Toutefois, la dégradation civique cesse d'avoir effet du jour où par application de l'article 86 de la présente loi organique, la condamnation est considérée comme non avenue.

UMUTWE WA IV: UBUSAZE BW'IBIHANO

Ingingo ya 88: Igisobanuro cy'ubusaze bw'ibihano

Muri iri tegeko ngenga, ubusaze ni igihe gishira igihano kikaba kitagishoboye gushyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 89: Ubusaze bw'ibihano by'ihazabu

Igihano cy'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atarenze ibihumbi magana atanu (500.000) gisaza mu gihe cy'imyaka ibiri (2), naho igihano cy'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ari hejuru y'ibihumbi magana atanu (500.000) gisaza mu gihe cy'imyaka icumi (10).

Ingingo ya 90: Ubusaze bw'ibihano by'igifungo

Igihano cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu (6) gisaza mu gihe cy'imyaka ibiri (2).

Igihano cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5) gisaza mu gihe cy'imyaka icumi (10).

CHAPTER IV: PRESCRIPTION OF PENALTIES

Article 88: Definition of prescription of penalties

For the purposes of this Organic Law, prescription means the period of time upon expiration of which a penalty can no longer be executed.

Article 89: Prescription of fines

A fine not exceeding five hundred thousand (500,000) Rwandan francs shall be prescribed after two (2) years have elapsed while a fine exceeding five hundred thousand (500,000) Rwandan francs shall be prescribed after ten (10) years have elapsed.

Article 90: Prescription of imprisonment penalties

The penalty of imprisonment of less than six (6) months shall be prescribed after two (2) years have elapsed.

The penalty of imprisonment of six (6) months to five years (5) shall be prescribed after ten (10) years have elapsed.

CHAPITRE IV: PRESCRIPTION DES PEINES

Article 88: Définition de la prescription des peines

Au sens de la présente loi organique, la prescription est le délai au-delà duquel une peine ne peut plus être exécutée.

Article 89: Prescription des peines d'amende

La peine d'amende n'excédant pas cinq cent mille (500.000) francs rwandais se prescrit par deux (2) ans révolus tandis que la peine d'amende supérieure à cinq cent mille (500.000) francs rwandais se prescrit par dix (10) ans révolus.

Article 90: Prescription des peines d'emprisonnement

La peine d'emprisonnement inférieur à six (6) mois se prescrit par deux (2) ans révolus.

La peine d'emprisonnement de six (6) mois à cinq (5) ans se prescrit par dix (10) ans révolus.

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

Igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) kitari icya burundu gisaza mu gihe cy'imyaka makumyabiri (20).	The penalty of imprisonment of more than five (5) years except life imprisonment shall be prescribed after twenty (20) years have elapsed.	La peine d'emprisonnement supérieur à cinq (5) ans autre que la peine d'emprisonnement à perpétuité, se prescrit par vingt (20) ans révolus.
Igihano cy'igifungo cya burundu n'icy'igifungo cya burundu y'umwihariko ku byaha bisaza, gisaza mu gihe cy'imyaka mironko itatu (30).	Life imprisonment and life imprisonment with special provisions for the prescribed offences shall be prescribed after thirty (30) years.	La peine d'emprisonnement à perpétuité et celle de réclusion criminelle à perpétuité pour les infractions prescriptibles, se prescrivent par trente (30) ans révolus.
Ibihano by'ibyaha bidasaza, ntibisaza.	Penalties for imprescriptible offences shall not be prescribed.	Les peines des infractions imprescriptibles ne se prescrivent pas.
<u>Ingingo ya 91:</u> Ubusaze bw'ibihano by'imigereka	<u>Article 91:</u> Prescription of additional penalties	<u>Article 91:</u> Prescription des peines accessoires
Igihano by'imigereka bisazira rimwe n'ibihano by'iremezo.	Additional penalties shall be prescribed after the same period of time as the principal penalties.	Les peines accessoires se prescrivent en même temps que les peines principales.
<u>Ingingo ya 92:</u> Ibarwa ry'igihe cy'ubusaze bw'ibihano	<u>Article 92:</u> Calculation of the period of prescription of penalties	<u>Article 92:</u> Calcul du délai de prescription des peines
Ibihe by'ubusaze bw'ibihano bitangira kubarwa ku muni icyemezo gitanga igihano cyangwa gikuraho isubikagihano cyabaye ndakuka.	The period of prescription of penalties shall commence the date the decision of the penalty or the revocation of the suspension of the penalty previously ordered has become final.	Les délais de prescription des peines commencent à courir le jour où la décision qui prononce la condamnation ou la révocation d'un sursis précédemment prononcé est devenue définitive.

Ingingo ya 93: Ikurwaho ry'ibihe by'ubusaze bw'ibihano

Ifatwa cyangwa ifungwa ry'uwakatiwe rikuraho ibihe by'ubusaze bw'ibihano uwakatiwe yari amaze adafunze.

Iyo uwakatiwe yari afunze, agatoroka gereza, igihe cy'ubusaze bw'igihano gitangira kubarwa bundi bushya.

Ingingo ya 94: Ihagarikwa ry'ibihe by'ubusaze bw'ibihano

Ubusaze bw'igihano buhagarikwa igihe cyose irangizarubanza ridashoboka ku mpamvu zikomoka ku itegeko cyangwa ku nzitizi itagobotorwa.

Ingingo ya 95: Ubusaze bw'indishyi

Indishyi zagenwe n'inkiko ziburanyisha imanza z'inshinjabyaha zisaza hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 93: Interruption of the prescription of penalties

The arrest or detention of a convict shall interrupt the period of prescription of penalties for which the convict was not detained.

If a convict escapes from prison, the calculation of the period of prescription of the penalty starts afresh.

Article 94: Suspension of the prescription of penalties

The prescription of a penalty shall be suspended whenever the execution of the judgment is prevented by a barrier stemming from a law or a case of force majeure.

Article 95: Prescription of civil damages

Civil damages awarded by criminal Courts shall be prescribed according to the relevant Laws.

Article 93: Interruption de la prescription des peines

L'arrestation ou la détention du condamné entraîne l'interruption des délais de prescription des peines pour lesquels le condamné était libre.

Si le condamné détenu s'évade, le calcul du délai de prescription recommence.

Article 94: Suspension de la prescription des peines

La prescription de la peine est suspendue toutes les fois que l'exécution du jugement est empêchée par un obstacle provenant soit de la loi, soit d'un fait de force majeure.

Article 95: Prescription des condamnations civiles

Les condamnations civiles prononcées par les juridictions siégeant en matière pénale se prescrivent selon les règles y relatives.

INTERURO YA IV: ABAHANWA

TITLE IV: PUNISHABLE PERSONS

TITRE IV: PERSONNES PUNISSABLES

UMUTWE WA MBERE: ABANTU KU GITI CYABO

CHAPTER ONE: NATURAL PERSONS

CHAPITRE PREMIER: PERSONNES PHYSIQUES

Icyiciro cya mbere: Uburyozwacyaha

Section One: Criminal liability

Section première: Responsabilité pénale

Ingingo ya 96: Igihe habaho uburyozwacyaha

Article 96: Occurrence of criminal liability

Article 96: Cas dans lesquels il ya responsabilité pénale

Umuntu ariyozwa icyaha yakoze ubwe.

Criminal liability is personal.

La responsabilité pénale est personnelle.

Uretse igihe hari itegeko ribiteganya ukundi, hahanwa umuntu wakoze icyaha yabigambiriye.

Unless otherwise provided by the law, only a person who intentionally commits an offence shall be liable to a penalty.

Sauf disposition contraire de la loi, est seul punissable celui qui commet intentionnellement une infraction.

Uwakoze icyaha yabigambiriye ni uwagikoze abizi kandi abishaka.

A person who commits an offence intentionally is one who commits it consciously and willingly.

Commet intentionnellement une infraction celui qui la commet avec conscience et volonté.

Nyamara, iyo itegeko ribiteganya habaho icyaha iyo umuntu yagize uburangare, ubwitonzi buke cyangwa ubushishozi buke.

However, where provided by the law, an offence occurs in case of recklessness, negligence or carelessness.

Toutefois, lorsque la loi le prévoit, il y a infraction en cas d'imprudence, de négligence ou d'inattention.

Ingingo ya 97: Abaryozwa icyaha

Article 97: Persons who are criminally liable

Article 97: Personnes pénalement responsables

Icyaha kiryozwa uwagikoze, uwafatanyije na we kugikora n'icyitso cye.

An offender, co-offender and accomplice are criminally liable.

La responsabilité pénale est encourue par l'auteur, son coauteur et son complice.

Ingingo ya 98: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko ngenga, amagambo akurikira asobanura:

- 1° **uwakoze icyaha:** ni uwagikoze ubwe;
- 2° **umufatanyacyaha:** ni uwafatanyije ku buryo butaziguye n'uwakoze icyaha;
- 3° **icyitso:** ni uwafashije uwakoze icyaha mu byagiteguye, mu byoroheje imikorere yacyo cyangwa mu byakinonosoye kandi yarabikoze abizi, cyangwa uwoheje uwakoze icyaha.

Yitwa kandi icyitso uwahishe inkozi z'ibibi cyangwa uwazifashije guhisha mu buryo buteganywa mu ngingo ya 327 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 99: Ihanwa ry'icyitso

Icyitso ntigihanwa kimwe n'uwakoze icyaha cyangwa uwafatanyije na we kugikora keretse igihe:

- 1° itegeko ribiteganywa ukundi;

Article 98: Definitions of terms

For the purpose of this Organic Law, the following terms mean:

- 1° **offender:** a person who commits an offence;
- 2° **co-offender:** a person who directly cooperates in the commission of an offence;
- 3° **accomplice:** a person knowingly aids or abets the offender in preparing, facilitating or committing the offence, or a person who incites the offender.

A person is also considered an accomplice if he/she harbours an offender or aids him/her in the concealing under conditions provided under Article 327 of this Organic Law.

Article 99: Punishment of an accomplice

The accomplice is not subject to the same penalty as the offender or co-offender, except in cases where:

- 1° the law provides otherwise;

Article 98: Définitions des termes

Au sens de la présente loi organique, les termes suivants signifient :

- 1° **auteur :** celui qui a personnellement commis l'infraction ;
- 2° **coauteur :** celui qui a coopéré directement à commettre l'infraction ;
- 3° **complice :** celui qui, en connaissance de cause a aidé l'auteur de l'infraction dans les faits qui l'ont préparée, facilitée ou qui ont abouti à sa consommation, ou celui qui a incité l'auteur de l'infraction.

Est aussi complice, celui qui cache un malfaiteur ou l'aide dans le recel dans les conditions prévues à l'article 327 de la présente loi organique.

Article 99: Répression d'un complice

Le complice n'est pas passible des mêmes peines que l'auteur ou le coauteur, sauf:

- 1° dans le cas où la loi en dispose autrement;

2° umucamanza abona ko uruhare rw'icyitso mu gukora icyaha rungana cyangwa ruruta urwa gatozi.

2° the judge in his/her discretion finds that the accomplice's responsibility in the commission of the offence is the same as or greater than that of the principal offender.

2° lorsque, d'après l'appréciation du juge, la responsabilité du complice dans la commission de l'infraction est la même ou dépasse celui de l'auteur principal.

Icyitso gishobora gukurikiranwa n'ubwo icyaha kitashoboye gukurikiranwa ku wagikoze kubera impamvu zimureba ku giti cye nk'urupfu, ibisazi cyangwa kutamenyekana.

The accomplice may be prosecuted even if criminal action cannot be instituted against the offender due to personal reasons like death, insanity or failure to identify him /her.

Le complice peut être poursuivi même si l'action publique ne peut pas être exercée contre l'auteur pour des causes qui sont personnelles à celui-ci, telles que la mort, la démence ou la non-identification.

Icyiciro cya 2: Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha

Section 2: Grounds for criminal irresponsibility

Section 2: Causes d'irresponsabilité pénale

Ingingo ya 100: Umwana utarageza ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko

Article 100: A child under the age of fourteen (14) years

Article 100: Enfant âgé de moins de quatorze (14) ans

Umwana utarageza ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko ntaryozwa icyaha.

A child who is under the age of fourteen (14) years shall not be criminally liable.

Un enfant âgé de moins de quatorze (14) ans est pénalement irresponsable.

Ingingo ya 101: Ushinjwa arwaye ibisazi

Article 101: Insanity of the accused

Article 101: Etat de démence du prévenu

Nta buryozwacyaha bubaho iyo ushinjwa yari arwaye ibisazi mu gihe yakoraga icyaha.

There shall be no criminal liability when the accused was suffering from insanity during the commission of the offence.

Il n'y a pas de responsabilité pénale lorsque le prévenu était en état de démence au moment de la commission de l'infraction.

Icyakora, uwitesheje ubwenge yabishatse mu gihe cyo gukora icyaha ariyozwa icyaha yakoze n'ubwo yaba yaritesheje ubwenge atagambiriye gukora icyaha.

However, a person who has voluntarily deprived him/herself of the use of his/her mind during the commission of the offence shall remain criminally liable, even if such

Toutefois, celui qui s'est volontairement privé de l'usage de ses facultés mentales au moment de la commission de l'infraction, demeure pénalement responsable, même si

deprivation would have not been caused for the purposes of committing an offence.

cette privation n'aurait pas été provoquée en vue de commettre l'infraction.

Ingingo ya 102: Ishyirwa mu kigo gikurikirana indwara zo mu mutwe

Article 102: Admission to a neuropsychiatric facility

Article 102: Admission dans un établissement neuro- psychiatrique

Umucamanza ashobora, abisabwe n'Ubushinjacyaha, gutegeka ko umuntu ugaragaraho uburwayi bwo mu mutwe ku buryo byahungabanya umudendezo rusange wa rubanda, yashyirwa mu kigo cyagenewe gukurikirana indwara zo mu mutwe.

A judge may, at the request of the Public Prosecution, order that a person who shows signs of insanity and who poses a threat to public order be admitted to a neuropsychiatric facility.

Le juge peut, à la demande de l'Organe National de Poursuite, ordonner qu'une personne qui présente des signes de démence et qui peut constituer une menace à l'ordre public soit admise dans un établissement neuropsychiatrique.

Icyiciro cya 3: Impamvu zikuraho uburyozwacyaha

Section 3: Grounds for exemption from criminal liability

Section 3: Causes exonératoires de la responsabilité pénale

Ingingo ya 103: Gukoreshwa icyaha ku ngufu cyangwa ku gahato

Article 103: Commission of an offence by force or under duress

Article 103: Commettre une infraction sous l'emprise d'une force ou d'une contrainte

Umuntu wakoreshejwe icyaha ku ngufu cyangwa ku gahato adashobora kwigobotora, ntaryozwa ibyo yakoze.

A person who commits an offence by force or under duress if he/she cannot resist shall not be criminally liable.

Une personne qui a commis une infraction sous l'emprise d'une force ou d'une contrainte à laquelle elle ne peut résister n'est pas pénalement responsable.

Ingingo ya 104: Gukora igikorwa gitegetswe cyemewe n'amategeko

Article 104: Committing an ordered and lawful act

Article 104: Accomplir un acte prescrit autorisé par la loi

Umuntu ukora igikorwa gitegetswe cyemewe n'itegeko ntabiryoza. Ni kimwe n'umuntu ukora igikorwa ategetswe n'umuyobozi wemewe n'amategeko, uretse

A person who commits an ordered and lawful act shall not be criminally liable. The same shall apply to a person who commits an act ordered by the legitimate authority, unless

N'est pas pénalement responsable la personne qui accomplit un acte prescrit autorisé par la loi. Il en est de même de la personne qui accomplit un acte commandé

igihe icyo gikorwa bigaragara ko kinyuranye n'amategeko.

Ingingo ya 105: Kwitabara

Umuntu afatwa ko yitabara igihe:

- 1° yirukana nijoro uwinjiye ahantu hatuwe aciye urugi, yakoresheje ingufu cyangwa uburiganya;
- 2° ahanganye n'abajura cyangwa abandi bagizi ba nabi.

Ingingo ya 106: Ukutaryozwa icyaha ku muntu witabara cyangwa utabara undi

Umuntu asagariwe ubwe cyangwa hasagariwe undi muntu, akitabara cyangwa akamutabara ntabiryoza, uretse iyo uburyo bwakoreshejwe mu kwitabara cyangwa mu gutabara undi busumbye kure uburemere bw'amakuba.

such an act is manifestly unlawful.

Article 105: Self-defence

A person shall be considered to act in self-defence when he/she commits an act to:

- 1° repel, during night, a person who breaks into an occupied place, enters by force or trickery;
- 2° defends him/herself against perpetrators of theft or other criminals.

Article 106: Exemption from criminal liability in case of self-defence or defence of another person

A person who, in case of an unjustified attack on him/herself or another person, acts in self-defence or in case of defence of another person shall not be criminally liable, except if there is excessive disproportion between the means of defence used and the gravity of the attack.

par l'autorité légitime, sauf si cet acte est manifestement illégal.

Article 105: Légitime défense

Une personne est considérée avoir agi en état de légitime défense quand elle accomplit un acte pour:

- 1° repousser la nuit quelqu'un qui entre par effraction, violence ou ruse dans un lieu habité;
- 2° se défendre contre les auteurs de vol ou d'autres malfaiteurs.

Article 106: Exonération de la responsabilité pénale en cas de légitime défense ou de défense d'autrui

Une personne qui, devant une atteinte injustifiée envers elle-même ou autrui, accomplit un acte de légitime défense d'elle-même ou d'autrui, n'est pas pénalement responsable sauf s'il y a disproportion excessive entre les moyens de défense employés et la gravité de l'atteinte.

Ingingo ya 107: Ukutaryozwa icyaha gikozwe harengerwa umutungo

Umuntu ntaryozwa icyaha, iyo mu gihe cyo guhagarika icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye cyo konona umutungo, akoze igikorwa cyo kurwana kuri uwo mutungo, akoresheje uburyo bwari ngombwa kandi budasumbye kure uburemere bw'icyaha.

Ingingo ya 108: Ukutaryozwa icyaha mu gihe cy'amakuba

Umuntu ntaryozwa icyaha mu gihe yugarijwe n'amakuba cyangwa yugarije undi muntu, iyo akoze igikorwa cyo kwirwanaho cyangwa cyo kurwana kuri uwo muntu, uretse gusa mu gihe uburyo bwakoreshejwe burenze kure uburemere bw'ayo makuba.

Icyiciro cya 4: Ingingo rusange

Ingingo ya 109: Ukutabaho k'uburyozwacyaha ry'uburyozwacyaha

Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha n'izikuraho uburyozwacyaha zireba gatozi ubwe ntizikurikizwa ku bafatanyije na we

Article 107: Exemption from criminal liability in defense of property

A person who, in stopping the commission of a felony or a misdemeanour against property, commits an act to defend such property by using means which are necessary and proportionate to the gravity of the offence shall not be criminally liable.

Article 108: Exemption from criminal liability in case of danger

A person who, in the presence of an actual or imminent danger which poses a threat to him/her or to another person, commits an act necessary for self-defence or for the defence of that other person, shall not be criminally liable, except if there is excessive disproportion between the means of defence used and the gravity of the danger.

Section 4: General provisions

Article 109: Exemption and relief from criminal liability

The grounds for exemption from criminal liability and relief from liability of the offender shall not apply to his/her co-

Article 107: Exonération de la responsabilité pénale en cas d'infraction commise en défendant un bien

Une personne qui, pour interrompre la commission d'un crime ou d'un délit contre un bien, accomplit un acte pour défendre ce bien en utilisant les moyens nécessaires et proportionnels à la gravité de l'infraction n'est pas pénalement responsable.

Article 108: Exonération de la responsabilité pénale en cas de danger

Une personne qui, face à un danger actuel ou imminent qui la menace ou qui menace une autre personne, accomplit un acte nécessaire à sa défense ou à la défense de cette autre personne, n'est pas pénalement responsable sauf s'il y a disproportion excessive entre les moyens employés et la gravité du danger.

Section 4: Dispositions générales

Article 109: Irresponsabilité et exonération de la responsabilité pénale

Les causes subjectives d'irresponsabilité pénale et exonératoires de la responsabilité pénale de l'auteur n'ont pas d'effets à

gukora icyaha cyangwa ku byitso bye.

Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha n'izikuraho uburyozwacyaha ntizibuza kandi, iyo ari ngombwa, ko habaho uburyozwe bw'indishyi.

Ingingo ya 110: Uburyozwe bw'indishyi, kugabanuka, kwiyongera cyangwa kuvaho k'uburyozwacyaha

Abaryozwa indishyi zikomoka ku cyaha ni abagaragaweho ko bakoze icyaha cyangwa niba ari abataryozwa icyaha, ni ababashinzwe nk'uko bisobanuwe mu Gitabo cy'Amategeko y'Imbonezamubano.

Uburyozwacyaha buragabanuka, buriyongera cyangwa bukavaho, iyo impamvu zibugabanya, zibwongera cyangwa zibuvanaho zishingiye ku cyaha cyangwa uwagikoze.

Kwemerwa kw'izo mpamvu bituma igihano cyateganyijwe kigabanuka, cyiyongera cyangwa kivaho.

offenders or accomplices.

Also, grounds for exemption and relief from criminal liability shall not imply exemption from civil liability where such liability is deemed necessary.

Article 110: Civil liability, mitigating, aggravating or exemption of criminal liability

Persons who incur civil liability as a result of an offence shall be offenders, or in case offenders cannot be held liable, persons who are civilly liable for their acts in accordance with the Civil Code.

Criminal liability shall be mitigated, aggravated or exempted when mitigating, aggravating or justifying circumstances are linked to the offence or to the offender.

The acceptance of such circumstances shall result in reducing, increasing or exempting the convict from the penalty which was provided.

l'égard des coauteurs ou complices.

Les causes subjectives d'irresponsabilité pénale et exonératoires de la responsabilité pénale n'impliquent pas non plus l'exemption de la responsabilité civile si elle est établie.

Article 110: Responsabilité civile, atténuation, aggravation ou exonération de la responsabilité pénale

Ceux qui encourent la responsabilité civile résultant d'une infraction sont, soit les auteurs reconnus responsables, soit en cas de non imputabilité des auteurs, les personnes civilement responsables au sens du Code Civil.

La responsabilité pénale est atténuée, aggravée ou exonérée lorsque des circonstances atténuantes, aggravantes ou justificatives sont attachées à l'infraction ou à l'auteur.

L'admission de ces circonstances a pour effet de diminuer, augmenter ou exempter la peine prévue.

Ingingo ya 111: Ikurikizwa ry'impamvu z'uburyozwacyaha zireba uwakoze icyaha

Impamvu zireba uwakoze icyaha zikurikizwa gusa ku buryozwacyaha bw'uwagikoze ubwe.

Ingingo ya 112: Igabanyagihano

Nta cyaha gishobora kugabanyirizwa igihano keretse mu bihe no mu buryo buteganywa n'itegeko.

UMUTWE WA II: INZEGO ZA LETA, AMASOSIYETE, IBIGO, AMASHYIRAHAMWE CYANGWA IMIRYANGO BYA LETA CYANGWA BYIGENGA BIFITE UBUZIMAGATOZI

Ingingo ya 113: Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigena bifite ubuzimagatozi

Inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigena bifite ubuzimagatozi biryozwa ibyaha byakozwe mu izina ryabyo n'inzego zabyo cyangwa ababihagarariye.

Article 111: Criminal liability due to circumstances inherent to the offender

The circumstances inherent to offender shall have effect only on the liability of that same offender.

Article 112 : Reducing penalties

A penalty shall not be reduced except in the cases and circumstances provided by law.

CHAPTER II: STATE INSTITUTIONS, PUBLIC OR PRIVATE COMPANIES, ENTERPRISES, ASSOCIATIONS OR ORGANIZATIONS WITH LEGAL PERSONALITY

Article 113: Criminal liability of State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality shall be criminally liable for offences committed by their organs or representatives on their behalf.

Article 111: Responsabilité pénale en cas de circonstances inhérentes à l'auteur

Les circonstances inhérentes à l'auteur de l'infraction n'ont d'effet que sur la responsabilité de cette personne même.

Article 112 : Réduction de la peine

Aucune peine ne peut être réduite sauf dans les cas et dans les circonstances prévues par la loi.

CHAPITRE II: INSTITUTIONS DE L'ETAT, SOCIETES, ETABLISSEMENTS, ASSOCIATIONS OU ORGANISATIONS DE DROIT PUBLIC OU PRIVE DOTÉS DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE

Article 113: Responsabilité pénale des institutions de l'Etat, des sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

Les institutions de l'Etat, les sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique sont pénalement responsables des infractions commises pour leur compte par leurs organes ou leurs

Uburyozwacyaha bw'inzeho za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi ntibukuraho ubw'abantu ku giti cyabo bakoze icyo cyaha, ubw'abafatanyacyaha cyangwa ubw'ibitso byabo kuri icyo cyaha.

IGICE CYA II: IBYAHA N'IBIHANO BYABYO

INTERURO YA MBERE: IBYAHA BIKORERWA ABANTU

UMUTWE WA MBERE: IBYAHA BYA JENOSIDE, IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU N'IBYAHA BY'INTAMBARA

Icyiciro cya mbere: Icyaha cya jenocide n'ibihano byacyo

Ingingo ya 114: Igisobanuro cy'icyaha cya Jenocide

Icyaha cya Jenocide ni kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe mu buryo bwateguwe kigamije kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo, bahuriye ku bwenegihugu,, ku bwoko, ku ibara ry'uruhu cyangwa ku

Criminal liability of State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality shall not exclude individuals' responsibility who are offenders, co-offenders or accomplices of the same offence.

PART II: OFFENCES AND THEIR PENALTIES

TITLE ONE: OFFENCES AGAINST PERSONS

CHAPTER ONE: CRIMES OF GENOCIDE, CRIMES AGAINST HUMANITY AND WAR CRIMES

Section One: Crime of genocide and its penalties

Article 114: Definition of crime of genocide

The crime of genocide means any of the following acts committed with intent to destroy, in whole or in part, a national, ethnical, racial or religious group as such, whether in time of peace or in time of war:

représentants.

La responsabilité pénale des institutions de l'Etat, des sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique n'exclut pas celle des personnes physiques auteurs, coauteurs ou complices de la même infraction.

PARTIE II: INFRACTIONS ET LEURS PEINES

TITRE PREMIER: INFRACTIONS CONTRE LES PERSONNES

CHAPITRE PREMIER: CRIMES DE GENOCIDE, CRIMES CONTRE L'HUMANITE ET CRIMES DE GUERRE

Section première: Crime de génocide et ses peines

Article 114: Définition du crime de génocide

Le crime de génocide est l'un des actes suivants, commis de manière organisée dans l'intention de détruire, en tout ou en partie, un groupe national, ethnique, racial ou religieux comme tel, que ce soit en temps de

idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara:

- 1° kwica abo bantu;
- 2° kubatera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe;
- 3° kubashyira, ubigambiriye, mu mibereho ishobora gutuma barimbuka bose cyangwa harimbuka igice cyabo;
- 4° gufata ibyemezo bibabuza kubyara;
- 5° kubambura ku ngufu urubyaro rwabo ukaruha abandi bantu badahuje.

Ingingo ya 115: Ihanwa ry'icyaha cya jenocide

Umuntu wese ukoze, haba mu gihe gisanzwe cyangwa mu gihe cy'intambara, icyaha cya jenocide nk'uko giteganyijwe mu ngingo ibanziriza iyi, ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

paix ou en temps de guerre:

- 1° killing members of the group;
- 2° causing serious bodily or mental harm to members of the group;
- 3° deliberately inflicting on the group harm calculated to bring about physical destruction in whole or in part;
- 4° taking measures intended to prevent births within the group;
- 5° forcibly transferring children of the group to another group.

Article 115: Punishment of the crime of genocide

Any person, who commits, in time of peace or in time of war, the crime of genocide as provided in the preceding Article, shall be liable to life imprisonment with special provisions.

- 1° meurtre de membres du groupe;
- 2° atteinte grave à l'intégrité physique ou mentale de membres du groupe;
- 3° soumission intentionnelle du groupe à des conditions d'existence devant entraîner sa destruction physique totale ou partielle;
- 4° prise de mesures visant à entraver les naissances au sein du groupe;
- 5° transfert forcé d'enfants du groupe à un autre groupe.

Article 115: Répression du crime de génocide

Toute personne qui commet, en temps de paix ou en temps de guerre, le crime de génocide tel que prévu dans l'article précédent, est passible de la réclusion criminelle à perpétuité.

Ingingo ya 116: Ihanwa ry'icyaha cy'ihakana n'ipfobya rya jenocide yakorewe Abatutsi

Umuntu wese ugaragaje mu ruhame haba mu mvugo, mu nyandiko, mu mashusho cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose ko atemera jenocide yakorewe Abatutsi, uyipfobya, ugerageza gusobanura cyangwa kwemeza ko yari ifite ishingiro cyangwa uhishira cyangwa wonona ibimenyetso byayo ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icyenda (9).

Iyo ibyaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'ishyirahamwe cyangwa umutwe wa politiki rihanishwa guseswa.

Ingingo ya 117: Kwiba imibiri y'abazize jenocide yakorewe abatutsi

Umuntu wese wiba imibiri y'abazize jenocide yakorewe Abatutsi cyangwa ibimenyetso biri mu rwibutso rw'abazize jenocide yakorewe abatutsi, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

Article 116: Punishment of the crime of negationism and minimization of the genocide against the Tutsi

Any person who publicly shows, by his/her words, writings, images, or by any other means, that he/she negates the genocide against the Tutsi, rudely minimizes it or attempts to justify or approve its grounds, or any person who hides or destroys its evidence shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to nine (9) years.

If the crimes under Paragraph One of this Article are committed by an association or a political organisation, its dissolution shall be pronounced.

Article 117: Theft of remains of the victims of the genocide against the Tutsi

Any person who steals the remains of the victims of the genocide against the Tutsi or evidences which are in a memorial site for the genocide against the Tutsi shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

Article 116: Répression du négationnisme et de la minimisation du génocide perpétré contre les Tutsi

Toute personne qui, publiquement, manifeste, dans ses paroles, écrits, images ou de quelque manière que ce soit, qu'elle nie le génocide perpétré contre les Tutsi, le minimise grossièrement, cherche à le justifier ou à approuver son fondement ou qui en dissimule ou détruit les preuves, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à neuf (9) ans.

Lorsque les crimes visés dans l'alinéa premier du présent article sont commis par une association ou une formation politique, sa dissolution est prononcée.

Article 117: Vol de corps des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi

Toute personne qui vole les corps des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi ou des preuves se trouvant dans un site mémorial du génocide perpétré contre les Tutsi est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Igihe icyaha giteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe n'ishyirahamwe iryo ari ryo ryose, rihanishwa guseswa.

In case the offence provided under Paragraph One of this Article is committed by any association, it shall be liable to dissolution.

Au cas où l'infraction prévue à l'alinéa premier du présent article est commise par une association de quelque nature que ce soit, elle est passible de la dissolution.

Ingingo ya 118: Kwangiza imibiri y'abazize jenocide yakorewe Abatutsi

Article 118: Destroying remains of victims of the genocide against the Tutsi

Article 118: Destruction des corps des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi

Umuntu wese utwika cyangwa wangiza ku bushake imibiri y'abazize jenocide yakorewe Abatutsi, akoresheje uburyo ubwo aribwo bwose, ahanishwa igifungo cya burundu.

Any person, who deliberately incinerates or destroys remains of the victims of the genocide against the Tutsi in any way whatsoever, shall be liable to life imprisonment.

Toute personne qui, intentionnellement, incinère ou détruit de quelque manière que ce soit les corps des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 119: Gusenya inzibutso cyangwa amarimbi y'abazize jenocide yakorewe Abatutsi

Article 119: Demolishing memorial sites or cemeteries for the victims of the genocide against the Tutsi

Article 119: Démolition des sites mémoriaux ou cimetières des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi

Umuntu wese usenya urwibutso cyangwa irimbi ry'abazize jenocide yakorewe Abatutsi, ahanishwa igifungo cya burundu.

Any person who demolishes a memorial site or a cemetery for the victims of the genocide against the Tutsi shall be liable to life imprisonment.

Toute personne qui démolit un site mémorial ou un cimetière des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

Icyiciro cya 2: Ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibihano byabyo

Section 2: Crimes against humanity and their penalties

Section 2: Crimes contre l'humanité et leurs peines

Ingingo ya 120: Igisobanuro cy'icyaha cyibasiye inyokomuntu

Article 120: Definition of the crime against humanity

Article 120: Définition du crime contre l'humanité

Icyaha cyibasiye inyokomuntu ni kimwe mu bikorwa bikurikira gikozwe mu bitero

The crime against humanity means any of the following acts when committed as part of a

Le crime contre l'humanité s'entend de l'un des actes suivants commis dans le cadre

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

rusange cyangwa bya simusiga byibasiye abaturage batari abasirikare bazira ubwengehugu bwabo, ibitekerezo bya politiki, ubwoko, cyangwa idini:	widespread or systematic attack directed against any civilian population because of its national, political, ethnic or religious affiliation:	d'une attaque généralisée ou systématique dirigée contre la population civile en raison de son appartenance nationale, politique, ethnique ou religieuse :
1° kwica;	1° murder;	1° meurtre;
2° kurimbura;	2° extermination;	2° extermination;
3° gushyira mu bucakara;	3° enslavement;	3° réduction en esclavage;
4° gutwara bunyago cyangwa kubimura ku ngufu aho bari batuye;	4° deportation or forcible transfer of population;	4° déportation ou transfert forcé de population ;
5° gufunga umuntu cyangwa kumwambura uburenganzira bwe bwo kujya aho ashaka mu buryo bunyuranyije n'amategeko;	5° imprisonment or other severe deprivation of physical liberty in violation of law;	5° emprisonnement d'une personne ou privation grave de sa liberté de mouvement en violation de la loi;
6° kwica urubozo;	6° torture;	6° torture;
7° gusambanya ku gahato, ubucakara bushingiye ku gitsina, gukoresha uburaya ku gahato, guhagarika urubyaro ku gahato cyangwa ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cy'ihohotera rishingiye ku gitsina risa n'ibimaze kuvugwa;	7° rape, sexual slavery, forced prostitution, forced sterilization, or any other form of sexual violence of comparable gravity;	7° viol, esclavage sexuel, prostitution forcée, stérilisation forcée et toute autre forme de violence sexuelle de gravité comparable;
8° gutoteza umuntu umuziza ibitekerezo bye bya politiki, ubwoko, idini cyangwa se ushingiyeye ku rindi	8° persecution against a person on political, racial, national, ethnic, cultural, religious grounds or any	8° persécution d'une personne en raison de son appartenance politique, ethnique, religieuse ou en raison de

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

vangura iryo ari ryo ryose;	other form of discrimination;	toute autre forme de discrimination;
9° kurigisa abantu;	9° enforced disappearance of persons;	9° disparitions forcées des personnes;
10° ivangura rishingiye ku ibara ry'uruhu;	10° the crime of apartheid;	10° crime d'apartheid;
11° ibindi bikorwa birenze kamere muntu bisa n'ibimaze kuvugwa bikoze ku bushake bigamije kubabaza cyangwa kwangiza bikabije umubiri cyangwa ubwenge.	11° other inhuman acts of a similar character intentionally causing great suffering, or serious injury to mental or physical health.	11° autres actes inhumains de caractère analogue causant intentionnellement de grandes souffrances ou des atteintes graves à l'intégrité physique ou mentale.

Ingingo ya 121: Ihanwa ry'icyaha cyibasiye inyokomuntu

Umuntu wese ukora icyaha cyibasira inyokomuntu nk'uko giteganyijwe mu gace ka mbere, aka 2°, aka 3°, aka 6°, aka 7° n'aka 9° tw'ingingo ya 120 y'iri tegeko ngenga, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Umuntu wese ukora icyaha cyibasiye inyokomuntu nk'uko giteganyijwe mu gace ka 4°, aka 5°, aka 8°, aka 10° n'aka 1° tw'ingingo ya 120 y'iri Tegeko Ngenga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Iyo icyaha cyibasiye inyokomuntu, kivugwa

Article 121: Punishment of the crime against humanity

Any person who commits a crime against humanity provided under items 1°, 2°, 3°, 6°, 7° and 9° of Article 120 of this Organic Law shall be liable to life imprisonment with special provisions.

Any person who commits a crime against humanity provided for under items 4°, 5°, 8°, 10° and 11° of Article 120 of this Organic Law shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twenty five (25) years.

When the crime against humanity provided

Article 121: Répression du crime contre l'humanité

Toute personne qui commet un crime contre l'humanité prévu aux points 1°, 2°, 3°, 6°, 7° et 9° de l'article 120 de la présente loi organique est passible d'une peine de réclusion criminelle à perpétuité.

Toute personne qui commet un crime contre l'humanité prévu aux points 4°, 5°, 8°, 10° et 11° de l'article 120 de la présente loi organique est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à vingt cinq (25) ans.

Lorsque le crime contre l'humanité prévu à

mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, cyakozwe giherekejwe n'agashinyaguro, uwagikoze ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Ingingo ya 122: icyaha cya jenocide n'icyaha cyibasira inyokomuntu gikozwe n'inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi

Inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi bishyigikiye, ku buryo ubwo ari bwo bwose, icyaha cya jenocide n'icyaha cyibasira inyokomuntu bivugwa mu ngingo ya 114 n'ya 120 z'iri tegeko ngenga, bihanishwa ibihano bivugwa mu ngingo ya 32 y'iri tegeko ngenga.

Icyiciro cya 3: Ibyaha by'intambara n'ibihano byabyo

Ingingo ya 123: Igisobanuro cy'icyaha cy'intambara

Icyaha cy'intambara ni igikorwa icyo ari cyo cyose mu bikorwa bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwari gikorewe

under paragraph 2 of this Article is accompanied by inhuman and degrading treatments, the offender shall be liable to life imprisonment with special provisions.

Article 122: Crime of Genocide and crimes against humanity by State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality which support in any way the crime of genocide and the crime against humanity provided under Articles 114 and 120 of this Organic Law shall be liable to penalties provided under Article 32 of this Organic Law.

Section 3: War crimes and their penalties

Article 123: Definition of a war crime

A war crime is any of the following acts committed during armed conflict and directed against persons or property protected under

l'alinéa 2 du présent article est accompagné de traitements inhumains et dégradants, l'auteur est passible de la réclusion criminelle à perpétuité.

Article 122: Crime de génocide et crime contre l'humanité commis par les institutions de l'Etat, les sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

Les institutions de l'Etat, les sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique qui soutiennent de quelque manière que ce soit le crime de génocide et le crime contre l'humanité prévus aux articles 114 et 120 de la présente Loi Organique sont passibles des peines prévues à l'article 32 de la présente loi organique.

Section 3: Crimes de guerre et leurs peines

Article 123: Définition du crime de guerre

Le crime de guerre s'entend de l'un des actes suivants commis dans les conflits armés dirigé contre des personnes ou des

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

abantu cyangwa umutungo, birengerwa n'Amasezerano Mpuzamahanga y'i Genève yo ku wa 12 Kanama 1949 n'amasezerano y'inyongera, aya I n'aya II, yo ku wa 8 Kamena 1977:

the provisions of the Geneva Conventions of August 12, 1949 and their additional Protocols I and II of 8 June 1977:

biens protégés aux termes des dispositions des Conventions de Genève du 12 août 1949 et de leurs protocoles additionnels I et II du 8 juin 1977 :

1° kwica umuntu ubishaka;

1° willfully killing;

1° l'homicide intentionnel;

2° kwica umuntu urubozo cyangwa kumufata nabi birenze kamere muntu, harimo kumukoreraho ubushakashatsi;

2° torture or inhuman treatments, including biological experiments;

2° la torture ou les traitements inhumains, y compris les expériences biologiques;

3° kubabaza cyane ku bushake cyangwa kubangamira bikomeye ubusugire bw'umubiri n'ubuzima;

3° willfully causing great suffering or serious injury to body or health;

3° le fait de causer intentionnellement de grandes souffrances ou de porter des atteintes graves à l'intégrité physique ou à la santé;

4° gusenya no kwigabiza ibintu by'abantu bidashingiye ku mpamvu za gisirikari kandi bikorewe ahantu hanini ku buryo bunyuranyije n'amategeko kandi burenganya, nk'amazu yagenewe amadini, ay'abagiraneza cyangwa ay'inyigisho, inyubako ndangamateka z'ibikorwa by'ubugeni n'ibikorwa by'ubumenyi;

4° extensive destruction and appropriation of property, not justified by military necessity and carried out unlawfully and wantonly such as buildings dedicated to religion, charity or education, historical buildings dedicated to works of art and science;

4° la destruction et l'appropriation de biens non justifiées par des nécessités militaires et exécutées sur une grande échelle de façon illicite et arbitraire, tels que les édifices consacrés à la religion, à la bienfaisance ou à l'enseignement, les édifices historiques consacrés à des œuvres d'art et à des œuvres de caractère scientifique;

5° gutegeka imfungwa y'intambara cyangwa umusiviri kurwanirira ingabo z'umwanzi, kuzikorera mu

5° compelling a prisoner of war or other protected person to serve in the forces of hostile power, in its intelligence or

5° le fait de contraindre un prisonnier de guerre ou toute autre personne protégée à servir dans les forces

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

biro by'iperereza cyangwa mu butegetsi;	administrative services;	armées de la puissance ennemie, dans ses services de renseignements ou d'administration;
6° kubuza ku bushake imfungwa y'intambara, yaba umusirikari cyangwa umusiviri, uburenganzira bwe bwo kuburanishirizwa igihe kandi mu mucyo;	6° willfully depriving a prisoner of war or other protected person of the right to regular and fair trial;	6° le fait de priver intentionnellement un prisonnier de guerre ou toute autre personne protégée de son droit d'être jugé régulièrement et impartialement;
7° gutwara ku gahato, kwimura abaturage b'abasiviri cyangwa kubohereza no kubafungira mu bigo by'imbohe cyangwa ibigo bikorerwamo imirimo y'uburetwa;	7° forced deportation, displacement of the civil population or their transfer to or systematic detention in concentration or forced labour camps;	7° la déportation forcée, le déplacement de la population civile ou le transfert ou sa détention systématique dans des camps de concentration ou de travail forcé;
8° gufata abantu bunyago no kubashyiraho iterabwoba;	8° taking of hostages and subjecting them to terrorist acts ;	8° la prise d'otages des personnes et leur soumission aux actes de terrorisme;
9° kugaba igitero ku baturage b'abasiviri cyangwa ku mitungo yabo, uzi neza ko bazakigwamo, bazahakomerekera cyangwa imitungo yabo ikangirika ku buryo bukabije ugereranyije n'inyungu yari iteganyijwe ku rwego rwa gisirikari;	9° intentionally launching an attack against the civil population or their property in the knowledge that such attack will cause loss of life, injury to civilians or serious damage to civilian objects and which would be excessive in relation to the military advantage anticipated;	9° le fait de lancer une attaque contre la population civile ou contre ses biens, sachant qu'une telle attaque causera des pertes en vies humaines, des blessés ou de graves dommages à leurs biens, jugés excessifs par rapport à l'avantage militaire attendu;
10° gukoresha mu buriganya ibimenyetso biranga imiryango itabara imbabare cyangwa ibindi bimenyetso birengera abantu cyangwa ibintu byemewe	10° perfidiously using emblems and distinctive signs of humanitarian organizations or other protective signs of persons or objects recognized by	10° le fait d'utiliser perfidement les emblèmes et signes distinctifs des organisations humanitaires ou d'autres signes protecteurs des

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

n'amategeko mpuzamahanga kugira ngo wice, ukomeretse cyangwa ufate uwo murwana;	International Law, with intention of killing, injuring or capturing the adversary;	personnes ou des biens reconnus par le droit international, en vue de tuer, blesser ou capturer un adversaire;
11° kugaba igitero, ku buryo ubwo ari bwo bwose, mu turere tutarinzwe cyangwa tutagomba kurangwamo intambara ku buryo buzwi;	11° attacking by whatever means, non-defended localities or demilitarized zones which are duly recognized;	11° le fait de soumettre à une attaque, par quelque moyen que ce soit, des localités non défendues ou des zones démilitarisées dûment agréées;
12° ivangura rishingiye ku ibara ry'uruho n'indi mikorere irenze kameremuntu kandi itesha umuntu icyubahiro ishingiyeye ku ivangura ry'amoko bibangamiye icyubahiro cye;	12° practices of apartheid and other inhuman and degrading practices, based on racial discrimination, which give rise to outrages on human dignity;	12° les pratiques de l'apartheid et les autres pratiques inhumaines et dégradantes, fondées sur la discrimination raciale, qui donnent lieu à des atteintes à la dignité de la personne;
13° kwimurira abaturage cyangwa bamwe muri bo ahafashwe n'uruhande rumwe mu barwana, kubimurira ku butaka bwafashwe cyangwa inyuma yabwo ku ngufu kandi bitari mu nyungu z'abaturage;	13° transfer of the population or its part into the territory occupied by a party to the conflict, its deportation within or outside the occupied territory while this is not in the interests of the population;	13° le transfert de la population ou de sa partie dans le territoire occupé par une partie au conflit, sa déportation à l'intérieur ou hors du territoire occupé alors que cela n'est pas dans l'intérêt de la population;
14° gutinda uko ari ko kose kudasobanutse mu gucyura imfungwa z'intambara cyangwa z'abasiviri nyuma y'irangira ry'imirwano;	14° any unjustifiable delay in the repatriation of war prisoners or civilian internees, after the end of active hostilities;	14° tout retard injustifié dans le rapatriement des prisonniers de guerre ou des internés civils, après la fin des hostilités actives;
15° guhanisha umuntu igihano no kukirangiza hatabanje kubaho urubanza rwaciwe n'urukiko rubifitiye ububasha kandi	15° passing of sentences and carrying out of executions without previous judgment pronounced by a regularly constituted court and without	15° les condamnations prononcées et les exécutions effectuées sans qu'il y ait un jugement préalable rendu par un tribunal compétent, et sans respecter

hatubahirijwe uburenganzira bwe;

respecting the rights of the accused;

les droits de l'accusé;

16° kwica cyangwa gukomeretsa umuntu uzi neza ko atari mu mirwano cyangwa mu gihe yarwanaga yashyize intwaro hasi cyangwa atagifite uburyo bwo kwirengera.

16° Intentionally killing or injuring a person with the knowledge that he/she is not part to hostilities, or when he/she was fighting but that he/she had laid down his/her arms or can no longer defend him/herself.

16° le fait de tuer ou de blesser une personne sachant qu'elle n'est pas partie aux hostilités ou lorsqu'elle combattait qu'elle a déposé des armes ou n'a plus les moyens de se défendre.

Ingingo ya 124: Abantu barengerwa n'Amasezerano y'i Genève

Article 124: Persons protected by the Geneva Conventions

Article 124: Personnes protégées par les Conventions de Genève

Abantu barengerwa n'Amasezerano y'i Genève yo kuwa 12 Kanama 1949 n'amasezerano y'inyongera, aya I n'aya II, yo ku wa 8 Kamena 1977 ni aba bakurikira:

Persons protected by the Geneva Conventions of August 12, 1949 and their additional protocols I and II of June 8, 1977 include the following:

Les personnes protégées par les Conventions de Genève du 12 août 1949 et leurs protocoles additionnels I et II du 8 juin 1977 sont les suivantes :

1° abaturage b'abasiviri;

1° the civilian population;

1° la population civile;

2° abasiviri baherereye mu bice by'abarwana;

2° civilians under the power of belligerent parties;

2° les civils sous le pouvoir des parties adverses;

3° inkomere, abarwayi, abari mu ngorane zo kurohama b'abasiviri cyangwa abasirikari;

3° the wounded, sick, shipwrecked civilians or soldiers;

3° les blessés, les malades et les naufragés civils ou militaires;

4° abanyamadini, abavuzi n'abakozi b'ibitaro batari mu mirwano;

4° members of religious, medical and hospital personnel not directly involved in hostilities;

4° les membres du personnel religieux, médical et hospitalier, non engagés directement dans les hostilités;

5° imfungwa z'intambara n'abasiviri bafungiwe ahantu;

5° war prisoners and civilian internees;

5° les prisonniers de guerre et internés civils;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

6° abasiviri n'abasirikari bafungiyeye impamvu zifitanye isano n'intambara;

7° abasirikari batakiri mu mirwano ku mpamvu iyo ari yo yose.

Abasiviri bitwara gisirikare ntibarebwa n'iyi ngingo.

Ingingo ya 125: Ihanwa ry'ibyaha by'intambara

Umuntu wese ukoze kimwe mu byaha by'intambara biteganyijwe mu ngingo ya 123 y'iri tegeko ngenga, ahanwa ku buryo bukurikira :

1° igihano cy'igifungo cya burundu niba yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka mbere, aka 2°, aka 3°, aka 9°, aka 11° n'aka 16°;

2° igihano cy'igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) niba akoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 6°, aka 7°, aka 8°, aka 10° n'aka 12°;

6° civilians and soldiers who have been deprived of their liberty for reasons related to the armed conflict;

7° soldiers who are no longer able to fight for whatever reason.

Civilians behaving like soldiers are not protected under this Article.

Article 125: Punishment of war crimes

Any person who commits one of the war crimes provided under Article 123 of this Organic Law shall be liable to the following penalties:

1° life imprisonment if the person has committed one of the crimes provided under items 1°, 2°, 3°, 9°, 11° and 16° ;

2° a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years, if the person has committed one of the crimes provided under items 6°, 7°, 8°, 10° and 12°;

6° les civils et militaires privés de liberté pour des motifs liés au conflit armé;

7° les militaires mis hors de combat quelle qu'en soit la cause.

Les civils qui se comportent comme des militaires ne sont pas protégés par le présent article.

Article 125: Répression des crimes de guerre

Toute personne qui commet l'un des crimes de guerre prévus à l'article 123 de la présente loi organique est passible des peines suivantes:

1° un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des crimes prévus aux points 1°, 2°, 3°, 9°, 11° et 16°;

2° un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans si elle a commis l'un des crimes prévus aux points 6°, 7°, 8°, 10° et 12°;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

3° igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) iyo akoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 4°, aka 5°, aka 13°, aka 14° n'aka 15°.

3° a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years, if the person has committed one of the crimes provided under items 4°, 5°, 13°, 14° and 15°.

3° un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans si elle a commis l'un des crimes prévus aux points 4°, 5°, 13°, 14° et 15°.

Ingingo ya 126: Ibindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara

Article 126: Other acts which qualify as war crimes

Article 126: Autres actes qualifiés de crimes de guerre

Cyitwa kandi icyaha cy'intambara igikorwa icyo ari cyo cyose mu bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwaro:

A war crime shall also mean any of the following acts committed in armed conflicts:

Le crime de guerre s'entend également de tout acte ci-après commis dans les conflits armés :

1° gukoresha intwaro z'ubumara cyangwa izindi ntwaro zibabaza abantu bitari ngombwa;

1° employment of poisonous weapons or other weapons causing unnecessary suffering;

1° l'emploi d'armes toxiques ou d'autres armes conçues pour causer des souffrances inutiles;

2° gusahura ibintu bya Leta cyangwa by'abantu ku giti cyabo;

2° looting of public or private property;

2° le pillage de biens publics ou privés;

3° guhana abantu ikivunge udakurikije ibyaha bya buri muntu;

3° collective punishments;

3° les peines collectives;

4° gutesha umuntu icyubahiro, by'umwihariko kumusambanya ku gahato, kwangiza igitsina, gushora umuntu mu buraya ku gahato n'ubundi buryo bwose bw'icyaha cy'urukozasoni;

4° outrages on human dignity, in particular rape, sexual torture, forced prostitution and any form of indecent assault;

4° les atteintes à la dignité de la personne, en particulier le viol, les tortures sexuelles, la prostitution forcée et toute forme d'attentat à la pudeur;

5° gushyira abantu mu bucakara no

5° enslavement and slave trade, slavery-

5° la réduction en esclavage et la traite

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

kubacuruza nk'abacakara, ibikorwa bijyana na byo n'imirimo y'uburetwa y'uburyo ubwo ari bwo bwose;	like practices and forced labour in any form;	d'esclaves, les pratiques liées à l'esclavage et le travail forcé sous toutes ses formes;
6° gushyira abantu b'abasiviri imbere ku rugamba bituma baba agakingirizo k'amasasu;	6° use of human shields;	6° l'usage de boucliers humains;
7° ibikorwa bya kiboko bigamije gutera ubwoba abatwaga cyangwa bamwe muri bo;	7° acts of violence meant to terrorize all or part of the population;	7° les actes de violence destinés à semer la terreur dans la totalité ou une partie de la population;
8° gushyira igitugu ku basiviri barimo n'abana, ngo bajye mu mirwano cyangwa ngo bakore imirimo ijyanye n'inshingano za gisirikare;	8° forcing civilians, including children to take part in hostilities or to perform works related to military service purposes;	8° le fait de contraindre des civils, y compris des enfants, à prendre part aux hostilités ou à accomplir des travaux liés à des fins militaires;
9° kwicisha abatwaga inzara no kubabuza ko imfashanyo zagenewe kubagoboka zibageraho;	9° starving the civilian population and preventing humanitarian assistance from reaching such population;	9° le fait d'affamer la population civile et d'empêcher l'aide humanitaire de lui parvenir;
10° gutandukanya ubigambiriye abana n'ababyeyi babo cyangwa n'abandi bashinzwe umutekano n'imibereho myiza byabo;	10° deliberately separating children from their parents or other persons in charge of their security and welfare;	10° le fait de séparer délibérément les enfants de leurs parents ou des personnes responsables de leur sécurité et de leur bien-être;
11° kutavura inkomere, abarwayi, abarohamye n'abandi bantu babujijwe uburenganzira bwabo ku mpamvu zifitanye isano n'intambara;	11° refusal to cater for the wounded, sick, shipwrecked persons and persons whose liberty has been restricted for reasons related to the armed conflict;	11° le fait de ne pas soigner les blessés, les malades, les naufragés et les personnes privées de leur liberté pour des motifs liés au conflit armé;

12° gufata nabi imfungwa cyangwa abantu bahurijwe ahantu hamwe.

12° mistreatment of prisoners or internees.

12° le fait de soumettre les prisonniers ou les internés à de mauvais traitements.

Ingingo ya 127: Ibihano ku bindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara

Article 127: Penalties for other acts qualifying as war crimes

Article 127: Peines pour d'autres actes qualifiés de crimes de guerre

Umuntu wese ukora kimwe mu bindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara biteganyijwe mu ngingo ya 126 y'iri Tegeko Ngenga ahanwa ku buryo bukurikira:

Any person who commits any of the acts qualifying as war crimes provided under Article 126 of this Organic Law shall be liable to the following penalties:

Toute personne qui commet l'un des actes qualifiés de crimes de guerre prévus à l'article 126 de la présente Loi Organique est passible des peines suivantes:

1° igihano cy'igifungo cya burundu iyo akoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka mbere, aka 4°, aka 5°, aka 6°, aka 9° n'aka 10°;

1° life imprisonment if the person has committed one of the crimes provided under items 1°, 4°, 5°, 6°, 9° and 10°;

1° un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des crimes prévus aux points 1°, 4°, 5°, 6°, 9° et 10°;

2° igihano cy'igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) niba yarakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 3°, aka 8°, aka 11° n'aka 12°;

2° a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years, if the person has committed one of the crimes provided under items 3°, 8°, 11° and 12°;

2° un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans, si elle a commis l'un des crimes prévus aux points 3°, 8°, 11° et 12°;

3° igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) niba yarakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 2° n'aka 7°.

3° a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years, if the person has committed one of the crimes provided for under items 2° and 7°.

3° un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans, si elle a commis l'un des crimes prévus aux points 2° et 7°.

Ingingo ya 128: Gukoresha ku mwanzi uburyo cyangwa intwaro bibujijwe

Umuntu wese ukoresha cyangwa utegeka gukoresha ku mwanzi uburyo cyangwa intwaro bibujijwe n'amategeko n'imico bikurikizwa mu bihe by'intambara n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Iyo uburyo n'intwaro byakoreshejwe cyangwa byategetswe gukoreshwa byateye ingaruka y'urupfu rw'umuntu umwe cyangwa benshi, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

Icyiciro cya 4: Ibyaha bibangamira imiryango itabara imbabare

Ingingo ya 129: Ihanwa ry'ibyaha bibangamira imiryango itabara imbabare mu gihe cy'intambara

Umuntu wese:

- 1° ubangamira abakozi b'imiryango itabara imbabare mu mirimo yaby'ubutabazi;

Article 128: Using prohibited methods or weapons against the enemy

Any person who uses or orders prohibited methods or weapons to be used against the enemy, explicitly prohibited under laws and customs applicable to armed conflicts, as well as international conventions ratified by Rwanda shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to twenty (20) years.

When the methods and weapons used or ordered to be used result in the death of one or more persons, the offender shall be liable to life imprisonment.

Section 4: Offences against humanitarian organizations

Article 129: Punishment of offences against humanitarian organizations in wartime

Any person who:

- 1° engages in hostile acts against the personnel of humanitarian organizations in the course of the performance of their duties;

Article 128: Utilisation contre l'ennemi des méthodes ou armes prohibés

Toute personne qui emploie ou ordonne d'employer contre l'ennemi des méthodes ou armes expressément interdits par les lois et usages applicables dans les conflits armés ainsi que par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à vingt (20) ans.

Lorsque les méthodes et armes employés ou ordonnés ont eu pour conséquence la mort d'une ou de plusieurs personnes, le coupable est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Section 4: Infractions contre les organisations humanitaires

Article 129: Répression des infractions contre les organisations humanitaires en temps de guerre

Toute personne qui :

- 1° se livre à des actes d'hostilité envers le personnel des organisations humanitaires dans l'exercice de leurs fonctions;

2° usenya cyangwa wangiza ku bushake mu gihe cy'imirwano, ibikoresho, inyubako cyangwa ububiko bw'ibintu by'iyo miryango cyangwa bicungwa na yo;

2° willfully destroys or damages, during hostilities, facilities or warehouses belonging to or managed by such organizations;

2° détruit ou endommage volontairement, à l'occasion d'hostilités, les installations ou les dépôts appartenant à ces organisations ou placés sous leur gestion ;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to two hundred thousand (200,000) Rwandan francs or one of these penalties.

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 130: Imikoreshereze y'ikirango cy'umuryango utabara imbabare

Ikirango cy'Umuryango Utabara Imbabare gikoreshwa gusa n'abakora imirimo y'ubuvuzi, abakozi no ku bikoresho by'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare, Urugaga Mpuzamahanga rw'Imiryango Itabara Imbabare n'Umuryango Utabara Imbabare y'ibihugu ibifitiye uburenganzira hakurikijwe Amasezerano y'i Genève yo mu 1949 yerekeye kurengera abahohoterwa mu gihe cy'intambara.

Article 130: Use of a humanitarian organization emblem

The use of an emblem of humanitarian organizations shall be exclusively reserved for medical personnel as well as for staff and equipment of the International Committee of the Red Cross, the International Federations of Red Cross and Red Crescent Societies as well as Red Cross and Red Crescent National Societies which are entitled to it under the Geneva Conventions of 1949 for the protection of victims in wartime.

Article 130: Emploi d'un emblème d'une organisation humanitaire

L'usage d'un emblème d'une organisation humanitaire est exclusivement réservé au personnel médical ainsi qu'au personnel et matériel du Comité International de la Croix-Rouge, de la Fédération Internationale des Croix Rouges et des Croissants Rouges ainsi que des Sociétés Nationales de la Croix-Rouge ou du Croissant-Rouge qui y ont droit en vertu des Conventions de Genève de 1949 pour la protection des victimes en temps de guerre.

Ingingo ya 131: Gukoresha mu buriganya ikirango cy'umuryango utabara imbabare

Umuntu wese ukoresha, abigambiriye, wambara cyangwa witwaza ikirango cy'imiryango itabara imbabare cyangwa ikindi kirango cy'icyiganano gishobora gutera urujijo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 132: Ibindi bikorwa bihanwa nk'icyaha cya jenocide, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara

Bitabangamiye ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri Tegeko Ngenga ku byerekeye ubwinjiracyaha n'ubufatanyacyaha, ibikorwa bikurikira bihanishwa ibihano biteganyirijwe ibyaha bivugwa muri uyu Mutwe:

- 1° gutegeka gukora kimwe mu byaha bihanwa n'iri tegeko ngenga n'ubwo kitashyirwa mu bikorwa;
- 2° gusaba umuntu gukora icyo cyaha no kwemera kugikora;

Article 131: Fraudulent use of an emblem of a humanitarian organization

Any person who intentionally and without being entitled to it, uses, wears or carries the emblem of humanitarian organizations, or any other sign constituting an imitation likely to cause confusion shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 132: Other acts punished as the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes

Without prejudice to other provisions of this Organic Law relating to attempt and criminal participation, the following acts shall be punished by penalties provided under this Chapter:

- 1° an order, even when not followed by the commission, to commit any of the crimes provided under this Organic Law;
- 2° a proposal or an offer to commit a crime and the acceptance of such a proposal or offer;

Article 131: Utilisation frauduleuse de l'emblème d'une organisation humanitaire

Toute personne qui, intentionnellement, et sans y avoir droit, utilise, porte ou arbore l'emblème des organisations humanitaires ou tout autre signe en constituant une imitation pouvant prêter à confusion est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 132: Autres actes réprimés comme le crime de génocide, crimes contre l'humanité et crimes de guerre

Sans préjudice des autres dispositions de la présente loi organique relatives à la tentative et à la participation criminelle, les actes suivants sont punis des peines prévues pour les infractions visées dans le présent Chapitre:

- 1° l'ordre, même non suivi d'effet, de commettre l'un des crimes visés par la présente loi organique;
- 2° la proposition ou l'offre de commettre une telle infraction et l'acceptation de pareille proposition

- | | | |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 3° gushishikariza abantu gukora icyo cyaha n'ubwo bitashyirwa mu bikorwa, wifashishije amagambo, amashusho cyangwa inyandiko; | 3° incitement, either by speech, image or writing, to commit such a crime, even when not followed by the commission; | ou offre;
3° l'incitation, par la parole, l'image ou l'écrit, à commettre une telle infraction, même non suivie d'effet; |
| 4° kujya umugambi wo gukora icyo cyaha n'ubwo bitashyirwa mu bikorwa; | 4° conspiracy to commit a crime, even when not followed by the commission; | 4° l'entente en vue de commettre une telle infraction, même non suivie d'effet; |
| 5° gushyigikira umuntu ushaka gukora icyo cyaha n'ubwo atagishyira mu bikorwa; | 5° abetment to commit a crime, even when not followed by the commission; | 5° la complicité de commettre une telle infraction, même non suivie d'effet; |
| 6° kumenya umugambi wo gushyira icyo cyaha mu bikorwa cyangwa ibikorwa bigitegura ntugire icyo ukora ngo ubuze ko kiba cyangwa ngo ugihagarike mu bushobozi bwawe; | 6° the fact of knowing the existence of conspiracy to commit such an offence or that of acts which constitute the start of its commission and omitting to act as far as one is personally able to prevent its completion or put an end to it; | 6° le fait de connaître l'existence de l'entente en vue de l'exécution d'une telle infraction ou des faits qui en commencent l'exécution et omettre d'agir dans les limites de ses possibilités afin d'en empêcher la consommation ou y mettre fin; |
| 7° kugerageza gukora icyo cyaha. | 7° attempt to commit a crime. | 7° la tentative de commettre une telle infraction. |

Icyiciro cya 5: Ingingo rusange ku cyaha cya jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara

Section 5: Common provisions applicable to the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes

Section 5: Dispositions communes au crime de génocide, aux crimes contre l'humanité et aux crimes de guerre

Ingingo ya 133: Uburyozwacyaha bw'umuyobozi n'ubw'uyoborwa

Article 133: Criminal liability of a superior and his/her subordinate

Article 133: Responsabilité pénale du supérieur et du subordonné

Kuba kimwe mu byaha biteganywa muri uyu

The fact that any of the acts provided under

Le fait que l'un quelconque des actes visés

mutwe kuva ku cyiciro cya mbere kugeza ku cyiciro cya gatatu cy'iri Tegeko Ngenza gikozwe n'uyoborwa ntibibuza umuyobozi we kukiryoza mu gihe azi cyangwa yagombaga kumenya ko uwo ayobora yari yiteguye kugikora cyangwa yagikoze ntabe yarafashe ibyemezo bya ngombwa kandi bishyize mu gaciro kugira ngo abuze ko icyo cyaha gikorwa cyangwa ngo afatire ibyemezo uwagikoze kandi abimenyeshe inzego zibishinzwe.

Kuba ushinjwa yarakoze icyaha yubahiriza amabwiriza ya Guverinoma cyangwa y'umuyobozi we ntibimuhanaguraho uburyozwacyaha mu gihe byagaragaraga ko kubahiriza ayo mabwiriza byashoboraga gutuma hakorwa kimwe mu byaha biteganyijwe muri uyu Mutwe.

Ingingo ya 134: Ubudasaza bw'ikurikiranacyaha cya jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara

Ikurikirana ry'icyaha cya jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara n'ibihano byatanzwe kuri ibyo byaha ntibisaza.

this Chapter from section one to section 3 of this Organic Law was committed by a subordinate shall not relieve his/her superior, of criminal liability if he/ she knew or had reason to know that the subordinate was about to commit such acts or had done so and the superior failed to take the necessary and reasonable measures to prevent such acts or to punish the offender and inform relevant authorities.

The fact that an accused person acted pursuant to an order of a Government or a superior shall not relieve him/her of criminal liability where, it was obvious that the order could lead to the commission of any of the offences provided under this Chapter.

Article 134: Imprescriptibility of the crime of Genocide, crimes against humanity and war crimes

Criminal action as well as penalties for the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes are imprescriptible.

au présent Chapitre, de la section première à la section 3 de la présente loi organique a été commis par un subordonné n'exonère pas son supérieur de sa responsabilité pénale s'il savait ou avait des raisons de savoir que le subordonné s'appropriait à commettre cet acte ou l'avait fait et que le supérieur n'a pas pris les mesures nécessaires et raisonnables pour empêcher que ledit acte soit commis ou en punir l'auteur et en informer les organes compétents.

Le fait qu'un accusé a agi en exécution d'un ordre du Gouvernement ou d'un supérieur ne l'exonère pas de sa responsabilité pénale si, manifestement, l'ordre pouvait entraîner la commission d'une des infractions visées au présent Chapitre.

Article 134: Imprescriptibilité du crime de génocide, des crimes contre l'humanité et des crimes de guerre

L'action publique contre le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre ainsi que les peines prononcées pour ces crimes sont imprescriptibles.

**UMUTWE WA II:
INGENGABITEKEREZO YA
JENOSIDE N'IBINDI BYAHA
BIFITANYE ISANO NAYO, IVANGURA
NO GUKURURA AMACAKUBIRI**

**Ingingo ya 135: Ihanwa ry'icyaha
cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi
byaha bifitanye isano na yo**

Umuntu wese ukoze icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifitanye isano na yo ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icyenda (9) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Itegeko rigena ku buryo burambuye ibijyanye n'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

**Ingingo ya 136: Ihanwa ry'icyaha
cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri**

Umuntu wese ukoze icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana

**CHAPTER II: GENOCIDE IDEOLOGY
AND OTHER RELATED OFFENCES,
DISCRIMINATION AND
SECTARIANISM PRACTICES**

**Article 135: Punishment of the crime of
genocide ideology and other related
offences**

Any person who commits the crime of genocide ideology and other related offences shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to nine (9) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000, 000) Rwandan francs.

A law shall provide for the details related to genocide ideology and other related offences.

**Article 136: Punishment of the crime of
discrimination and sectarian practices**

Any person who commits the crime of discrimination and sectarian practices shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one

**CHAPITRE II: IDEOLOGIE DU
GENOCIDE ET AUTRES
INFRACTIONS CONNEXES,
DISCRIMINATION ET PRATIQUES DU
SECTARISME**

**Article 135: Répression du crime
d'idéologie du génocide et d'autres
infractions connexes**

Toute personne qui commet un crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à neuf (9) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Une loi détermine les détails relatifs à l'idéologie du génocide et autres infractions connexes.

**Article 136: Répression du crime de
discrimination et des pratiques du
sectarisme**

Toute personne qui commet un crime de discrimination et des pratiques du sectarisme est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million

(100.000) kugeza kuri miliyoni imwe million (1,000, 000) Rwandan francs. (1.000.000) de francs rwandais.
(1.000.000).

Itegeko risobanura ku buryo burambuye A law shall provide for the details related to Une loi détermine les détails relatifs à la
ibijyanye n'ivangura no gukurura discrimination and sectarianism. discrimination et aux pratiques du
amacakubiri. sectarianisme.

UMUTWE WA III: UBWICANYI, GUKOMERETSA, KUBABAZA AND BATTERY, BODILY INJURIES AND ABORTION **CHAPTER III: HOMICIDE, ASSAULT AND BATTERY, BODILY INJURIES AND ABORTION** **CHAPITRE III: HOMICIDE, COUPS ET BLESSURES, LESIONS CORPORELLES ET AVORTEMENT**

Icyiciro cya mbere: Ibisobanuro by'amagambo **Section One: Definitions of terms** **Section première: Définitions des termes**

Ingingo ya 137: Kwica no gukomeretsa umuntu ku bushake **Article 137: Manslaughter and intentional bodily injuries** **Article 137: Homicide et lésions corporelles volontaires**

Kwica no gukomeretsa umuntu ku bushake ni ukwica no gukomeretsa umuntu harimo umugambi wo kumugirira nabi kabone naho ny'ir'ukubikora yaba yaribeshye agahamya uwo atashakaga cyangwa umugambi we ugomba kuzuzwa habonetse impamvu zikomoka ahandi. Manslaughter and intentional bodily injuries are intentional killing and causing of bodily injuries even if the offender was mistaken about the person who was the victim or his/her plan would be fulfilled depending on circumstances beyond his/her control. L'homicide et lésions corporelles volontaires sont l'homicide commis et les lésions causées avec le dessein d'attenter à la personne d'un individu alors même que l'auteur se serait trompé sur la personne de celui qui a été victime de l'attentat ou que son dessein fût dépendant de quelques circonstances qui lui soient étrangères.

Ingingo ya 138: Kugambirira icyaha **Article 138: Premeditation** **Article 138: Préméditation**

Kugambirira icyaha bivuga umugambi umuntu yiyemeje mbere yo kugirira nabi undi muntu. Premeditation is the plan made to harm a person before such harm is carried out. La préméditation consiste dans le dessein formé, avant l'action, d'attenter à la personne d'un individu.

Ingingo ya 139: Gutega igico

Gutega igico bivuga gutegera umuntu ahantu hamwe cyangwa henshi, mu gihe kinini cyangwa gito, ushaka kumwica cyangwa kumugirira nabi.

Icyiciro cya 2: Ubwicanyi n'amoko yabwo

Ingingo ya 140: Ubwicanyi

Kwica umuntu ubishaka byitwa ubwicanyi. Bihanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 141: Ubwicamubyeyi

Byitwa ubwicamubyeyi, ubwicanyi bukorewe umwe mu babyeyi baba ab'umubiri cyangwa se ababihabwa n'amategeko.

Ubwicamubyeyi buhanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 142: Kwica uwo bashyingiranywe

Kwica uwo bashyingiranywe ni ubwicanyi umwe mu bashyingiranywe akorera undi.

Kwica uwo bashyingiranywe bihanishwa

Article 139: Ambush

An ambush consists of waiting, for a certain period of time in one or various places, for an individual, either to kill him/ her, or to commit violence against him/her.

Section 2: Homicide and its various forms

Article 140: Murder

Murder is intentional killing of a person and shall be punishable by life imprisonment.

Article 141: Parricide

A person who kills any of his/her parents, whether or not such parents are biological or legally recognized shall commit parricide.

Parricide shall be punishable by life imprisonment.

Article 142: Spousal homicide

A person who kills his/her spouse shall commit spousal homicide.

Spousal homicide shall be punishable by life

Article 139: Guet-apens

Le guet-apens consiste à attendre pendant un certain temps, dans un ou divers lieux, un individu soit pour lui donner la mort, soit pour exercer sur lui des actes de violence.

Section 2: Homicide et ses diverses espèces

Article 140: Meurtre

Le meurtre est le fait de tuer une personne intentionnellement et est punissable d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 141: Parricide

Une personne qui tue l'un de ses parents biologiques ou légalement reconnu comme tel, commet le parricide.

Le parricide est punissable d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 142: Homicide du conjoint

L'homicide du conjoint est le meurtre commis par une personne sur son conjoint.

L'homicide du conjoint est punissable d'un

igifungo cya burundu.

Ingingo ya 143: Kwihekura

Kwihekura ni ubwicanyi bukorewe umwana wabyaye cyangwa uwo ubereye umubyeyi mu buryo bwemewe n'amategeko.

Kwihekura bihanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 144: Kuroga

Kuroga ni uguha umuntu ibintu bishobora kwica bwangu cyangwa bitinze, hatitawe ku byakoreshejwe cyangwa uko byahawe nyir'ukubigirirwa n'inkurikizi zabyo.

Kuroga bihanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 145: Ubwicanyi bwongeyeho ubushinyaguzi cyangwa ikindi cyaha cy'ubugome

Umuntu wese wica undi yabanje kumushinyagurira cyangwa yabanje kumukorera ikindi cyaha cy'ubugome ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

imprisonment.

Article 143: Infanticide

A person who kills his/her biological or adopted child shall commit infanticide.

Infanticide shall be punishable by life imprisonment.

Article 144: Poisoning

A person who administers a substance to another person which can cause death more or less promptly regardless of the substance used or its mode of administration and consequences shall commit poisoning.

Poisoning shall be punishable by life imprisonment.

Article 145: Homicide committed by degrading acts or preceded by another felony

Any person who kills another person by inflicting degrading acts or after committing another felony against him/her shall be liable to life imprisonment with special provisions.

emprisonnement à perpétuité.

Article 143: Infanticide

L'infanticide est le meurtre commis par une personne sur son enfant biologique ou adoptif.

L'infanticide est punissable d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 144: Empoisonnement

L'empoisonnement est l'acte d'administrer à une personne des substances qui peuvent donner la mort plus ou moins promptement, quelles que soient les substances employées ou leur mode d'administration et leurs suites.

L'empoisonnement est punissable d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 145: Homicide commis avec des actes dégradants ou précédé par un autre crime

Toute personne qui commet l'homicide en recourant aux actes dégradants ou à un autre crime est passible de la réclusion criminelle à perpétuité.

Ingingo ya 146: Ubwicanyi bwongeyeho ubushinyaguzi ku murambo

Ubwicanyi bwongeyeho ubushinyaguzi ku murambo buhanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Igihe ubwicanyi buba bwagambiriye gutegura, gufasha, gukora icyaha, guhungisha, kuzitira imihanire y'abakoze icyaha cyangwa ibyitso byabo, igihano kiba igifungo cya burundu.

Ingingo ya 147: Kwiyahura

Kwiyahura ntibihanirwa.

Ariko umuntu wese:

1° woshya undi kwiyahura;

2° ufasha undi kwiyahura;

3° utuma undi yiyahura kubera kumutoteza;

ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Article 146: Homicide and degrading acts on the dead body

Homicide and degrading acts on the dead body shall be punishable by life imprisonment with special provisions.

When homicide consists, either in preparing, facilitating or committing an offence, facilitating the escape or impunity of offenders or accomplices of such an offence, the penalty shall be life imprisonment.

Article 147: Suicide

Suicide shall not be punishable.

However, any person who:

1° induces another person to commit suicide;

2° helps other person to commit suicide;

3° provokes another person to commit suicide by inflicting persecution on him/her;

shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 146 : Homicide accompagné d'actes dégradants sur le cadavre

L'homicide accompagné d'actes dégradants sur le cadavre est passible de la réclusion criminelle à perpétuité.

Lorsque l'homicide a pour objet, soit de préparer, faciliter ou commettre une infraction, soit de favoriser la fuite ou d'assurer l'impunité des auteurs ou complices de cette infraction, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.

Article 147: Suicide

Le suicide n'est pas punissable.

Toutefois, toute personne qui :

1° incite autrui à se suicider;

2° aide autrui à se suicider;

3° provoque une autre personne à se suicider à cause de ses persécutions ;

est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Icyiciro cya 3: Kwica umuntu ubigambiriye, gukubita no gukomeretsa umuntu ku bushake

Ingingo ya 148: Gukomeretsa ku bushake ku buryo bubabaje

Umuntu wese ubishaka, ukomeretsa undi cyangwa umukubita cyangwa umusagarira ku buryo bwa kiboko bubabaje, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Mu gihe umugambi cyangwa igico byateguriye icyaha, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Ingingo ya 149: Gukubita cyangwa gukomeretsa undi muntu bitera ubumuga

Igihe gukubita cyangwa gukomeretsa biteye indwara cyangwa kudashobora kugira icyo umuntu yikorera mu gihe nibura cy'iminsi umunani (8), uwakoze icyaha ahanishwa

Section 3: Voluntary manslaughter, assault and battery

Article 148: Aggravated assault and battery

Any person who intentionally causes injuries to another, or beats or commits any serious acts of violence against another person shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand Rwandan francs (500,000) or one of these penalties.

If the offender has acted with premeditation or ambush, he/ she shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to three (3) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Article 149: Battery or bodily injuries resulting in incapacity

If battery or bodily injuries have resulted in illness or incapacity of work for at least eight (8) days, the offender shall be liable to a term of imprisonment of (2) years to five (5) years

Section 3: Homicide, coups et blessures volontaires

Article 148: Coups et blessures volontaires graves

Toute personne qui volontairement fait des blessures ou porte des coups, ou commet toute autre violence grave envers une autre, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'auteur a agi avec préméditation ou guet-apens, il est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à trois (3) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Article 149: Coups ou blessures ayant entraîné l'incapacité

Si les coups ou les blessures entraînent une maladie ou une incapacité de travail pendant huit (8) jours au moins, l'auteur est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq

igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Iyo uwakoze icyo cyaha yagikoze yabigambiriye cyangwa yabitegeye igico, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itandatu (6) kugeza ku myaka umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000),

Ingingo ya 150: Gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu bitera indwara idakira cyangwa ubumuga buhoraho

Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu byateye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora no gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igifungo kiva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Iyo ukoze icyo cyaha yabigambiriye cyangwa yabitegeye igico, ahanishwa igifungo kuva ku myaka umunani (8) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu

and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

If the offender acted with premeditation or ambush, he/she shall be liable to a term of imprisonment of six (6) years to eight (8) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 150: Battery or bodily injuries resulting in incurable illness or permanent incapacity

If battery or bodily injuries result in either incurable illness, permanent incapacity to work, full loss of function of an organ or serious mutilation, the penalty shall be a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

If the offender has acted with premeditation or ambush, he/she shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) years to ten (10) years and a fine of three million (3, 000,000)

(5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Si l'auteur de cette infraction a agi avec préméditation ou guet-apens, il est passible d'un emprisonnement de six (6) ans à huit (8) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 150: Coups ou blessures ayant entraînant une maladie incurable ou une incapacité permanente

S'il est résulté des coups ou des blessures, soit une maladie incurable, soit une incapacité permanente de travail, soit la perte de l'usage absolu d'un organe, soit une mutilation grave, la peine est un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Si l'auteur de cette infraction a agi avec préméditation ou guet-apens, il est passible d'un emprisonnement de huit (8) ans à dix (10) ans et d'une amende de trois millions

y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

to five million (5, 000,000) Rwandan francs.

(3.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 151: Gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu ku bushake bigatera urupfu

Article 151: Battery or bodily injuries resulting in death

Article 151: Coups et blessures volontaires ayant entraîné la mort

Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu ku bushake byateye urupfu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

If an offender commits battery or causes bodily injuries which result into death, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Lorsque les coups portés ou les blessures faites volontairement ont causé la mort, l'auteur est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Iyo yakoze urwo rugomo yabigambiriye cyangwa yabanje gutega igico, ahanishwa igifungo cya burundu.

If an offender has committed such acts of violence with premeditation or ambush, he/she shall be liable to life imprisonment.

Si l'auteur a commis ces actes de violence avec préméditation ou guet-apens, il est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 152: Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake umwana cyangwa umuntu udashoboye kwitabara

Article 152: Battery or causing bodily injuries against a child or a person unable to defend him/herself

Article 152: Coups ou blessures volontaires portés à un enfant ou à une personne incapable d'assurer sa défense

Umuntu wese ukubita abishaka agambiriye kugirira nabi cyangwa gukomeretsa umwana cyangwa umuntu udashoboye kwitabara kubera imiterere ye ku mubiri cyangwa mu bwenge cyangwa se kubera ubusaza, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Any person who intentionally inflicts battery or bodily injuries on a child or a person who is unable to defend him/herself due to his/her physical or mental state or old age, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Toute personne qui, volontairement et intentionnellement, porte des coups ou fait des blessures à un enfant ou à une personne qui, en raison de son état physique ou mental ou de sa vieillesse, est incapable d'assurer sa défense, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Iyo uwakoze icyaha cyo gukubita no gukomeretsa yabigambiriye cyangwa yabitegeye igico bigatera indwara cyangwa kudashobora kwikorera umurimo mu gihe kirenze ukwezi, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 153: Kwicisha inzara cyangwa inyota uwo ushinzwe

Umuntu wese ubishaka, nta gitekerezo cyo kwica kiriho, wicisha inzara cyangwa inyota uwo ashinzwe bikamuviramo urupfu, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Iyo kwicisha inzara cyangwa inyota byakoranywe ubushake bwo kwica byateye urupfu, uwabikoze ahanishwa gufungwa burundu.

Ingingo ya 154: Guha umuntu ikintu gishobora kumutera indwara cyangwa kumwica

Umuntu wese utera undi indwara cyangwa

If the offender commits battery and bodily injuries with premeditation or ambush which result in illness or permanent incapacity to work for a period of more than one month, he/she shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 153: Starving or denying drink to a person for whom one is responsible

Any person who intentionally starves or denies drink to a person for whom is responsible without any intention of causing death but which starvation or denial of drink causes death, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

If the starvation or denial of drink is committed with intention to cause death and results into death, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 154: Administering a substance to a person which may cause illness or death

Any person who causes illness or incapacity

Si l'auteur a agi avec préméditation ou guet-apens ou s'il est résulté de ces coups ou blessures une maladie ou une incapacité de travail de plus d'un mois, il est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 153: Priver une personne dont on est responsable de nourriture ou de boisson

Toute personne qui, intentionnellement, prive une personne dont elle est responsable de nourriture ou de boisson sans intention de donner la mort mais que cela l'a occasionnée, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Si la privation de nourriture ou de boisson commise avec l'intention de donner la mort l'a occasionnée, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 154: Administrer à une personne une substance pouvant causer la maladie ou la mort

Toute personne qui cause à autrui une

ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze
hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye.

The offended spouse may at any stage of the
procedure request that the proceedings be
terminated when he/she retracts and
withdraws the complaint.

L'époux offensé peut, à tous les degrés de la
procédure, demander l'arrêt de la poursuite
s'il se rétracte et retire sa plainte.

Uwahemukiwe ashobora kandi gusaba
guhagarika irangiza ry'urubanza rwabayeho
ndakuka mu nyungu z'umuryango.

The offended spouse may also demand to
suspend the execution of the final court
judgment in the best interest of the family.

L'époux offensé peut également faire
suspendre l'exécution du jugement rendu
définitivement dans l'intérêt de la famille.

Iryo hagarika ry'ikurikirana ry'urubanza
cyangwa ry'irangiza ryarwo bireba
n'uwakoranye icyaha n'uregwa.

The termination of the proceedings or the
execution of court judgment shall apply to the
co-offender.

L'arrêt de la poursuite ou de l'exécution du
jugement concerne également le coauteur de
cette infraction.

**UMUTWE WA VIII: IBYAHA BYO
GUCURUZA ABANTU, GUCA
INGINGO Z'UMUBIRI W'UMUNTU,
KUZICURUZA NO KUZIKOresha
MU BURYO BUNYURANYIJE
N'AMATEGEKO**

**CHAPTER VIII: OFFENCES RELATED
TO HUMAN TRAFFICKING, ILLEGAL
REMOVAL, SALE AND USE OF
HUMAN BODY ORGANS**

**CHAPITRE VIII: INFRACTIONS DE
TRAITE DE PERSONNES, DE
PRELEVEMENT, DE COMMERCE ET
D'UTILISATION ILLICITES
D'ORGANES DU CORPS HUMAIN**

Icyiciro cya mbere: Gucuruza abantu

Section One: Human trafficking

Section première: Traite de personnes

**Ingingo ya 250: Ibisobanuro
by'amagambo**

Article 250: Definitions of terms

Article 250: Définitions des termes

Muri uyu Mutwe, amagambo akurikira afite
ibisobanuro bikurikira:

Under this Chapter, the following terms shall
have the following meanings:

Aux fins du présent chapitre, les termes ci-
après ont les significations suivantes :

1° Icuruzwa ry'abantu ni ibikorwa bihindura

1° Human trafficking means the acts by

1° La traite de personnes

umuntu igicuruzwa bijyanye no gushakisha cyangwa kwimurira umuntu ahandi mu gihugu cyangwa mu mahanga hakoreshejwe uburiganya, ibikangisho, imbaraga cyangwa agahato, ububasha ubikora aba amufiteho, akenshi hagamijwe kumwangiriza ubuzima cyangwa kumubyaza inyungu zitemewe akoreshwa mu biterasoni, mu buraya, mu bikorwa binyuranyije n'amategeko, mu bisa n'ubucakara, kumwica urubozo no kumukorera urugomo ndengakamere cyangwa kumukoresha imirimo yo mu rugo nk'umuja, hishingikirijwe intege nke umuntu afite zikomoka ku bibazo afitanye n'ubuyobozi, ku gutwita k'umugore wibana, indwara, ubumuga n'ibindi bibazo byatuma umuntu muzima akora icyo atatekereje.

Bifatwa kandi nko gucuruza abantu, kubashakamo inyungu hakoreshejwe kubagira abasabirizi ku gahato, kubabera ababyeyi batababyaye hakoreshejwe ikiguzi mu buryo butemewe n'amategeko, kubakoresha mu mashusho

which the individual becomes a commodity consisting in recruitment, transfer of a person to another part of the country or to another country by use of deception, threat, force or coercion, position of authority over the person, in most cases for the purpose of harming his/her life or unlawfully exploiting by indecent assault, prostitution, unlawful practices, practices similar to slavery by torturing and subjecting to cruel treatment or domestic servitude because he/she is vulnerable due to troubles with the authorities, being a single pregnant woman, ill, disabled or due to other situation which impairs a normal person to act.

Human trafficking also means the exploitation of people by involving them in forced begging, illegal adoption upon payment, taking indecent pictures, harmful sports, armed conflicts and living together with them as husband and wife for the purpose of

désigne des actes par lesquels la personne humaine devient une marchandise et qui consistent dans le recrutement et le transfert d'une personne vers une autre partie du pays ou vers un autre pays en recourant à la tromperie, à la menace, à la force ou à la contrainte, à la position d'autorité sur la personne le plus souvent à des fins de compromettre sa vie ou de l'exploiter illicitement en la soumettant aux pratiques portant atteinte à la pudeur, aux pratiques de prostitution, aux pratiques illicites, aux pratiques analogues à l'esclavage, en la torturant et en la soumettant aux traitements cruels ou à la servitude domestique en profitant de sa situation de vulnérabilité due à ses démêlés avec les autorités, à sa situation de femme célibataire enceinte, à une maladie, à l'infirmité ou à tout autre situation susceptible de pousser une personne normale à agir sans réfléchir.

La traite de personnes se définit également comme l'exploitation des personnes de par leur implication forcée dans la mendicité, leur adoption illicite moyennant rémunération, leur implication dans les

- y'urukuzasoni, mu masiporo abangamiye ubuzima, kubashora mu ntambara, kubana na bo nk'umugore n'umugabo hagamijwe iyicarubozo n'icuruzwa ry'ingingo z'imibiri yabo. torturing them and selling their body organs. images à caractère d'attentat à la pudeur, dans les activités sportives nuisibles à leur santé, en les impliquant dans des conflits armés, en vivant ensemble avec eux comme mari et femme aux fins de les torturer et de vendre les organes de leur corps.
- 2° Icuruzwa ry'abana ni igikorwa cyo guha akazi, gutwara, kwimura, gucumbikira abana no gushimuta abana hagamijwe inyungu n'ubwo uburyo wakoresha butaba ari nk'ubwavuzwe mu gace ka mberek'iki gika. 2° Child trafficking means the recruitment, transportation, transfer, harbouring and kidnapping of children for personal interests even if the means used are other than those provided under item one of this Paragraph. 2° La traite d'enfants se définit comme le recrutement, le transport, le transfert, l'hébergement et l'enlèvement des enfants pour des intérêts personnels même si les moyens utilisés diffèrent de ceux visés au point 1° du présent alinéa.
- 3° Gushakwamo inyungu ni uburyo bwose bwo gushaka inyungu zishingiye ku gitsina, imirimo y'agahato, ubucakara n'ibindi bisa na bwo cyangwa guca ururingo rw'umuntu. 3° Exploitation means any form of interests based on sex, forced labour, slavery and other similar practices or the removal of an organ of a human being. 3° L'exploitation désigne toute forme de poursuite des intérêts basés sur le sexe, les travaux forcés, l'esclavage et d'autres pratiques analogues à l'esclavage ou le prélèvement d'un organe d'un être humain.
- 4° Igihugu cy'amavuko ni igihugu uwakorewe icyaha cyo gucuruzwa avukamo cyangwa igihugu yari afitemo uburenganzira buhoraho bwo gutura mu gihe yajyanywe mu kindi gihugu. 4° Country of origin means the country of birth of the victim of trafficking or the country in which the victim has the right of permanent residence in case he/she is transported to another country. 4° Le pays d'origine désigne le pays de naissance de la victime de la traite ou le pays dans lequel cette victime avait le droit de résidence permanente lorsqu'elle a été transportée dans un autre pays.
- 5° Igihugu asanzwemo ni igihugu uwakorewe icyaha cyo gucuruzwa bamusanzemo baje kumutabara. 5° Country of destination means the country in which the victim of trafficking was found at the time of rescue. 5° Le pays de destination désigne le pays dans lequel la victime de la traite a été trouvée au moment du

6° Igihugu anyujijwemo ni igihugu uwakorewe icyaha anyujijwemo ajyanwa mu kindi gihugu.

7° Ibikorwa by'urukozasoni ni ibikorwa cyangwa imyitwarire itandukanye n'imyitwarire myiza n'imyifatire mbonezabupfura bitesha umuntu agaciro mu maso ya rubanda kandi bikamubangamira mu mucu bihanwa n'amategeko.

Icyiciro cya 2: Kuvana abantu mu gihugu ugamije kubacuruza

Ingingo ya 251: Kugira uruhare mu kuvana abantu mu gihugu

Umuntu wese ugira uruhare, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ari we cyangwa abicishije ku wundi, mu gutorokeshya umuntu avanywe mu Rwanda ajyanywe mu mahanga agamije kumucuruza:

1° akoresheje ubushukanyi, imbaraga, ibikangisho n'ubundi buryo bw'agahato;

2° yishingikirije ibibazo umuntu afitanye n'ubuyobozi, ubutabera,

6° Country of transit means the country through which the victim of trafficking was transported to another country.

7° Indecent practices means acts and behaviours contrary to the customs and morality which undermine the dignity and cultural identity of the human being committed in public and punishable by law.

Section 2: Trafficking persons out of the country

Article 251: Participating in trafficking persons out of the country

Any person who participates in any way, personally or through an intermediary, in trafficking a person out of Rwanda to a foreign country by:

1° means of deception, use of force, threat or any other form of coercion;

2° taking advantage of his/her troubles with the authorities, conflict with the

secours.

6° Le pays de transit désigne le pays dans lequel on fait passer la victime en la transportant vers un autre pays.

7° Les pratiques portant atteinte à la pudeur désignent des actes ou comportements contraires aux usages et aux bonnes mœurs commis en public et qui portent atteinte à la dignité et à l'identité culturelle de la personne humaine et punissables par la loi.

Section 2: Trafic des personnes hors du pays en vue de les soumettre à la traite

Article 251: Jouer un rôle dans le trafic des personnes hors du pays

Toute personne qui joue un rôle de quelque manière que ce soit, soit directement ou par personne interposée, à envoyer hors du Rwanda une personne en vue de la soumettre à la traite:

1° par tromperie, force, menace ou toute autre forme de contrainte ;

2° en tirant profit des démêlées de cette

ubupfubyi, ubukene, kwibana, ubumenyi buke, imirimo ivunanye, umuryango w'indahekana, ibura ry'akazi, uburwayi, ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, icyuho mu itegeko n'ibindi byatuma umuntu muzima akora ibyo atatekereje;

law , being an orphan, a destitute, lonely, limited knowledge, hard labour, living in a family with children close in age, unemployment, disease, physical or mental disability, a loophole in the law or any other situation likely to impair a normal person to act;

personne avec les autorités, la justice, de son état d'orphelin, de son indigence, de sa solitude, de son ignorance, des travaux pénibles, de sa famille avec des naissances rapprochées, de son chômage, de sa maladie, de son incapacité physique ou mentale, d'une lacune de la loi ou de toute autre situation susceptible de pousser une personne normale à agir sans réfléchir;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Ibihano biteganyijwe muri iyi ngingo byikuba kabiri igihe uwakorewe icyaha ari umwana.

The penalties under this Article shall be doubled if the victim is a child.

Les peines prévues au présent article sont portées au double lorsque la victime est un enfant.

Iciviro cya 3: Icuruzwa ry'abantu muri rusange

Section 3: Human trafficking in general

Section 3: Traite de personnes en général

Ingingo ya 252: Igihano cy'icyaha cyo gucuruza abantu

Article 252: Penalty for human trafficking

Article 252: Peine pour traite de personnes

Umuntu wese utwara cyangwa utuma batwara, ufata cyangwa ufatisha, ufunga cyangwa ufungisha, utunda cyangwa utundisha abantu abo ari bo bose, agamije kubahindura abacakara cyangwa

Any person who abducts or causes to be abducted, arrests or causes to be arrested, detains or causes to be detained, transports or causes to be transported any person in order to make them slaves, sell them as slaves,

Toute personne qui enlève ou fait enlever, arrête ou fait arrêter, détient ou fait détenir, transporte ou fait transporter des personnes quelconques pour les réduire en esclavage ou

kubagurishiriza kuba abacakara, kubagira abasabirizi ku gahato, kubabera umubyeyi utarababyaye mu buryo butemewe n'amategeko hakoreshejwe ikiguzi kubakoresha mu mashusho y'urukozasoni, mu masiporo ateye ubwoba, kubashora mu ntambara, kubana na bo nk'umugore n'umugabo hagamijwe iyicarubozo cyangwa icuruzwa ry'ingingo z'imibiri yabo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Iyo ibyo bikorwa bivugwa mu gika kibanziriza iki bikozwe ku rwego mpuzamahanga, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

Ingingo ya 253: Igihano cy'umuntu ufite ahantu acururiza abantu

Umuntu wese wishingikiriza ibibazo undi muntu afite akagurisha, agakodesha cyangwa akagena inyubako cyangwa ahandi hantu hakoreshwa uwo muntu ashakwamo inyungu zitemewe, ahanishwa igifungo kuva ku

force them into begging, illegally adopt them on payment of a consideration, take them in indecent pictures, in dangerous sports, in armed conflicts, live together as husband and wife for the purpose of torturing them or selling their organs shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

If the acts under Paragraph One of this Article are committed at an international level, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine of ten million (10,000,000) to twenty million (20,000, 000) Rwandan francs.

Article 253: Penalty for a person owning a place for human trafficking

Any person who takes advantage of the vulnerability of another person to sell, rent or assign a building or any other place for illicit exploitation of that person shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three

les vendre comme esclaves, les entraîner à la mendicité forcée, les adopter illégalement moyennant rémunération, les impliquer dans les images d'attentat à la pudeur, dans les sports dangereux, dans les conflits armés, vivre ensemble avec elles comme mari et femme aux fins de les torturer ou de vendre leurs organes est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Si les actes prévus à l'alinéa premier du présent article sont commis au niveau international, l'auteur est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans et d'une amende de dix millions (10.000.000) à vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

Article 253: Peine pour une personne ayant un lieu de traite de personnes

Toute personne qui profite des problèmes d'une autre personne pour vendre, louer ou affecter un bâtiment ou un autre endroit à des fins d'exploitation illégale de cette personne

mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 254: Igihano ku cyaha cyo kugura umuntu

Umuntu wese ugura umuntu nk'uko bivugwa mu ngingo ya 252 n'iya 253 z'iri Tegeko Ngenga ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 255: Ibihano by'ucuruza undi amushora mu bikorwa by'urukozasoni

Umuntu wese :

- 1° ushakisha, ushishikariza, uyobya cyangwa uherana umuntu uwo ari we wese kugira ngo amushore mu bikorwa by'urukozasoni agamije kumara irari rye;
- 2° ufungura ikigo gikorwamo ibikorwa by'urukozasoni;
- 3° ugurisha, ukodesha cyangwa utiza

(3) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 254: Penalty for buying a human being

A person who buys a human being as provided under Articles 252 and 253 of this Organic Law shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 255: Penalties for a person engaged in trafficking in a human being for the purpose of indecent practices

Any person who:

- 1° recruits, induces, manipulates or holds any person in order to involve him/her in indecent practices to satisfy his/her sexual desire;
- 2° opens a centre intended for indecent acts;
- 3° sells, rents or lends a building or any

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 254: Peine pour achat d'un être humain

Toute personne qui achète un être humain tel que stipulé aux articles 252 et 253 de la présente loi organique est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 255: Peines pour la personne qui pratique le trafic d'un être humain à des fins des pratiques d'attentat à la pudeur

Toute personne qui:

- 1° recrute, encourage, détourne ou retient une personne quelconque pour l'entraîner dans les pratiques d'attentat à la pudeur aux fins d'assouvir son instinct sexuel;
- 2° ouvre un centre affecté aux pratiques d'attentat à la pudeur ;

inyubako cyangwa ahandi hantu ngo hakorerwe ibikorwa by'urukozasoni agamije inyungu ze;

4° ushakira inyungu mu ibikorwa by'urukozasoni by'undi muntu;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 256: Ibihano by'abagize ubucuruzi bw'abantu umwuga

Ibyaha byo kugura, kugurisha no gucuruza abantu nk'uko bisobanurwa mu ngingo ya 252, iya 253 n'ya 254 z'iri Tegeko Ngenga, bihanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000), iyo ibikorwa bibigize byagizwe umwuga.

Iyo ibyo byaha bikoze mu rwego rw'ishyirahamwe ry'abagizi ba nabi ryabigize umwuga, bihanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka

other place for the purpose of indecent acts for his/her interests ;

4° pursues interests by involving another person in indecent acts;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of five hundred thousand (500,000) to three (3) million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 256: Penalties for trafficking in persons as a profession

The offences of buying, selling and trafficking in human beings under Articles 252, 253 and 254 of this Organic Law shall be punishable by a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (2,000,000) Rwandan francs if elements of the offences are committed as a profession.

If the offences are committed as a profession within the framework of a criminal organization, they shall be punishable by a term of imprisonment of ten (10) years to

3° vend, loue ou prête un bâtiment ou un autre lieu pour y exercer les pratiques d'attentat à la pudeur pour ses intérêts personnels;

4° cherche des intérêts en impliquant autrui dans les pratiques d'attentat à la pudeur;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un an (1) et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 256: Peines pour la traite des êtres humains érigée en une profession

Les infractions relatives à l'achat, à la vente et au traite des êtres humains visées aux articles 252, 253 et 254 de la présente loi organique sont passibles d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions de francs (10.000.000) de francs rwandais lorsque la commission des éléments constitutifs de ces infractions en est faite une profession.

Lorsque ces infractions sont commises dans le cadre d'une association de malfaiteurs ayant faite ces infractions en une profession

cumi n'ibiri (12) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 257: Ifatira ry'agateganyo n'ubunyagwe bw'ahantu hakorerwa icuruzwa ry'abantu

Inyubako n'ahandi hantu hose umuntu ashakira inyungu zitemewe, bishobora gufatirwa n'urwego rubifitiye ububasha kugeza igihe urukiko rufashe icyemezo cya burundu cyo gutanga igihano cy'ubunyagwe cyangwa cyo kubisubiza nyirabyo.

Igihano cy'ubunyagwe gishobora gutangwa n'iyo nyir'ugukora icyaha atari nyir'ibintu iyo bigaragaye ko nyir'ibintu yari azi ibikorera mu nyubako ze cyangwa ahandi hantu hose hashakirwa inyungu zitemewe n'amategeko.

Icyiciro cya 4: Icuruzwa ry'abana

Ingingo ya 258: Gushimuta umwana

Umuntu wese ushimuta umwana cyangwa umufata mu buryo bw'uburiganya akamujyana mu mahanga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu

twelve (12) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 257: Temporary seizure and confiscation of places used for human trafficking

Buildings or any other places used for unlawful business may be seized by competent authority pending a final court decision on their confiscation or restitution to their owner.

The penalty of confiscation may be pronounced irrespective of whether or not the offender is not the property owner where it is found that the owner is aware of the acts committed in his/her buildings or other places used for unlawful business.

Section 4: Child trafficking

Article 258: Child kidnapping

Any person who kidnaps or removes a child out of the country shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000)

elles sont punissables d'un emprisonnement de dix (10) ans à douze (12) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 257: Saisie et confiscation des lieux utilisés dans la traite des êtres humains

Les bâtiments ou autres lieux utilisés par une personne à des fins d'exploitation illicite peuvent être saisis par l'autorité compétente jusqu'à ce que la juridiction rende une décision définitive sur leur confiscation ou leur remise au propriétaire.

La peine de confiscation peut être prononcée même si le coupable n'est pas le propriétaire des biens lorsqu'il est constaté que le propriétaire était au courant des actes commis dans ses bâtiments ou dans d'autres lieux utilisés à des fins des bénéfices illicites.

Section 4: Traite d'enfants

Article 258: Enlèvement d'un enfant

Toute personne qui enlève ou soustrait un enfant en vue de l'emmener à l'étranger est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq

y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Rwandan francs.

cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 259: Ibihano by'ucuruza umwana amushora mu buraya cyangwa mu bikorwa by'urukozasoni

Article 259: Penalties for a person who engages in child trafficking for the purpose of prostitution or indecent practices

Article 259: Peines pour une personne qui pratique la traite d'enfants à des fins de prostitution ou des pratiques d'attentat à la pudeur

Umuntu wese:

Any person who:

Toute personne qui:

1° utesha agaciro umuco, ashishikariza, afasha cyangwa yorohereza umwana ibikorwa by'urukozasoni cyangwa uburaya kugira ngo amare irari ry'undi muntu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000);

1° engages in anti-culture by inciting, helping or facilitating a child to engage in indecent practices or in prostitution to satisfy another person's sexual desire shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs;

1° dévalorise la culture en incitant, en aidant ou en facilitant un enfant à s'engager dans des actes d'attentat à la pudeur ou dans la prostitution pour assouvir l'instinct sexuel d'une autre personne est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ;

2° ushora mu buraya cyangwa mu bikorwa by'urukozasoni umwana ufite imyaka kuva kuri cumi n'ibiri (12) kugeza kuri cumi n'umunani (18) ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni umunani (8.000.000);

2° involves a child aged twelve (12) to eighteen (18) years in prostitution or indecent practices shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of three million (3,000,000) to eight million (8,000,000) Rwandan francs;

2° implique un enfant de douze (12) à dix-huit (18) ans dans la prostitution ou dans les pratiques d'attentat à la pudeur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à huit millions (8.000.000) de francs rwandais ;

3° ushora mu buraya cyangwa mu bikorwa by'urukozasoni umwana utaruzuzwa imyaka cumi n'ibiri (12) y'amavuko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

3° involves a child under twelve (12) years into prostitution or indecent practices shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

3° implique un enfant de moins de douze (12) ans dans la prostitution ou dans les pratiques d'attentat à la pudeur est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 260: Ibihano by'ucuruza abana n'ubakoresha ibikorwa by'urukozasoni mu nzira zitandukanye

Article 260: Penalties for child trafficking and involving children in indecent practices through different ways

Article 260: Peines pour la traite d'enfants et leur implication dans les pratiques d'attentat à la pudeur par différentes manières

Umuntu wese, ubwe cyangwa abinyujije ku wundi:

Any person who personally or through an intermediary:

Toute personne qui, directement ou par personne interposée:

1° ushakisha, ushishikariza, uyobya cyangwa uherana umwana agamije kumutoza ibikorwa by'urukozasoni kugira ngo amare irari ry'undi muntu;

1° recruits, induces, manipulates or holds a child in order to involve him/her in indecent practices to satisfy another person's sexual desire ;

1° recrute, encourage, manipule ou séquestre un enfant pour l'entraîner dans les pratiques d'attentat à la pudeur aux fins d'assouvir l'instinct sexuel d'une autre personne;

2° ufungura inyubako iberamo ibikorwa by'urukozasoni cyangwa ikorerwamo uburaya, abana bakajya bakoreramo ibikorwa by'urukozasoni;

2° opens a building intended for indecent practices or prostitution in which children involve in indecent practices ;

2° ouvre un bâtiment affecté aux pratiques d'attentat à la pudeur ou de prostitution dans lequel les enfants s'adonnent aux pratiques d'attentat à la pudeur;

3° ugurisha, ukodesha cyangwa utiza umwana inyubako cyangwa ahandi hantu agamije inyungu mu bikorwa

3° sells, rents or lends a building or any other place to a child for the purpose of making profits from indecent

3° vend, loue ou prête à un enfant un bâtiment ou un autre lieu aux fins de

by'urukozasoni bikorwa n'umwana;

4° ushakira inyungu mu gukoresha umwana ibikorwa by'urukozasoni uko byaba byakozwe kose;

ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 261: Gucuruza abana bikoze n'amashyirahamwe y'abagizi ba nabi

Iyo ibyaha bivugwa mu ngingo ya 259 y'iri tegeko ngenga bikoze mu rwego rw'ishyirahamwe ry'abagizi ba nabi babigize umwuga w'ibanze cyangwa w'ingoboka, n'ubwo uwabikoze yaba atari mu buyobozi bwaryo, bihanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni umunani (8.000.000) kugeza kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000).

Ingingo ya 262: Ibihano ku bagize ishyirahamwe ry'abagize umwuga gushora abana mu buraya

Iyo ibyaha bivuzwe mu ngingo ya 260 y'iri

practices committed by a child;

4° pursues interests by involving a child in any form of indecent practices;

shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 261: Child trafficking by criminal organizations

If the offenses under Article 259 of this Organic Law are committed by members of a criminal organization as their principal or subsidiary occupation even if the offender is not in the leadership of the organization, they shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of eight million (8,000,000) to fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

Article 262: Penalties for members of a criminal organization whose occupation is to involve children in prostitution

If the offenses under Article 260 of this

tirer profit des pratiques d'attentat à la pudeur commises par un enfant;

4° cherche des intérêts en impliquant un enfant dans toutes formes de pratiques d'attentat à la pudeur ;

est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 261: Traite d'enfants par les associations des malfaiteurs

Si les infractions prévues à l'article 259 de la présente loi organique sont commises par les membres d'une association de malfaiteurs qui en ont fait une profession principale ou accessoire même si l'auteur n'est pas parmi les chefs de cette association, elles sont punissables d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de huit millions (8.000.000) à quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

Article 262: Peines pour les membres d'une association de malfaiteurs dont la profession est l'incitation des enfants dans la prostitution

tegeko ngenza bikoze mu rwego rw'ishyirahamwe ry'abagizi ba nabi bagize umwuga gushora abana mu buraya, bihanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000) kugeza kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000).

Ingingo ya 263: icyemezo cyo gufunga ahantu hakorerwa ibikorwa by'urukozasoni cyangwa uburaya n'ibihano k'warenze kuri icyo cyemezo

Hatitawe ku muntu ushakira inyungu itemewe ku nyubako cyangwa ahantu umwana akoresherezwa ibikorwa by'urukozasoni cyangwa uburaya cyangwa kuri nyirabyo, k'ukodesha cyangwa k'ubicunga, hatitawe kandi ko nyirabyo yaba ari umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe rifite ubuzimagatozi, urukiko rushobora gutegeka gufunga ikigo cyakorewemo icyaha mu gihe kigenwe kidashobora kurenga imyaka itatu (3) guhera ku muni urubanza ruhana nyir'ugukora icyaha rwabaye ndakuka.

Kurenga ku cyemezo cy'urukiko cyo gufunga ikigo cyakorewemo icyaha, bihanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe

Organic Law are committed by a criminal organization whose occupation is to involve children in prostitution, they shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of ten million (10,000,000) to fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

Article 263: Decision to close a place intended for indecent practices or prostitution and penalties for the violation of that decision

Notwithstanding the person engaged in unlawful exploitation of a building or any other place intended for indecent practices or prostitution in which a child is involved, whether or not that person is the owner, tenant or manager, and despite the fact that the owner is a natural person or a legal entity, the Court may order the closure of the centre in which the offense was committed for a specified period not exceeding three (3) years, with effect from the date the final judgment pronouncing the punishment imposed on the offender was passed .

The violation of the Court decision ordering the closure of the centre in which the crime was committed shall be punishable by a term

Lorsque les infractions prévues à l'article 260 de la présente loi organique sont commises par une association de malfaiteurs dont la profession est l'incitation des enfants dans la prostitution, elles sont punissables d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de dix millions (10.000.000) à quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

Article 263: Décision de fermeture d'un lieu affecté aux pratiques d'attentat à la pudeur ou à la prostitution et peines pour violation de cette décision

Nonobstant la personne exploitant illégalement un bâtiment ou tout autre lieu servant aux pratiques d'attentat à la pudeur ou de prostitution dans lesquelles un enfant est impliqué, que cette personne soit le propriétaire, le locataire ou le gestionnaire et nonobstant le fait que le propriétaire est une personne physique ou morale, la juridiction peut décider la fermeture du lieu dans lequel l'infraction a été commise pour une durée déterminée ne pouvant pas dépasser trois (3) ans à compter du jour où le jugement condamnant le coupable est devenu définitive.

La violation de la décision judiciaire de fermeture du centre dans lequel l'infraction a

(1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Icyiciro cya 5: Icuruzwa ry'ingingo z'umubiri w'umuntu

Ingingo ya 264: Kwica ingingo z'umubiri hagamijwe kuzicuruza cyangwa izindi nyungu

Umuntu wese wica urugingo rw'umubiri urwo ari rwo rwose agamije kurucuruza cyangwa izindi nyungu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 265: Guca undi urugingo rw'umubiri hagamijwe kurucuruza cyangwa izindi nyungu

Umuntu wese uca urugingo rw'umubiri w'undi, urwo ari rwo rwose cyangwa umuhatira kuruca agamije kurucuruza, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri

of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Section 5: Trafficking in human body organs

Article 264: Removal of one's organs for sale or for other interests

Any person who removes any of his/her body organs in order to sell it or for other interests shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 265: Removal of human organs for sale or for other interests

Any person who removes human organ or forces an other person to remove it for the purpose of selling shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of three million (3,000,000) to seven million (7,000,000) Rwandan francs.

été commise est punissable d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Section 5: Trafic d'organes du corps humain

Article 264: Prélèvement de ses propres organes en vue de leur vente ou d'autres intérêts

Toute personne qui prélève un organe quelconque de son corps en vue de sa vente ou d'autres intérêts est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 265: Prélèvement d'un organe du corps d'autrui en vue de sa vente ou d'autres intérêts

Toute personne qui prélève un organe quelconque du corps d'autrui ou le contraint à le prélever en vue de le vendre est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à sept millions

miliyoni zirindwi (7.000.000).

Umuntu wese uca cyangwa uhatira umwana guca urugingo rw'umubiri agamije inyungu mu busabirizi bw'uwo mwana, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 266: Gucuruza ingingo z'umubiri w'umuntu

Umuntu wese:

- 1° ugurisha ingingo z'umubiri w'umuntu ukiri muzima, kabone n'ubwo yaba agaragaza ko ari bupfe, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000) kugeza kuri miliyoni mirongo itatu (30.000.000);
- 2° ugurisha umurambo cyangwa ingingo z'umubiri w'umuntu wapfuye binyuranyije n'amategeko y'ubushakashatsi cyangwa y'ubutabazi, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri

Any person who removes a child body's organ or forces him/her to remove it for the purpose of begging shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 266: Trafficking in human body organs

Any person who:

- 1° sells body organs of a living person even if he/she proves that such person is expected to die shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of fifteen million (15,000,000) to thirty million (30, 000,000) Rwandan francs;
- 2° who sells a dead body or dead body organs contrary to scientific or rescue rules shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of thirty million (30,000,000) to fifty million (50,000,000) Rwandan francs;

(7.000.000) de francs rwandais.

Toute personne qui prélève ou contraint un enfant à prélever un organe de son corps en vue de profiter de la mendicité de cet enfant est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Article 266: Trafic d'organes du corps humain

Toute personne qui :

- 1° vend les organes d'une personne vivante, même si elle prouve que cette personne est sur le point de mourir est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de quinze millions (15.000.000) à trente millions (30.000.000) de francs rwandais,
- 2° vend un cadavre ou les organes d'une personne morte contrairement aux règles scientifiques ou de secours est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de trente millions (30.000.000) à cinquante millions

miliyoni mirongo itatu (30.000.000) kugeza kuri miliyoni mirongo itanu (50.000.000);

3° ugurisha ingingo z'umuntu yishe cyangwa igihe gukuramo urwo rugingo bishobora kumuviramo gupfa, ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 267: Gukora ubucuruzi bw'ingingo z'umubiri w'umuntu mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose

Umuntu wese ukora ubucuruzi bw'ingingo z'umubiri w'umuntu, mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose n'ibiwukomokaho cyangwa ubikora abishakamo inyungu, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 268: Gucuruza ku rwego mpuzamahanga ingingo z'umubiri w'umuntu

Umuntu wese ucuruza ingingo z'imibiri y'abantu ku rwego mpuzamahanga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15)

3° sells the organs of a person he/ she has killed or when such removal may result in his/her death shall be liable to life imprisonment.

Article 267: Trafficking in human body organs in any other form

Any person who engages in trafficking in human body organs in any other form and products of body organs or engages for profit-making purposes shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 268: Trafficking in human body organs at international level

Any person who traffics in human body organs at international level shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine of ten million

(50.000.000) de francs rwandais ;

3° vend les organes d'une personne qu'elle a tuée ou si le prélèvement des organes peut causer la mort de la victime est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 267: Trafic d'organes du corps humain sous toute autre forme

Toute personne qui s'engage dans le trafic d'organes du corps humain sous toute autre forme et de produits du corps humain ou s'y engage dans un but lucratif est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 268: Trafic d'organes du corps humain au niveau international

Toute personne qui trafique les organes du corps humain au niveau international est passible d'un emprisonnement de dix (10)

n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000) kugeza kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000). (10,000,000) to fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

Icyiciro cya 6: Ikoreshwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko ry'ingingo z'umubiri w'umuntu n'ibiwukomokaho

Ingingo ya 269: Gukuraho urugingo cyangwa ikindi gikomoka ku mubiri w'umuntu ufite uburwayi

Umuntu wese ukuraho urugingo cyangwa ikindi gikomoka ku mubiri ku muntu ufite uburwayi bwakwangiza umubiri w'uhabwa urugingo cyangwa urutanga, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 270: Gukuraho urugingo rumwe rukumbi kandi rwa ngombwa

Umuntu wese ukuraho urugingo rumwe rukumbi kandi rwa ngombwa kugira ngo umuntu akomeze kubaho kandi bidashoboka ko umubiri we wongera kwiremamo urwo rugingo bundi bushya n'iyi yaba ashaka kurufashisha undi muntu, ahanishwa

Section 6: Illegal use of human body organs and its products

Article 269: Removal of a human body organ or other body products from a sick person

Any person who removes a human body organ or other body products from a sick person with a disease which can affect the health of the donor or the recipient shall be liable for a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 270: Removal of a single and essential organ

Any person who removes a single and essential body organ which is vital to the preservation of life which cannot regenerate even if he/she wants to transplant that organ into another person shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10)

ans à quinze (15) ans et d'une amende de dix millions (10.000.000) à quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

Section 6 : Utilisation illégale des organes du corps humain et de ses produits

Article 269: Prélèvement d'organes ou de produits du corps d'une personne malade

Toute personne qui procède au prélèvement d'organe ou de tout autre produit du corps d'une personne atteinte d'une maladie de nature à affecter la santé du receveur ou du donneur est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 270: Prélèvement d'un organe unique et essentiel

Toute personne qui prélève du corps humain un organe unique et essentiel à la conservation de la vie et qui ne peut se régénérer, même si elle veut le transplanter sur une autre personne, est passible d'un

igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Iyo gukuraho urugingo rw'umubiri byateye uwarukwemo ubumuga buhoraho butuma ntacyo yimarira, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'ibiri (12).

Iyo byateye urupfu, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 271: Gukuraho urugingo cyangwa bimwe mu bigize umubiri by'umuntu umaze gupfa

Umuntu wese ukuraho urugingo cyangwa bimwe mu bigize umubiri w'umuntu umaze gupfa, mu gihe cyose yagaragaje ko atabyemeye akiri muzima cyangwa se igihe bibangamiye imenyekana ry'icyamwishe, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

When the removal of a human body organ results in permanent loss of work of the donor, the person removing the organ shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twelve (12) years.

When the removal of a human body organ results in death, the person removing that organ shall be liable to life imprisonment.

Article 271: Removal of an organ or some of the body products from a dead person

Any person who removes an human organ or some of the body products from a dead person without his/her consent during his/her lifetime or if that removal prevents the determination of cause of death shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Si le prélèvement d'un organe du corps a entraîné l'incapacité de travail permanente du donneur d'organe, la personne qui l'a prélevé est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à douze (12) ans.

Si le prélèvement d'un organe du corps a entraîné la mort, la personne qui l'a prélevé est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 271: Prélèvement d'un organe du corps humain ou de certains produits du corps d'une personne morte

Toute personne qui prélève un organe du corps humain ou de certains des produits du corps sur une personne morte qui, de son vivant, n'avait pas consenti à cet acte ou si le prélèvement fait obstruction à l'identification de la cause de sa mort est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 272: Umuganga ukuraho ururingo rw'umuntu atabanje kugaragaza mu nyandiko zitangwa n'ababifitiye ububasha ko uwo muntu yapfuye koko

Umuganga wese ukuraho ururingo rw'umuntu atabanje kugaragaza mu nyandiko zitangwa n'ubifitiye ububasha ko uwo muntu yapfuye koko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

UMUTWE WA IX: IBYAHA BIBANGAMIRA UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Icyiciro cya mbere: Ibyaha bibangamira ukwishyira ukizana kwa muntu

Ingingo ya 273: Itwarwa n'ifungwa ry'umuntu bitemewe n'amategeko

Umuntu wese, ku bw'urugomo, akoresheje kiboko, ubushukanyi cyangwa ibikangisho, utwara cyangwa utuma batwara, ufata cyangwa ufatisha, ufunga cyangwa ufungisha umuntu uwo ari we wese, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2)

Article 272: A medical doctor who removes a body organ from a person without a death certificate issued by an authorized person

Any medical doctor who removes a human body organ without producing a prior death certificate issued by an authorized person shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

CHAPTER IX: OFFENCES WHICH INFRINGE HUMAN RIGHTS

Section One: Offences which infringe human freedom

Article 273: Kidnapping and unlawful detention of a person

Any person who, by violence, deception or threats, kidnaps or causes to be kidnapped, arrests or causes to be arrested, detains or causes confinement of a person shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 272: Un médecin qui prélève un organe sur une personne sans certificat de décès préalable délivré par des personnes habilitées

Tout médecin qui prélève un organe sur une personne sans le certificat de décès préalable délivré par une personne habilitée est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

CHAPTER IX: INFRACTIONS PORTANT ATTEINTE AUX DROITS DE LA PERSONNE

Section première: Infractions portant atteinte à la liberté individuelle

Article 273: Enlèvement et détention illégale d'une personne

Toute personne qui, par violence, ruse ou menace, enlève ou fait enlever, arrête ou fait arrêter, détient ou fait détenir une personne est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

kugeza ku myaka itanu (5).

c) ikimenyetso ntanyi cy'ubunyemari, kitari ikirango cyangwa kitari izina ry'ubucuruzi;	c. a business identifier other than a trademark or a trade name;	c) au signe distinctif d'affaires, autre que la marque ou le nom commercial;
d) isura y'icyatunganyijwe;	d. the appearance of a product;	d) à l'apparence du produit;
e) imiterere y'icyatunganyijwe cyangwa y'umurimo;	e. the presentation of products or services;	e) à la présentation du produit ou du service ;
f) akarango mpisho.	f. a fictional character.	f) un caractère fictif.
10° inkuru y'ibanga:	10° confidential information:	10° une information confidentielle :
a) iba itazwi cyangwa idashobora	a. is not known or readily accessible due	

- | | | |
|--------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| kugerwaho ku buryo bworoshye kubera imiterere n'uko iba ibitswe; | to the kind of information in question or the way in which it is kept; | |
| b) iba ifite agaciro mu bucuruzi; | b. information which has commercial value; | a) elle n'est pas connue ou facilement accessible par le type d'information en question ou la façon dont elle est conservée; |
| c) nyirayo aba yarakoze ibishoboka byose kugira ngo ikomeze kuba ibanga. | c. information which has been subject to reasonable steps under the circumstances by the rightful holder to keep it confidential . | b) elle a une valeur commerciale parce qu'elle est secrète ; et
c) elle a été l'objet d'efforts raisonnables et dans des circonstances particulières mises en place par le détenteur légitime pour la garder secrète. |

Umuntu wese utari nyir'uburenganzira ku gihangano kandi utabyemerewe, abigambiriye cyangwa abitewe n'uburangare bukabije kandi hagamijwe inyungu, ukora igikorwa cyose kibangamira uburenganzira bw'umuhanzi cyangwa uburenganzira bushamikiyeho burengerwa n'amategeko, ugurisha, ucuruza, ukodesha, utunga cyangwa uwinjiza ku butaka bwa Repbulika y'u Rwanda ibintu by'ibyiganano hagamijwe ubucuruzi, ukoresha nyuma y'igihe izina ry'ubucuruzi ry'undi, haba kurigira izina ry'ubucuruzi, ikirango cyangwa ikirango gihuriweho, kimwe n'ukoresha izina ry'ubucuruzi risa nk'irindi cyangwa ikirango gisa nk'ikindi ku buryo bishobora kuyobya abantu abizi, aba akoze icyahacy'iyigana.

Any person who willfully or by gross negligence infringes copyrights or related rights protected by the law, for profit-making purposes and without owner's right consent, who knowingly sells, offers on sale, is making rent, detains or introduces on the territory of the Republic of Rwanda, the alleged infringing goods for commercial purposes, subsequently uses another person's trade name, be it in the form of a trade name, mark or collective mark, in the same way as any use of a similar trade name or a similar mark likely to mislead the public shall be deemed to have committed the offence of piracy.

Toute personne autre que le titulaire du droit d'auteur viole intentionnellement ou par négligence grave un droit d'auteur ou droit connexe protégé en vertu de la loi dans un but lucratif sans le consentement du titulaire , qui, avec connaissance, vend, expose en vente, donne en location, détient ou introduit sur le territoire de la République du Rwanda, dans un but commercial, les objets contrefaits, fait tout usage ultérieur du nom commercial, que ce soit sous forme de nom commercial, de marque ou de marque collective, de même que tout usage d'un nom commercial similaire ou d'une marque similaire susceptible d'induire le public en erreur commet l'infraction de piratage.

Ingingo ya 377: Ibihano biteganyijwe ku cyaha cy'iyigana

Umuntu wese ukora icyaha cy'iyigana, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 378: Ibihano ku gikorwa cy'ipiganwa kirimo uburiganya

Umuntu wese ukora igikorwa cy'ipiganwa kirimo uburiganya, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 379: Gutera urujijo mu kigo cy'undi cyangwa mu mirimo ye

Umuntu wese ukora igikorwa cy'ipiganwa kirimo uburiganya, igikorwa cyose cyangwa imigenzereze mu mirimo y'inganda cyangwa y'ubucuruzi, bitera cyangwa bikaba bishobora gutera urujijo, mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu kigo cy'ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe nk'iby'undi cyangwa umuntu cyangwa ibikorwa bye cyane cyane mu rwego rw'ibyatunganyijwe

Article 377: Penalties for piracy

Any person who commits an offence of piracy shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 378: Penalties for unfair competition

Any person who commits any act of unfair competition shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 379: Causing confusion with respect to another's enterprise or activities

Any person who engages in any act or practice, in the course of industrial or commercial activities, that causes, or is likely to cause, confusion by any means with respect to a competitor's or another's enterprise or its activities, in particular, the products or services offered by such an enterprise, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two

Article 377: Peines pour piratage

Toute personne qui commet une infraction de piratage est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 378: Peines pour concurrence déloyale

Toute personne qui commet la concurrence déloyale est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 379: Création de confusion avec l'entreprise d'autrui ou ses activités

Toute personne qui se livre à tout acte ou pratique qui, dans l'exercice d'activités industrielles ou commerciales, crée ou est de nature à créer une confusion, par n'importe quel moyen, avec l'entreprise d'un concurrent ou d'une autre personne ou ses activités, en particulier, avec les produits ou les services offerts par cette entreprise est

cyangwa imirimo itangwa n'ikigo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 380: Amagambo atesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye

Umuntu wese uvuga amagambo yuzuye ibinyoma cyangwa afitse usanga ko mu mirimo y'inganda cyangwa y'ubucuruzi atesha agaciro cyangwa akaba ashobora gutesha agaciro ikigo cy'ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe n'iby'undi cyangwa umuntu cyangwa ibikorwa bye, cyane cyane mu rwego rw'ibyatunganyijwe n'imirimo bitangwa n'icyo kigo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 381: Ibihano bihabwa uwishingiye imirimo yo gukora za fonogaramu n'umucapisha wese bakoze ku buryo bw'iyigana

Umuntu wese wishingira imirimo yo gukora za fonogaramu n'umucapisha wese ukora

million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 380: Discrediting another's enterprise or activities

Any person who makes false or fallacious allegation, in the course of industrial or commercial activities, that discredits, or is likely to discredit, a competitor's or another's enterprise or its activities, in particular, the products or services offered by such an enterprise, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 381: Penalties for fraudulent producer of phonograms and its publisher

Any person who acts as a fraudulent producer of phonogram and a publisher shall be liable

passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 380: Discrédit de l'entreprise ou des activités d'autrui

Toute personne qui se livre aux allégations fausses ou fallacieuses qui, dans l'exercice d'activités industrielles ou commerciales, discréditent ou sont de nature à discréditer l'entreprise d'un concurrent ou d'une autre personne ou ses activités, en particulier, les produits ou les services offerts par cette entreprise est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 381: Peines pour producteur frauduleux de phonogrammes et son éditeur

Toute personne qui se livre à un acte de

icyaha cy'iyigana muri iyo mirimo, bahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni na byo bihabwa ukoresha mu buryo bwa magendu izina ry'umuhanzi cyangwa ikimenyetso ntanyi icyo ari cyo cyose yakoresheje agaragaza ibihangano bye, bigakorwa ku gihangano cy'ubuvanganzo, cy'ubugeni cyangwa cy'ubumenyi.

Ingingo ya 382: Ibihano bihabwa udandaza ibintu byiganywe

Umuntu wese udandaza ibintu byiganywe, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000).

Ingingo ya 383: Gutangaza igihangano bitatangiwe uruhusa

Ikigo cyose cy'isakaza cyangwa cy'itumanaho, hakoreshejwe imiyoboro y'itumanaho idakoresha insinga, gitangaza igihangano kirengerwa n'itegeko, umuhanzi cyangwa abishingirwa be batabitangiye uruhushya, gihanishwa ihazabu

to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

The penalties under Paragraph One of this Article shall also apply to a person who fraudulently uses the name of the author or his/her distinctive sign on a literary, artistic or scientific work, so as to identify his/her own work.

Article 382: Penalties for a retailer of forgery products

Any person who retails forgery products shall be liable to a fine of twenty thousand (20,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs.

Article 383: Communication of work without prior authorization

Any broadcasting organization or communication company by means of radio electrical waves communicates a protected work, without prior authorization of right's owner or his/her rightful claimants, shall be liable of a fine of five hundred thousand

producteur de phonogramme et d'éditeur de manière frauduleuse est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à l'auteur d'une utilisation frauduleuse sur une œuvre littéraire, artistique ou scientifique du nom de l'auteur ou de tout signe distinctif adopté par lui-même pour désigner ses œuvres.

Article 382: Peines pour un détaillant de produits de contrefaçon

Toute personne qui vend au détail les produits de contrefaçon est passible d'une amende de vingt mille (20.000) à cent mille (100.000) francs rwandais.

Article 383: Publication d'une œuvre sans autorisation préalable

Tout organisme de radiodiffusion ou de communication au moyen des ondes radioélectriques qui diffuse une œuvre protégée, sans autorisation préalable de son auteur ou de ses ayants droit, est passible

y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000). (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs. d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1,000,000) de francs rwandais.

Ingingo ya 384: Gutanga uruhushya mu izina ry'abaririmba cyangwa abakina ibihangano bitatangiwe uruhushya na nyir'ubwite cyangwa gukoresha urwo ruhushya

Umuntu wese utanga uruhushya, mu izina ry'abaririmba cyangwa abakina ibihangano atabihereye uburenganzira na nyir'ubwite, cyangwa umuntu wese ukoresha urwo ruhushya rwatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, abizi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 385: Kwiba cyangwa gukoresha mu buryo bw'uburiganya forumire ikoreshwa mu bihangano by'ubuvumbuzi

Umuntu wese wiba cyangwa ukoresha mu buryo bw'uburiganya forumire ikoreshwa mu bihangano by'ubuvumbuzi bukorwa n'abantu mu nganda izo ari zo zose,

Article 384: Granting or using an authorization in the name of performing artists without authorization by the owner

Any person who grants authorization in the name of performing artists without being duly authorised by the owner, or any person who knowingly acts under false authorization shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 385: Stealing or using in a fraudulent manner a formula of invention

Any person who steals or uses by fraudulent manner a formula of invention in any industrial activity shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years

Article 384: Délivrer ou faire usage d'une autorisation au nom d'artistes sans être dûment mandaté

Toute personne qui délivre une autorisation au nom d'artistes interprètes ou exécutants sans être dûment mandatée ou toute personne qui, sciemment, agit sous le couvert d'une telle autorisation illicite, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 385: Vol ou exploitation de façon frauduleuse d'une formule d'invention

Toute personne qui commet l'infraction de vol ou exploite de façon frauduleuse une formule d'invention dans n'importe quelle

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshanu (5) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'icyakomotse ku cyaha.

Ingingo ya 386: Ibihano by'inyongera

Uretse ibihano biteganyijwe ku byaha bivugwa muri uyu Mutwe wa III, urukiko rubifitiye ububasha rushobora no gutegeka ifatira, iyamburwa n'isenya ry'ibicuruzwa birebwa n'ibyaha n'ibikoresho cyangwa ibyuma byakoreshejwe mu kubikora.

UMUTWE WA IV: IBYAHA BIKORWA KU MUTUNGO W'AMAZI N'AMASHANYARAZI

Icyiciro cya mbere: Ibyaha bikorwa ku mutungo w'amazi

Ingingo ya 387: Ibihano bijyanye no kutubahiriza ibijyanye n'imenyekanisha, impushya n'imbago

Umuntu wese ukora, ukoresha, cyangwa ugira uruhare mu gikorwa kitubahirije ibirebana n'imikorere n'ibiteganywa n'Itegeko rigena uburyo bwo gukoresha, kubungabunga, kurengera no gucunga neza

and a fine of five (5) to ten (10) times the value of profits attributable to the infringement.

Article 386: Additional penalties

In addition to the penalties mentioned in this Chapter III, the competent court may order the seizure, forfeiture and destruction of the items in connection with the offence and all materials or instruments used in the commission of the offence.

CHAPTER IV: OFFENCES AGAINST WATER AND ELECTRICITY RESOURCES

Section One: Offences against water resources

Article 387: Penalties for failure to declare, abuse of authorisation and demarcation

Any person who engages, exploits or participates in an act that is not in conformity with the operation and provisions of the law relating to the use, conservation, protection and management of water resources shall be

activité industrielle, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende de cinq (5) à dix (10) fois la valeur des gains tirés de cet acte.

Article 386: Peines supplémentaires

Outre les peines sur les infractions prévues au présent Chapitre III, la juridiction compétente peut aussi ordonner la saisie, la confiscation et la destruction des articles en rapport avec les infractions, les matériaux ou les instruments ayant servi à la commission de l'infraction.

CHAPITRE IV: INFRACTIONS CONTRE LES RESSOURCES EN EAU ET EN ELECTRICITE

Section première : Infractions contre les ressources en eau

Article 387: Peines applicables au non-respect des conditions en matière de déclaration, d'autorisation et de concession

Toute personne qui réalise, exploite ou participe à un acte qui n'est pas conforme à l'opération et aux dispositions de la loi relative à l'utilisation, la conservation, la

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

umutungo w'amazi, ahanishwa:

1° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri na bitanu (25.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000), iyo ari icyemezo cyo kumenyekanisha;

2° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi ijana na mirongo itanu (150.000), iyo ari uruhushya;

3° igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano, iyo ari imbago.

Umucamanza ashobora kandi gutegeka ko ibikorwa biba bihagaritswe, cyangwa se ko bihagarara burundu. Kubihagarika cyangwa kubivanaho byishyurwa n'uwabihaniwe.

Ingingo ya 388: Guhumanya amazi yo mu gihugu

Umuntu wese uhumanya amazi yo mu gihugu amenamo ibintu by'ubwoko ubwo ari

liable to:

1° a fine of twenty five thousand (25,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs, if it is the declaration receipt;

2° a fine of fifty thousand (50,000) to one hundred and fifty thousand (150,000) Rwandan francs, if it is the authorisation;

3° a term of imprisonment of one (1) month to three (3) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties, if it is about a demarcation.

The judge may impose the suspension or termination of the installation materials. Suspension or termination are payable by the offender.

Article 388: Polluting inland waters

Any person who pollutes inland waters by dumping, spilling or depositing chemicals of

protection et la gestion des ressources en eau est passible de:

1° une amende de vingt cinq mille (25.000) à cent mille (100.000) francs rwandais, s'il s'agit du récépissé de déclaration;

2° une amende de cinquante mille (50.000) à cent cinquante mille (150.000) francs rwandais, s'il s'agit d'une autorisation;

3° une peine d'emprisonnement d'un (1) mois à trois (3) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines, s'il s'agit d'une concession.

Le juge peut en outre prononcer la suspension du fonctionnement de l'installation, voire sa suppression. La suspension ou la suppression est faite aux frais de l'auteur.

Article 388: Pollution des eaux intérieures

Toute personne qui pollue les eaux

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

bwo bwose bishobora guteza cyangwa kongera ubuhumane bw'amazi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Mu gihe ubwo buhumane bwateye abantu indwara zidakira cyangwa ubumuga budakira, igihano kiba igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Mu gihe ubwo buhumane bwateye urupfu rw'umuntu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Iyo habaye isubiracyaha, ibihano bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo byikuba kabiri.

Uwakoze icyaha ashobora gusabwa gusubiranya ahantu hahumanyijwe.

Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora, mu gihe hagaragaye kwirengagiza, kunangira no guhangana, kubikora ariko ikiguzi

any nature into waters, that may cause or increase water pollution, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

If pollution results in incurable disease or permanent disability to any person, the penalty shall be a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

If pollution results in death of any person, the offender shall be liable to life imprisonment.

In case of recidivism, the penalties mentioned under Paragraphs One and 2 of this Article shall be doubled.

The offender may be ordered to rehabilitate the polluted area.

In case of indifference, persistence in the refusal and conflict, relevant authorities may do so but the cost is paid by the person

intérieures par des déversements, écoulements, rejets et dépôts de substances de toute nature susceptible de provoquer ou d'accroître la pollution des eaux, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais, ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque cette pollution a causé aux personnes des maladies incurables ou une incapacité permanente, la peine est portée à un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Lorsque cette pollution cause la mort d'une personne, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

En cas de récidive, les peines visées aux alinéas premiers et 2 du présent article sont portées au double.

Il peut être exigé à la personne coupable de remettre les lieux pollués en leur état antérieur.

En cas d'indifférence, de persistance dans le refus et de résistance, les autorités

kikarihwa na nyir'ubwite.

Ingingo a 389: Ibihano bijyanye no kujugunya, gusuka, kuyobora cyangwa kuzika mu mazi ikintu cyakurura ingaruka mbi ku buzima cyangwa ku bidukikije

Umunt wese ujugunya, usuka, uyobora cyangwa uzika mu mazi y'imusozi cyangwa ayo ikuzimu, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ikintu kimwe cyangwa byinshi byakurura ingaruka mbi ku buzima cyangwa ku bidukikije, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 390: Ibihano bijyanye no kwangiza izinga ryo kurinda isoko y'amazi

Umuntu wese utubahiriza ibibujijwe, ibitegetswe n'ibisabwa kubahirizwa mw'izinga ryo kurinda isoko y'amazi agenewe kunyobwa n'abantu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri

concerned.

Article 389: Penalties for throwing, pouring, flowing or dumping into water a substance likely to harm health or environment

Any person who throws, pours or flows in the surface or underground waters, directly or indirectly one or several substances likely to harm health or environment, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month to three (3) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 390: Penalties for destroying a water catchment protection perimeter

Any person who does not comply with restrictions and prescriptions established in a protective perimeter of water catchments of human consumption, shall be liable to term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of twenty five thousand (25,000) to two hundred fifty thousand

compétentes peuvent le faire aux frais de la personne concernée.

Article 389: Peines pour jeter, déverser, laisser couler ou immerger dans l'eau une substance susceptible de produire des effets nuisibles à la santé ou à l'environnement

Toute personne qui jette, déverse ou laisse s'écouler dans les eaux superficielles ou souterraines, directement ou indirectement une ou plusieurs substances susceptibles de produire des effets nuisibles à la santé ou à l'environnement est passible d'un emprisonnement d'un (1) mois à trois (3) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 390: Peines pour la destruction du périmètre de protection de captage d'eau

Toute personne qui ne respecte pas les interdictions et les prescriptions instaurées dans un périmètre de protection de captage d'eau destinée à la consommation humaine, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de vingt

na bitanu (25.000) kugeza ku bihumbi magana abiri na mirongo itanu (250.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 391: Ibihano bijyanye no kutubahiriza kwirinda ibiza

Umuntu wese utubahiriza ibyemezo by'ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa rya burundu ry'ibikorwa bijyanye no kwirinda ibiza bivugwa n'Itegeko rigena uburyo bwo gukoresha, kubungabunga, kurengera no gucunga neza umutungo w'amazi, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 392: Ibihano bijyanye no kutayobora amazi yakoreshejwe mu miyoboro rusange

Umuntu wese utayobora amazi yakoreshejwe mu rugo mu muyoboro w'isukura rusange ahanishwaihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri na bitanu (25.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000).

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi

(250,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 391: Penalties for non respect for disaster mitigating measures

Any person who does not comply with limitation measures, temporary or definitive on preventing disasters mentioned in the Law regulating the use, conservation, protection and management of water resources, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 392: Penalties for non-compliance with waste water sanitation network

Any person who fails to connect to the collective domestic wastewater sanitation network shall be liable to a fine of twenty five thousand (25,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs.

The penalties under Paragraph One of this

cinq mille (25.000) à deux cent cinquante mille (250.000) de francs rwandais, ou de l'une de ces peines seulement.

Article 391: Peines pour le non-respect de mesures de limitation des catastrophes

Toute personne qui ne respecte pas les mesures de limitation provisoire ou définitive des usages relatifs à la protection contre les catastrophes prévus dans la loi fixant les règles d'utilisation, de conservation, de protection et de gestion des ressources en eau, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 392: Peines pour non raccordement des eaux usées au réseau d'assainissement

Toute personne qui ne raccorde pas ses eaux usées au réseau d'assainissement collectif est passible d'une amende de vingt cinq (25.000) à cent mille (100.000) francs rwandais.

ngingo ni na byo bitangwa mu gihe hatubahirijwe imiterere y'isukura itegegwe muri rusange no muri buri rugo.

Ingingo ya 393: Ibihano bijyanye no kutubahiriza ibipimo n'amabwiriza y'ubuziranenge

Umuntu wese ufite ibikorwa cyangwa se uweguriwe imirimo yo gutanga amazi akenewe kunyobwa n'abantu iyo atujuje ibisabwa n'amabwiriza y'ubuziranenge, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (.1000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) .

Ingingo ya 394: Ibihano bijyanye no kwiba amazi

Umuntu wese wibye amazi akoresheje umuyoboro utemewe ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article shall apply in case of failure to comply with collective or individual sanitation.

Article 393: Penalty for non conformity with quality standards

Any person who owns or is delegated to provide water for human consumption that does not conform to the prescribed drinking water quality standards shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 394: Penalty for fraudulent use of water

Any person who unlawfully consumes water through clandestine or fraudulent adjusting shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent en cas de défaut de conformité à la structure d'assainissement collectif et individuel.

Article 393: Peines pour non-conformité aux normes de qualité

Toute personne maître d'ouvrage ou délégataire du service public de l'eau qui offre de l'eau à la consommation humaine non conforme aux normes prescrites de potabilité, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une d'amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 394: Peines pour raccordement frauduleux

Toute personne qui vole de l'eau par raccordement illégal est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 395: Ibihano bijyanye no gusesagura umutungo w'amazi

Umuntu wese ukoresha amazi ku buryo butemewe, ayasesagura ku bushake cyangwa se kubera uburangare kandi ku nyungu izo arizo zose, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri na bitanu (25.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000).

Igihano kivugwa mu gika kibanziriza iki ni na cyo gihabwa umuntu wese uba yanze kumenyesha ubuyobozi bushinzwe amazi ikintu icyo aricyo cyose gishobora kubangamira umutungo w'amazi.

Icyiciro cya 2: Ibyaha bikorewe umutungo w'amashanyarazi

Ingingo ya 396: Ibihano bihabwa umuyobozi cyangwa umukozi w'uruganda ukora ibikorwa byo kuyobora, kuranguza cyangwa gucuruza ingufu z'amashanyarazi nta ruhushya

Umuyobozi wese cyangwa umukozi w'uruganda, wiyemeza gukora ibikorwa byo kuyobora, kuranguza cyangwa gucuruza ingufu z'amashanyarazi nta ruhushya yari yabona rujyanye n'ibikorwa akora, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu

Article 395: Penalties for abusive use of water

Any person who voluntarily or carelessly misuses water for any purpose shall be liable to a fine of twenty five thousand (25,000) to a hundred thousand (100,000) Rwandan francs.

The penalty under the preceding paragraph applies to any person who fails to inform the authority in charge of water of any malpractice in the sector of water.

Section 2: Offences against electric power resources

Article 396: Penalties for a manager or an employee of an enterprise who engages in an activity of electric power transmission, or wholesale or retail without a licence

Any manager or employee of an enterprise manager, who engages in an activity of electric power transmission, or wholesale or retail without a licence shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000)

Article 395: Peines pour utilisation abusive de l'eau

Toute personne qui, volontairement ou par négligence, utilise l'eau de manière abusive entraînant un gaspillage et à quelque fin que ce soit, est passible d'une amende de vingt cinq (25.000) à cent mille (100.000) francs rwandais.

La peine prévue à l'alinéa précédent s'applique à toute personne qui omet de porter à la connaissance de l'administration chargée de l'eau, tout fait susceptible de porter atteinte à la ressource en eau.

Section 2: Infractions contre les ressources en électricité

Article 396 : Peine applicable au dirigeant ou à l'agent d'une entreprise qui exerce sans licence, une activité de transport ou de vente en gros ou en détail d'énergie électrique

Tout dirigeant ou agent d'une entreprise qui exerce sans obtenir au préalable une licence à cet effet, une activité de transport ou de vente en gros ou en détail d'énergie électrique est passible d'un emprisonnement

(6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 397: Ibihano bihabwa umuyobozi ufata icyemezo cyo kurenga ku biteganywa n'uruhushya rwo gutanga no gucuruza amashanyarazi

Umuyobozi wese ufata icyemezo cyo kurenga ku biteganywa n'uruhushya rwo gutanga no gucuruza amashanyarazi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo.

UMUTWE WA V: ITWIKWA, ISENYA N'IYANGIZA RY'IBINTU N'IBIDUKIKIJE

Icyiciro cya mbere: Itwika

Ingingo ya 398: Gutwika ku bushake

Umuntu wese utwika abishaka amazu, amangazini, amato, imodoka, indege, gariyamoshi, inyubako ituwemo cyangwa

to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 397: Penalties for a manager who violates the provisions of the licence for electric power sale and transmission

Any manager who makes a decision which violates the provisions of the licence for electric power sale or transmission shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

CHAPTER V: FIRE, DEMOLITION AND ENVIRONMENTAL DEGRADATION

Section One: Fire

Article 398: Arson

Any person who willfully sets fire to buildings, stores, ships, vehicles, aircrafts, trains, any occupied building or a building

de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 397: Peines applicables au dirigeant qui viole les prescriptions d'une licence de distribution et de vente de l'énergie électrique

Tout dirigeant qui, par sa décision, viole les prescriptions de la licence de distribution et de vente de l'énergie électrique est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

CHAPITRE V: INCENDIE, DESTRUCTION ET DEGRADATION DE L'ENVIRONNEMENT

Section première: Incendie

Article 398: Incendie volontaire

Toute personne qui volontairement met le feu à des édifices, magasins, navires,

isanzwe iturwamo n'ahantu hose n'iyo haba hadatuwe, igihe uwakoze icyaha yibwiraga ko harimo umuntu cyangwa abantu benshi mu gihe yagikoraga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Ingingo ya 399: Gutwika ku bushake inyubako y'undi idatuwemo

Umuntu wese utwika abishaka inzu cyangwa indi nyubako iyo ari yo yose by'undi muntu byagenewe guturwamo, ariko bitari bituwemo igihe cy'itwika, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya :400 Gutwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe

Umuntu wese utwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

used as an abode and any other place, whether occupied or not, if the offender expected one or more people to be at that place at the time the offence was committed shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twenty five (25) years.

Article 399: Arson of another person's unoccupied building

Any person who willfully sets fire to a building, or any other construction belonging to another person which was made to be inhabited but not occupied at the time of arson, shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 400: Arson of forests, woodlands, crops, cut down wood or harvested crops

Any person who commits arson of forests, woodlands, crops, cut down wood or harvested crops shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of three hundred thousand (300.000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

véhicules, avions, trains, à un bâtiment quelconque habité ou servant à l'habitation, et, généralement, à tous lieux, même inhabités, si l'auteur a pu présumer qu'il s'y trouvait une ou plusieurs personnes au moment de l'infraction, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 399: Mettre volontairement le feu à un édifice d'autrui inhabité

Toute personne qui volontairement met le feu à des édifices ou à tout bâtiment quelconque appartenant à autrui qui était destiné à être habité, mais inhabités au moment de l'incendie, est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Article 400: Mettre volontairement le feu aux forêts, bois, récoltes sur pieds, bois abattus ou récoltes coupées

Toute personne qui volontairement met le feu à des forêts, bois, récoltes sur pied, bois abattus ou récoltes coupées, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 401: Itwika rikozwe na nyir'ibintu

Umuntu wese, uba ari nyir'inzu, inyubako iyo ari yo yose, amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe cyangwa ibindi bintu bifite agaciro, ubitwika abigiriye ubugome cyangwa uburiganya, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 400 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 402: Gutwika ikintu icyo ari cyo cyose kigakongeza ikindi

Umuntu wese utwika ikintu icyo ari cyo cyose ku buryo giha inkongi icyo yashakaga gutwika ahanwa nk'aho ari cyo yahise atwika.

Ingingo ya 403: Gutwika ku bushake bigatera urupfu rw'abantu

Igihe itwika ku bushake ryateye urupfu rw'umuntu cyangwa rw'abantu benshi, uwatwitse yari azi ko, mu gihe yakoraga icyaha, ahatwitse hari abantu kandi niba nta washoboraga gushidikanya ko urupfu rwagombaga kuba inkurikizi y'iryo twika, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya

Article 401: Arson by property's owner

Any person who maliciously or fraudulently sets fire to any of his/her own house, building, forests, standing crops, cut down woods or harvested crops, or other valuable objects shall be liable to the penalty under Article 400 of this Organic Law.

Article 402: Setting fire to any object which causes another object to catch fire

Any person who sets fire to any object which causes the targeted object to catch fire shall be punished as if he/she had directly set fire on the targeted object.

Article 403: Arson which results in death of persons

Where the offender who set fire had the knowledge that there were persons at the premises at the time of the commission of the crime and if death was contemplated as a consequence of this fire, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 401: Incendie volontaire commis par le propriétaire des biens

Le propriétaire d'un édifice, d'un bâtiment quelconque, des forêts, des récoltes sur pieds, des bois abattus ou récoltes coupées ou tout autre bien de valeur qui y met le feu dans une intention méchante ou frauduleuse, est passible des peines prévues à l'article 400 de la présente loi organique.

Article 402: Mettre le feu à un objet quelconque placé de manière à le communiquer à une autre chose

Toute personne qui met le feu à des objets quelconques placés de manière à le communiquer à la chose qu'il voulait détruire, est punie comme s'il avait directement mis le feu à cette dernière chose.

Article 403: Incendie volontaire causant la mort des personnes

Lorsque l'incendie volontaire cause la mort d'une ou plusieurs personnes qui, à la connaissance de l'auteur, se trouvaient dans les lieux incendiés au moment de l'infraction, et si la mort devait être considérée comme une conséquence de cet

burundu.

Igihe itwika ryateye abo bantu ubumuga buhoraho bukomeye, igihano kiba igifungo kiva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'ibiri (12).

Ingingo ya 404: Gutuma ibintu by'undi bishya

Umuntu wese utuma ibintu by'undi bishya abitewe no kudateganya cyangwa kutabyitondera, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 2: Isenya

Ingingo ya 405: Kubaka, gusenya no gusenyesha inyubako binyuranyije n'amategeko

Umuntu wese wubaka, usenya, usenyesha inyubako cyangwa ukora imirimo yo gutunganya Umujyi mu buryo binyuranyije n'amategeko yerekeye imiturire n'imitunganirize y'Imijyi, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko

If the fire causes serious permanent incapacity to persons, the penalty shall be an imprisonment of ten (10) years to twelve (12) years.

Article 404: Causing fire on another person's property

Any person who causes fire on another person's property because of lack of foresight or precaution shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of three hundred thousand (300,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Section 2: Demolition

Article 405: Constructing, demolishing and ordering the demolition of a building unlawfully

Any person who carries out construction works, demolishes, orders demolition of buildings or conducts urban planning operations contrary to the Law relating to urban planning and organization shall be liable to a term of imprisonment of one (1)

incendie, le coupable est passible de l'emprisonnement à perpétuité.

Si l'incendie cause une incapacité permanente grave à ces personnes, la peine est portée à un emprisonnement de dix (10) ans à douze (12) ans.

Article 404: Causer l'incendie des propriétés d'autrui

Toute personne qui cause l'incendie des propriétés d'autrui par défaut de prévoyance ou de précaution, est passible d'un emprisonnement deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de trois cent mille (300.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Section 2: Destruction

Article 405: Construire, démolir et ordonner la démolition des édifices illégalement

Toute personne qui construit, démolit ou fait démolir les constructions ou qui réalise des opérations d'urbanisme en violation des lois relatives à l'urbanisme et à la construction, est passible d'un emprisonnement de un (1)

kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Urukiko rushobora gutegeka uwubatse gusenya ibyo yubatswe no gusubiranya ibyo yangije.

Ingingo ya 406: Gusenya cyangwa konona inyubako utari nyira zo

Umuntu wese ku bushake, usenya cyangwa wonona, ku buryo ubwo ari bwo bwose, burundu cyangwa igice kimwe, amazu, amateme, ingomero, impombo z'amazi n'inzira yazo, imihanda, inzira za gari ya moshi cyangwa ibikoresho ibyo ari byo byose by'itumanaho cyangwa by'ingufu z'amashanyarazi, amariba cyangwa izindi nyubako zose bitari ibye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku nshuro icumi (10) z'agaciro k'ibyangijwe.

Iyo gusenya cyangwa konona byakozwe ku bushake, hakoreshejwe urutambi, ibisasu, intwari cyangwa ikindi kintu gaturika, igihano cy'igifungo kiba kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10)

month but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The Court may order demolition of buildings constructed and restoration of the premises to its original condition.

Article 406: Demolishing or damaging another person's buildings

Any person who willfully destroys or damages in any way, in all or a part, buildings, bridges, dams, water pipes, water pipe routes, roads, railways or any other means of communication or electric power infrastructure, wells or any other buildings which do not belong to him/her, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of twice (2) to ten (10) times the value of the damaged property.

If the destruction or damage was willfully caused using dynamite, bombs, arms or any other explosive substance, the penalty shall be an imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of five (5) to ten (10) times

mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

La juridiction peut ordonner la démolition des constructions édifiées et la remise en état des lieux.

Article 406: Destruction ou dégradation des bâtiments appartenant à autrui

Toute personne qui volontairement détruit ou dégrade, par quelque moyen que ce soit, en tout ou en partie, des bâtiments, des ponts, des barrages, des tuyaux d'eau, des tracés de conduites d'eau, des routes, des chemins de fer, des appareils de communication ou d'électricité, des puits ou toute autre construction appartenant à autrui est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur des biens dégradés.

Si la destruction ou la dégradation volontaire a été faite au moyen d'une dynamite, des bombes, des armes ou de toute autre substance explosive, la peine est portée à un

n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri eshanu (5) kugeza ku nshuro icumi (10) z'agaciro k'ibyangijwe.

Iyo gusenya cyangwa konona ku bushake byateje ubumuga budakira, ukoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Iyo gusenya cyangwa konona ku bushake byateje urupfu rw'umuntu cyangwa rw'abantu benshi, igihano kiba igifungo cya burundu.

Ingingo ya 407: Gusenya amashusho

Umuntu wese usenya, uhirika, umanyura cyangwa wonona amashusho cyangwa ibindi bintu byashyiriweho umuteguro rusange, byubakishijwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyangwa bwarabitangiye uruhushya, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'ibyangijwe.

Umuntu wese usenya, uhirika, umanyura cyangwa wonona imva, ibimenyetso by'urwibutso cyangwa ukorera ibidakwiye ku mva cyangwa mu irimbi, ahanishwa

the value of the damaged property.

If the willful destruction or damage results in a permanent incapacity, the offender shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

If the willful destruction or damage results in the death of one or more persons, the penalty shall be life imprisonment.

Article 407: Demolition of monuments

Any person, who destroys, brings down, breaks or damages monuments or other objects intended for public decoration which were constructed or authorised by a competent authority, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of twice (2) to ten (10) times the value of the demolished property.

Any person, who destroys, brings down, breaks or damages monuments, tombs, memorial symbols or commits desecration of tombs or graveyard, shall be liable to a term

emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et une amende de cinq (5) à dix (10) fois la valeur des biens détruits et dégradés.

Si la destruction ou la dégradation volontaire entraîne une incapacité permanente, l'auteur est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Si la destruction ou la dégradation volontaire cause la mort d'une ou plusieurs personnes, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Article 407: Destruction des monuments

Toute personne qui détruit, fait s'écrouler, fend ou dégrade des monuments ou autres objets qui, destinés à la décoration publique, ont été élevés par l'autorité compétente ou avec son autorisation, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur des biens dégradés.

Toute personne qui détruit, fait s'écrouler, fend ou dégrade des tombeaux, signes commémoratifs ou commet une profanation

igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko mu gihe akora umurimo yatorewe cyangwa biturutse kuri uwo murimo, umwe mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'igihugu mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho, ahanishwa igifungo kuva mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano .

Niba gukoza isoni byabereye mu nama y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa byakorewe umwe mu bayobozi bakuru b'igihugu, ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikuba kabiri.

Section 2: Contempt and violence against authorities and public security officers

Article 539: Contempt of administrative authorities and persons in charge of public service

Any person who contempts verbally, by gestures or threats, in writing or caricaturing a member of Parliament, a member of the Cabinet, security officers or any other person in charge of a public service, in the exercise or at the occasion of his/her mandate, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If contempt act takes place during a session of the Parliament or if it is directed to any of the top ranking authorities, the penalties under Paragraph One of this Article shall be doubled.

Section 2: Outrages et violences envers les dépositaires de l'autorité et des agents de la force publique

Article 539: Outrage envers les autorités administratives et agents du service public

Toute personne qui outrage par paroles, gestes ou menaces, écrits ou caricatures, un membre du Parlement dans l'exercice ou à l'occasion de l'exercice de son mandat, un membre du Gouvernement, les agents de sécurité ou toute autre personne chargée d'un service public dans l'exercice ou à l'occasion de ses fonctions, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'outrage a lieu pendant la séance du Parlement ou s'il est commis envers l'une des hautes autorités du pays, les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont portées au double.

Ingingo ya 540: Urugomo rukorewe abayobozi b'igihugu

Umuntu wese ukubita cyangwa ugirira urugomo urwo ari rwo rwose umwe mu bantu bavuzwe mu ngingoya 539 y'iri tegeko ngenga, mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

Iyo gukubita byateye ibikomere, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Iyo urwo rugomo rwakozwe byagambiriwe cyangwa rwategewe igico, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo urwo rugomo rwakozwe rugamije kwica, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 541: Urugomo cyangwa ubusagarire bigiriwe Perezida wa Repubulika

Umuntu wese ugirira urugomo cyangwa usagarira Perezida wa Repubulika, iyo urwo rugomo cyangwa gusagarira bitavushije

Article 540: Violence against public authorities

Any person who assaults or commits any other act of violence against one of the persons mentioned in Article 539 of this Organic Law during the exercise or in connection with his/her mandate, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years.

If the assault results into physical injury, the offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

If that violence is committed by premeditation or ambush the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

If that violence is committed with intent to kill, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 541: Violence or assault against the Head of State

Any person who commits violence or assault against the Head of State and the assault does not cause bloodshed, physical injury or

Article 540: Violence envers les autorités du pays

Toute personne qui ou qui commet toute autre violence envers l'une des personnes mentionnées à l'article 539 de la présente loi organique dans l'exercice ou en rapport avec l'exercice de ses fonctions, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans.

Lorsque les coups causent des blessures, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Lorsque cette violence est commise avec préméditation ou guet-apens, l'auteur est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Lorsque cette violence est commise avec l'intention de donner la mort, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 541: Violence ou voies de fait envers le Président de la République

Toute personne qui commet la violence ou voies de fait envers le Président de la

amaraso cyangwa ngo bitere igikomere cyangwa indwara, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Iyo urugomo cyangwa gusagarira byavushije amaraso, byateye igikomere cyangwa indwara, byateguriwe umugambi cyangwa se byategewe igico, igihano kiba igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Iyo urugomo cyangwa gusagarira biteye urupfu cyangwa iyo urugomo rwakozwe rugamije kwica, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Icyiciro cya 3: Ibyaha bibangamira imikorere y'Inzego Nkuru z'Igihugu zashyizweho n'Itegeko Nshinga

Ingingo ya 542: Kubangamira imigendekere myiza y'Inteko Ishinga Amategeko

Umuntu wese usembura, ushora cyangwa ufasha abandi mu midugararo, mu kurema uduco, mu myigaragambyo itemewe n'amategeko mu ngoro y'Inteko Ishinga amategeko cyangwa mu mpande zayo, abigiriye kubangamira imirimo y'Inteko

disease, shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

If violence or assault causes bloodshed, physical injury or disease and if there is premeditation or an ambush, the penalty shall be a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

If violence or assault causes death or is committed with intent to cause death, the offender shall be liable to life imprisonment with special provisions.

Section 3: Offences that undermine the functioning of top Government institutions established by smooth functioning the Constitution

Article 542: Undermining deliberations of the Parliament

Any person who provokes, incites or causes unrest, organises criminal groups, illegal demonstrations within or in the vicinity of the premises of the Parliament for the purpose of undermining activities of the Parliament shall be liable to a term of imprisonment of

République sans causer l'effusion de sang, blessures ou maladie, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Si la violence ou les voies de fait causent l'effusion de sang, des blessures ou une maladie ou s'il y a préméditation ou guet-apens, la peine est l'emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Si la violence ou les voies de fait causent la mort ou sont commises dans l'intention de donner la mort, le coupable est passible de la réclusion criminelle à perpétuité.

Section 3: Infractions d'entrave au fonctionnement de hautes institutions publiques établies par la Constitution

Article 542: Entrave au bon déroulement des activités du Parlement

Toute personne qui, en vue d'empêcher le bon déroulement des travaux du Parlement, provoque, incite ou participe à des désordres, à des attroupements, à des manifestations non autorisées par la loi à l'intérieur ou aux

Ishinga Amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese ubuza, anyuranyije n'amategeko, ku bw'ingufu cyangwa ibikangisho, umwe mu bagize Inteko Inshiga Amategeko kujya mu mirimo y'Inteko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Ingingo ya 543: Kwinjira mu Nteko Ishinga Amategeko hagamijwe kugira nabi

Umuntu wese winjira mu Nteko Ishinga Amategeko, agamije kugira nabi, ukora ibikorwa, uvuga amagambo cyangwa akagira imigenzereze iyo ari yo yose ishobora guhungabanya imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

Ingingo ya 544: Kubangamira imirimo ikorerwa muri Perezidansi ya Repubulika cyangwa mu Nama y'Abaminisitiri

Umuntu wese ukorera ibyaha biteganyijwe

six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Any person who, illegally prevents, by force or threat, a Member of Parliament from attending any activity of the Parliament shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 543: Entering premises of the Parliament with intent to cause harm

Any person who enters the premises of the Parliament with intent to cause harm, commits acts, pronounces words or disrupt activities of the Parliament, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years

Article 544: Undermining activities within the premises of the Office of the President of the Republic or of the Cabinet meeting

Any person who commits offences under

alentours de l'enceinte du Parlement est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui empêche illégalement, par force ou par menace, un membre du Parlement de participer aux activités du Parlement, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Article 543: Entrée dans les locaux du Parlement dans l'intention de nuire

Toute personne qui, dans l'intention de nuire, entre dans les locaux du Parlement, pose des actes, tient des propos ou manifeste tout autre agissement pouvant troubler les travaux du Parlement, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans.

Article 544: Entrave aux activités se déroulant dans les locaux des services de la Présidence de la République ou du Conseil des Ministres

mu ngingo ya 508 n'ya 509 z'iri tegeko ngenga, mu mpande y'inyubako za Perezidansi ya Repubulika cyangwa aho Inama y'Abaminisitiri iteranira, ahanishwa igihano ntarengwa kivugwa muri izo ngingo.

Iyo ibyaha biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bibereye ahakorera izindi nzege z'ubutegetsi bwa Leta, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 4: Kuvanaho ibimenyetso bibuza gufungura

Ingingo ya 545: Ikurwaho ry'ibimenyetso bibuza gufungura ritemewe n'amategeko

Umuntu wese ubigira nkana akavanaho ibimenyetso bibuza gufungura kandi itegeko ritabimuhereye ububasha, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Articles 508 and 509 of this Organic Law, in the vicinity of the premises of the Office of the President of the Republic or of the Cabinet meetings shall be liable to the maximum of the penalty provided for in these Articles.

If the offences under Paragraph One of this Article are committed within the premises of other public administration organs, the penalty shall be a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Section 4: Break of seals

Article 545: Unlawful breaking of seals

Any person who, intentionally and illegally breaks seals shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Toute personne qui commet les infractions prévues aux articles 508 et 509 de la présente loi organique à proximité des services de la Présidence de la République ou du lieu où se déroulent les séances du Conseil des Ministres, est passible du maximum de la peine prévue à ces articles.

Lorsque les infractions prévues au premier alinéa du présent article sont commises dans les locaux des autres organes de l'Etat, l'auteur est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Section 4: Bris des scellés

Article 545: Bris illégal des scellés

Toute personne qui, délibérément et sans y être légalement habilitée, brise des scellés est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo ibimenyetso bibuza gufungura byashyizweho n'ubuyobozi bikuweho, abarinzi, kubera uburangare bwabo bahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo uwabivanyeho ari umurinzi ubwe cyangwa umukozi w'urwego rwabishyizeho, igifungo kiva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 546: Kuvanaho ibimenyetso byashyizweho n'inzego z'ubutabera cyangwa abahesha b'inkiko ku byafatiriwe

Umuntu wese uvanaho ibimenyetso byashyizweho n'inzego z'ubutabera cyangwa abahesha b'inkiko ku byafatiriwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe

If the seals affixed by public authority are broken, guards due to negligence shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties for negligence.

If the person who breaks the seal is a guard him/herself or an officer of the organ that has affixed the seals, the penalty shall be a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 546: Breaking of seals affixed by judicial organs or bailiffs on seized property

Any person who breaks seals affixed by judicial organs and bailiffs on seized property shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Lorsque des scellés apposés par l'autorité publique ont été brisés, les gardiens sont passibles d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement pour leur négligence.

Si la personne qui a brisé les scellés est le gardien lui-même ou l'agent de l'organe qui les a apposés, la peine est un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 546: Bris des scellés apposés par les organes judiciaires ou les huissiers de justice sur les biens saisis

Toute personne qui brise les scellés apposés par les organes judiciaires ou les huissiers de justice aux biens saisis, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines

gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 5: Ibyaha bijyanye no guhungabanya igikorwa cy'amatora

Ingingo ya 547: Ibihano bihabwa uwiandikisha kuri lisiti y'itora mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Umuntu wese:

- 1° wiyandikisha cyangwa ugerageza kwiandikisha ku ilisiti y'itora atanga umwirondoro utari wo;
- 2° uhisha cyangwa ugerageza guhisha impamvu imubaza gutora iteganywa n'itegeko rigenga amatora;
- 3° usaba kwandikwa, wiyandikisha cyangwa ugerageza kwiandikisha ku malisiti abiri cyangwa menshi;
- 4° ukoresha imvugo y'uburiganya cyangwa ibyemezo mpimbano;
- 5° wiyandikisha cyangwa ugerageza kwiandikisha ku ilisiti y'itora mu buryo butari bwo cyangwa ukoresha uburyo bw'uburiganya;
- 6° wandikisha cyangwa uvanisha

Section 5: Offences which disrupt electoral process

Article 547: Penalties for illegal registration on the voters' list

Any person who:

- 1° registers or attempts to register on the voting list under false identification,
- 2° conceals or attempts to conceal any legal reason which prevents him/ her from voting;
- 3° registers or attempts to register on more than one list;
- 4° makes false declarations or uses false documents;
- 5° registers or attempts to illegally register on a voting list, or applies fraudulent means;
- 6° causes to register or causes to remove a

seulement.

Section 5 : Infractions en rapport avec la perturbation du processus électoral

Article 547 : Peines pour l'inscription illégale sur la liste électorale

Toute personne qui:

- 1 ° se fait inscrire ou tente de se faire inscrire sur la liste électorale sous une fausse identité ;
- 2 ° dissimule ou tente de dissimuler une cause l'empêchant d'élire prévue par la loi électorale;
- 3 ° réclame ou obtient ou tente d'obtenir une inscription sur deux ou plusieurs listes électorales ;
- 4 ° use de fausses déclarations ou de faux documents ;
- 5 ° se fait inscrire ou tente de se faire inscrire de façon frauduleuse sur une liste électorale ;

umwenegihugu ku ilisiti y'itora mu buryo butemewe;

citizen from the voters' list illegally using fraudulent means;

6° à l'aide de moyens frauduleux fait inscrire ou radier de façon frauduleuse de la liste électorale un citoyen;

ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

shall be liable to a term of imprisonment of at least one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 548: Ibihano bihabwa ukoresha ibiranga Igihugu mu kwiyamamaza

Article 548: Penalties for illegal use of national symbols in electoral campaign

Article 548 : Peines pour utilisation des symboles nationaux pendant la campagne électorale

Umuntu wese, mu gihe cyo kwiyamamaza mu itora iryo ariryo ryose, ukoresha ibiranga igihugu ku mafoto no ku nyandiko byamamaza abakandida, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000).

Any person who, uses, during campaigns in any election, national symbols on photos and written materials to campaign for any candidate shall be liable to a fine of fifty thousand (50,000) to two hundred thousand (200,000) Rwandan francs.

Toute personne qui, pendant la campagne électorale et pour toute sorte d'élection utilise les symboles nationaux sur les photos et les écrits des candidats est passible d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais.

Igihano kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni cyo gihanishwa umuntu wese ukoresha ibiranga by'imitwe ya politiki mu matora aziguye y'abagize Inteko Ishinga Amategeko no mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'ibanze.

Any person who uses emblems of political organizations in indirect Parliamentary and local administrative elections shall be liable to the penalty provided under the Paragraph One of this Organic Law.

Toute personne qui utilise les emblèmes des formations politiques pour les élections législatives indirectes ainsi que pour les élections des autorités des entités administratives de base est passible de la peine prévue à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 549: Ibihano bihabwa umuntu utora kandi yarambuwe uburenganzira

Umuntu wese wambuwe uburenganzira bwo gutora, kubera gucibwa igihano n'urukiko cyangwa wagize igihombo akaba atarahanaguweho ubusembwa, agatora bitewe n'uko yiyandikishije ku ilisiti y'itora ya mbere y'uko yamburwa uburenganzira bwo gutora cyangwa ya nyuma yaho, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 550: Ibihano bihabwa ukoresha uburiganya mu matora

Umuntu wese utora yari yariyandikishije mu buryo bw'uburiganya cyangwa ukoresha mu buryo butari bwo umwirondoro w'utora wanditse ku ilisiti, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ni nabyo bihano bihabwa umuntu wiyandikisha ku malisiti menshi agatora

Article 549: Penalties to a person who votes after being disfranchised

Any person who is deprived of voting right, after a sentence by a court of law or bankruptcy for which there is no rehabilitation, votes on the basis of registration on the voters' list prior to or after deprivation of voting rights, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month to three (3) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 550: Penalties for electoral fraud

Any person who fraudulently registers or uses false identification to vote shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The same penalties shall apply to a person who registers on several voters' lists and

Article 549: Peines contre un votant déchu du droit de vote

Toute personne qui, déchue du droit de vote, par suite d'une condamnation judiciaire ou d'une faillite non suivie de réhabilitation, vote en vertu d'une inscription sur la liste électorale antérieure ou postérieure à sa déchéance, est passible d'un emprisonnement d'un (1) mois à trois (3) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 550 : Peines pour fraude électorale

Toute personne qui vote, soit en vertu d'une inscription obtenue frauduleusement, soit en utilisant faussement l'identité d'un électeur inscrit sur la liste électorale, est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Les mêmes peines s'appliquent à la personne

inshuro nyinshi.

Ingingo ya 551: Ibihano bihabwa uwinjiye mu biro by'itora yitwaje intwaro

Uretse mu bihe biteganywa n'amategeko, umuntu wese winjira mu biro by'itora afite intwaro, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mironko itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Ingingo ya 552: Ibihano bihabwa umuntu utuma abantu batora uko batatekereje

Umuntu wese utanga inkuru z'impimbano, utukana cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose agatuma abantu batora uko batatekereje, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 553: Ibihano bihabwa ukoresha udutsiko, urusaku cyangwa iterabwoba agamije guhungabanya imigendekere myiza y'amatora

Umuntu wese ukoresha udutsiko, urusaku

votes several times.

Article 551: Penalties for an armed person entering a polling station

Unless otherwise provided for by the law, any person entering a polling station while armed shall be liable to a fine of fifty thousand (50,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Article 552: Penalties for a person who influences voters

Any person who communicates false information, insults or influences voters' choice in any way, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six months (6) and a fine of one hundred thousand (100, 000) to one million thousand (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 553: Penalties for use of criminal groups, disturbances or intimidation to disrupt smooth conduct of elections

Any person who uses criminal groups,

qui se fait inscrire sur plusieurs listes électorales et vote plusieurs fois.

Article 551: Peines pour une personne entrant dans un bureau de vote munie d'une arme

Sauf dispositions prévues par la loi, toute personne qui entre dans un bureau de vote munie d'une arme est passible d'une amende de cinquante mille (50.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Article 552: Peines pour une personne qui influence le choix des électeurs

Toute personne qui, par fausses informations, insultes ou tout autre moyen, influence le choix des électeurs, est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 553: Peines pour usage d'attroupement, clameurs ou actes d'intimidation pour perturber le bon déroulement des élections

cyangwa iterabwoba agamije guhungabanya imigendekere myiza y'amatora, ubangamira uburenganzira bwo gutora cyangwa ubwisanzure mu itora, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 554: Ibihano bihabwa uwinjira ku ngufu mu cyumba cy'itora

Umuntu wese winjira cyangwa ugerageza kwinjira ku ngufu mu cyumba cy'itora, ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) kugeza ku mezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese winjira cyangwa ugerageza kwinjira ku ngufu mu cyumba cy'itora yitwaje intwaro, ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

disturbance or acts of intimidation to disrupt the smooth conduct of election, infringes the right to vote or freedom in voting, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 554: Penalties for forceful entry into a voting room

Any person who forcefully enters or attempts to enter a voting room shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days to two (2) months and a fine of fifty thousand (50,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any armed person who forcefully enters or attempts to enter a voting room shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Toute personne qui, par attroupement, clameurs ou actes d'intimidation dans l'intention de perturber le bon déroulement des élections, porte atteinte au droit ou à la liberté de vote, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 554 : Peines pour entrée par force dans une salle de vote

Toute personne qui entre ou tente d'entrer par force dans une salle de vote est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours à deux (2) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui, munie d'une arme, entre ou tente d'entrer par force dans une salle de vote est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo gitumye itora ripfa, ukoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo gikozwe biturutse ku mugambi wumvikanyweho, ukoze icyo cyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Ingingo ya 555: Ibihano bihabwa uwitwara nabi mu bagize inteko itora agamije kwica itora

Umuntu wese uri mu bagize inteko itora mu gihe cy'ibikorwa by'itora, ugaragaweho gutesha agaciro cyangwa kugirira nabi umwe cyangwa benshi mu batoresha cyangwa se ukoresha iterabwoba, ugerageza kuburizamo ibikorwa by'itora, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

If the offence under Paragraphs One and 2 of this Article leads to the failure of election, the offender shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If the offence under Paragraphs One and 2 of this Article is committed following a concerted plan, the offender shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 555: Penalties for misconduct of a member of electoral college aimed at disrupting electoral operation

Any person who is a member of the electoral college during elections found responsible for causing dishonour or acting with malice towards the polling committee or one of its members or using acts of intimidation and attempts to frustrate electoral operations, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Lorsque l'infraction prévue aux alinéas premier et 2 du présent article empêche la tenue du scrutin, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque l'infraction prévue aux alinéas premier et 2 du présent article est commise suite à un plan concerté, l'auteur est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Article 555: Peines pour méconduite d'un membre du collège électoral en vue de perturber l'opération électorale

Tout membre du collège électoral qui, pendant la durée des opérations électorales, se rend coupable d'outrages ou de violences envers un ou plusieurs membres du bureau de vote ou qui, par menaces, tente de faire échouer les opérations électorales, est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo ibyaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingobitumye itora riburizwamo, ukoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ingingo ya 556: Ibihano bihabwa uwibye agasanduku karimo amajwi y'itora n'izindi nyandiko zirebana n'amatora

Umuntu wese wiba agasanduku k'itora karimo amajwi atarabarurwa cyangwa yabaruwe mbere y'uko atangazwa, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y' u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingoni na byo bihabwa umuntu wese wibye inyandikomvugo cyangwa izindi nyandiko zigaragaza ibyavuye mu itora, iyo kuzitwara kugamije cyangwa guteye guhindura ibyavuye mu itora cyangwa se gutuma kubitangaza bidashoboka.

Iyo kwiba agasanduku, inyandikomvugo cyangwa izindi nyandiko zigaragaza ibyavuye mu itora bikoze byarateguwe

If the offences under Paragraph One of this Article contribute to the cancellation of elections, the offender shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 556: Penalties for stealing a ballot box with ballot papers and other election-related documents

Any person who steals a ballot box with uncounted ballot papers or which are counted but not yet declared, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

The penalties under Paragraph One of this Article also apply to any person who steals statements or other documents indicating election results, if the stealing aims or causes alteration of election results or makes their proclamation impossible.

If the stealing of the ballot box, statements or other documents indicating election results is done following a plan by a group of persons

Lorsque les infractions visées à l'alinéa premier du présent article font échouer les opérations électorales, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 556: Peines pour vol d'urne contenant des suffrages et de tous autres documents relatifs aux élections

Toute personne qui vole l'urne contenant les suffrages non encore dépouillés ou dépouillés mais avant leur publication, est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à toute personne qui vole les procès-verbaux ou d'autres documents constatant les résultats du scrutin lorsque le vol a pour but ou effet de fausser les résultats du scrutin ou d'en empêcher la proclamation.

Si le vol de l'urne, des procès-verbaux ou d'autres documents constatant les résultats

n'agatsiko k'abantu cyangwa hakoreshejwe imbaraga, ukoze icyaha ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 557: Ibihano ku cyaha cyo kwica amatora gikozwe n'abatoresha cyangwa abakozi bashinzwe kurinda impapuro z'itora

Umuntu wese wica itora, ari mu batoresha cyangwa abashinzwe impapuro z'itora zitari zabarurwa cyangwa zitararenza igihe cyo kubikwa, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 558: Ibihano bihabwa uwitwara nabi mu gikorwa cyo kwiyamamaza

Umuntu wese umanika amafoto, inyandiko cyangwa ukorera inama ahabigenewe, ahanishwa igihano cy'ihazabu kuva ku mafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Umuntu wese witwara nabi mu gikorwa cyo kwiyamamaza, utubahiriza ibindi biteganywa n'itegeko ryerekeye amatora, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe

or by use of force, the offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years.

Article 557: Penalties for violation of electoral process by election agents and those charged with safety of ballot papers

Any person who violates the voting process, if he/she is a member of the polling committee or officer in charge of uncounted ballot papers or of which the period of filing has not expired shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years.

Article 558: Penalties for misconduct in electoral campaign

Any person who displays photos, documents or conducts a meeting in unauthorised place shall be liable to a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Any person who misconducts in an electoral campaign and violates other provisions of the electoral law shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years

du scrutin est planifié et effectué par un groupe de personnes ou par usage de la force, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans.

Article 557 : Peines pour violation du scrutin par les membres du bureau de vote ou les personnes chargées de la garde des bulletins de vote

Toute personne, membre du bureau de vote ou agent chargé de la garde des bulletins non encore dépouillés ou des bulletins dont le délai de dépôt n'a pas encore expiré, qui viole le scrutin, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans.

Article 558: Peines pour méconduite pendant la campagne électorale

Toute personne qui affiche des photos, des documents ou organise une réunion dans un lieu non autorisé est passible d'une amende de cent mille (100,000) à cinq cent mille (500,000) francs rwandais.

Toute personne qui se méconduit pendant la campagne électorale et viole les dispositions de la loi électorale, est passible d'un

(1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 559: Ibihano bihabwa umuntu uhindura ibyavuye mu matora, uwica ukuri kw'itora n'uburizamo ibikorwa by'itora

Umuntu wese, mu cyumba cy'itora, mbere y'itora, mu gihe rikorwa cyangwa nyuma yaryo, ukoresha igikorwa cy'uburiganya, uhindura cyangwa ugerageza guhindura ibyavuye mu matora, wica cyangwa ugerageza kwica ukuri kw'itora, uburizamo cyangwa ugerageza kuburizamo ibikorwa by'itora, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 560: Ibindi bihano

Ku byaha bihanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5), urukiko rushobora kwambura uwabikoze uburenganzira afite mu Gihugu mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 559: Penalties for altering election results, violating the truth of elections and impeding voting operations

Any person present in a voting room who, before, during or after voting, uses fraudulent acts, alters or attempts to alter electoral results or violates or attempts to violate the conduct of elections, impedes or attempts to impede voting operations, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1.000.000) to three million (3.000.000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 560: Other penalties

The court may order the loss of civic rights for a period not exceeding five (5) years for offences punishable with a term of imprisonment exceeding five (5) years.

emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 559 : Peines pour falsification des résultats du scrutin, violation de l'exactitude des élections et empêchement des opérations de vote

Toute personne qui, dans une salle de vote, avant, pendant ou après le scrutin, par tout acte frauduleux, change ou tente de changer les résultats du scrutin, viole ou tente de violer la régularité du vote, empêche ou tente d'empêcher les opérations du scrutin, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 560 : Autres peines

Pour les infractions punissables d'une peine d'emprisonnement dépassant cinq (5) ans, la juridiction peut prononcer la dégradation civique pendant une durée n'excédant pas

Iyo uwakoze icyaha ari umukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, umukozi woherejwe na Leta cyangwa se uhagarariye umutwe wa politiki, igihano giteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo cyikuba kabiri.

Icyiciro cy 6: Gutambamira ishyirwa mu bikorwa ry'imirimu y'igihugu

Ingingo ya 561: Ibihano ku cyaha cyo gutambamira ishyirwa mu bikorwa ry'imirimu y'igihugu

Umuntu wese, ku bw'urugomo, ubuza imirimu gukorwa yategetswe cyangwa yemewe n'ubuyobozi bubigenewe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo kubuza imirimu gukorwa biturutse ku bantu baremye agatsiko kandi bakoresha kiboko, urugomo cyangwa ibikangisho, bahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

If the offender is an employee of the National Electoral Commission, a person assigned to represent the Government or a representative of a political organisation, the penalty under Paragraph One of this Article shall be doubled.

Section 6: Hindering implementation of public work

Article 561: Penalties for hindering implementation of public work

Any person who, by any act of violence, opposes the implementation of public work commissioned or authorised by a competent authority, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If the hindering of the public work is done by a group of people using violence, assaults or threats, the offenders shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years.

cinq (5) ans.

Si l'auteur est un agent de la Commission Nationale Electorale ou un agent mandaté par l'Etat ou par une formation politique, la peine prévue à l'alinéa premier du présent article est portée au double.

Section 6: Entrave à l'exécution des travaux publics

Article 561: Peines pour entrave à l'exécution des travaux publics

Toute personne qui, par acte de violence, s'oppose à l'exécution des travaux ordonnés ou autorisés par l'autorité compétente, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'entrave à l'exécution des travaux est faite par un attroupement de gens usant de la violence, voies de fait ou menaces, les auteurs sont passibles d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Icyiciro cya 7: Ibyaha bibuza ubwigenge mu bucuruzi no mu bwikorezi

Ingingo ya 562: Agahato mu bucuruzi

Umuntu wese ukoresha kiboko cyangwa ibikangisho kugira ngo ahatire undi kugura ibicuruzwa na kanaka cyangwa ku giciro iki n'iki, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 563: Gutambamira ubwigenge bw'ubucuruzi

Umuntu wese utambamira, ku bw'urugomo, ibitutsi, ibikangisho, gukoranya abantu, kubuza ku buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa gutanga amategeko ayo ari yo yose atemewe, ubwigenge bw'ubucuruzi, ashaka kubuza ubwigenge bw'iherekanya ry'ibicuruzwa, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Section 7: Offences against freedom of commerce and transport

Article 562: Restraint in commerce

Any person who restrains another person using violence or threats to buy commodities from a given person or at a given price, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) and five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 563: Undermining freedom of commerce

Any person who, by insults, threats, gatherings, any prohibition or illegal prescription, undermines the freedom of commerce with intent to hamper commercial exchange by violence, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Section 7: Infractions à la liberté du commerce et du transport

Article 562: Contrainte dans le commerce

Toute personne qui emploie la violence ou les menaces pour contraindre une autre à acheter les marchandises chez une personne donnée ou à un certain prix, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 563: Entrave à la liberté du commerce

Toute personne qui, par violence, injures, menaces, rassemblements, toute interdiction ou toute prescription illégale, entrave la liberté de l'échange commercial de toute manière que ce soit, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 564: Guhungabanya ubwigenge mu ipiganwa rya cyamunara

Umuntu wese:

1° ubuza cyangwa uhungabanya ubwigenge mu ipiganwa rya cyamunara cyangwa ryo gutanga ibiciro mu masoko, yakoresheje mbere cyangwa mu gihe bikorwa, ugusagarira, kiboko cyangwa ibikangisho;

2° wakumiriye muri cyamunara abazamura ibiciro, washyizeho igiciro ntarengwa cy'ibigurishwa muri cyamunara cyangwa cy'ibitangwa mu masoko abitewe n'impano, amasezerano yo kuzagororerwa cyangwa ubwumvikane burimo uburiganya;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 565: Kuzamura cyangwa kumanura igiciro cy'ibicuruzwa ku bw'uburiganya

Umuntu wese uzamura cyangwa umanura, ku bw'uburiganya, igiciro cy'imyaka

Article 564: Interfering with the freedom of public auction

Any person who:

1° hinders or interrupts freedom of public auction or tender by means of acts of violence or threats, before or after the auctioning or tendering during tender process;

2° by gifts, pledges or fraudulent means, eliminates bidders, limits auction or invitation to tender of any person who receives gifts or accepts promises for gifts;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 565: Fraudulent increase or decrease of prices of goods

Any person who fraudulently increases or decreases the price of foodstuffs, goods,

Article 564: Trouble à la liberté des enchères

Toute personne qui:

1° dans les adjudications, entrave ou trouble la liberté des enchères ou des soumissions, par voies de fait, violences ou menaces, soit avant, soit pendant les enchères ou soumissions ;

2° par dons, promesses ou ententes frauduleuses, écarte les enchérisseurs, limite des enchères ou soumissions, reçoit ces dons ou accepte ces promesses;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 565: Hausse ou baisse frauduleuse du prix des marchandises

Toute personne qui, frauduleusement,

establish a press newspaper or a press enterprise.

Article 701: Penalty for refusing to publish a correction, a reply or a rectification in a newspaper

Any journalist who refuses to publish a correction, a reply or a rectification in a newspaper shall be liable to a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Article 702: Penalty for refusing to publish a correction, a reply or a rectification in an audio or audio visual media

Any journalist who refuses to publish a correction, a reply or a rectification in an audio or audio visual media shall be liable to a fine of three hundred thousand (300,000) to six hundred thousand (600,000) Rwandan francs.

de créer un journal ou une entreprise de médias.

Article 701: Peine pour refus de publier une correction, une réponse ou une rectification dans un journal

Tout journaliste qui refuse de publier dans un journal une correction, une réponse ou une rectification est passible d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Article 702: Peine pour refus de publier une correction, une réponse ou une rectification dans un média audio ou audiovisuel

Tout journaliste qui refuse de publier dans un média audio ou audiovisuel une correction, une réponse ou une rectification est passible d'une amende de trois cent mille (300.000) à six cent mille (600.000) francs rwandais.

Ingingo ya 703: Igihano gihabwa uwoshya undi gukora icyaha hakoreshejwe itangazamakuru

Umuntu wese woshya undi gukora icyaha hakoreshejwe itangazamakuru, iyo ubwo bwoshye bukurikiwe n'icyaha cyangwa ubwinjiracyaha, afatwa nk'ufashije undi gukora icyaha gikozwe kandi ahanishwa igihano cyateganyirijwe icyo cyaha.

Ingingo ya 704: Ibihano ku cyaha gikozwe mu rwego rw'itangazamakuru hagamijwe guhungabanya umutekano rusange n'ubusugire by'igihugu

Umuntu wese ukora icyaha mu rwego rw'itangazamakuru agamije guhungabanya umutekano rusange n'ubusugire by'igihugu, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 705: Ukutaryozwa icyaha ku munyamakuru

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 281 y'iri tegeko ngenga, nta buryozwacyaha bubaho ku munyamakuru watangaje inkuru ku bikorwa by'umuyobozi ku buzima bwe

Article 703: Penalty for a person who incites another to commit a press offence

Any person who incites another to commit a press offence shall be considered as an accomplice if such an incitement succeeds or is followed by an attempt and shall be liable to the penalty provided for such an offence.

Article 704: Penalties for a press offence committed with the intent to undermine public order and territorial integrity

Any person who commits a press offence with the intent to undermine public order and territorial integrity shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 705: Exemption from criminal liability for a journalist

Subject to the provisions of Article 281 of this Organic Law, a journalist who publishes an article on the activities in relation to the privacy of an authority when such activities

Article 703: Peine pour celui qui incite autrui à commettre un délit de presse

Toute personne qui incite autrui à commettre un délit de presse est considérée comme complice du délit commis lorsque cette incitation a été suivie par la commission de l'infraction ou la tentative et est passible de la peine prévue pour ce délit.

Article 704: Peines pour délit de presse commis avec l'intention de porter atteinte à l'ordre public et à l'intégrité territoriale

Toute personne qui commet un délit de presse avec l'intention de porter atteinte à l'ordre public et à l'intégrité territoriale est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 705: Exonération de la responsabilité pénale pour un journaliste

Sous réserve des dispositions de l'article 281 de la présente loi organique, un journaliste qui publie un article sur les activités en rapport avec la vie privée d'une autorité

bwite bifite ingaruka mbi ku buzima rusange bw'Igihugu.

adversely affect public interest shall be exempted from criminal liability.

bénéficie de l'exonération de la responsabilité pénale lorsque ces activités compromettent l'intérêt public.

INTERURO YA IV: IBYAHA BYA GISIRIKARE

TITLE IV: MILITARY OFFENCES

TITRE IV: INFRACTIONS MILITAIRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Icyiciro cya mberere: Ibisobanuro by'amagambo

Section One: Definitions of terms

Section première: Définitions des termes

Ingingo ya 706: Umukuru

Article 706: A superior

Article 706: Un supérieur

Umukuru ni umusirikare urusha undi ipeti cyangwa umurusha inshingano mu kazi igihe banganya ipeti.

A superior means a soldier whose rank is higher than that of another or who assumes greater responsibility than another in case of equal ranks.

Un supérieur est un militaire ayant un grade supérieur à celui d'autrui ou ayant une responsabilité plus importante que celle d'autrui en cas d'égalité de grades.

Ingingo ya 707: Umurinzi

Article 707: Soldier on guard duty

Article 707: Militaire en faction

Umurinzi ni umusirikare uri mu kazi.

A soldier on guard duty means a soldier on duty.

Un militaire en faction est un militaire en service.

Icyiciro cya 2: Ibyaha bya gisirikare n'ibihano byabyo

Section 2: Military offences and their penalties

Section 2: Infractions militaires et leurs peines

Ingingo ya 708: Imikoreshereze y'ingingo zihana ibyaha bya gisirikare

Article 708: Application of the provisions relating to punishment of military offences

Article 708: Application des dispositions relatives à la répression des infractions militaires

Inkiko za gisirikare zihanisha ibyaha

Military courts shall apply penalties under

Les juridictions militaires appliquent aux

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

bisanzwe byakozwe n'abasirikare hagati yabo cyangwa babikoreye abandi, ibihano byateganyijwe n'amategeko ahana asanzwe.	ordinary criminal law for ordinary offences committed by soldiers between themselves and against civilians.	infractions de droit commun commises par des militaires entre eux et envers d'autres personnes les peines prévues par les lois pénales ordinaires.
Ku byaha bya gisirikare, ibihano bitangwa biteganywa mu ngingo zihana ibyaha bya gisirikari.	For military offences, penalties to be applied shall be those under provisions relating to the punishment of military offences.	Pour les infractions militaires, les peines applicables sont celles prévues par les dispositions relatives à la répression des infractions militaires.
Ku byaha byose, uretse gusa ibyateganyijwe mu ngingo zihana ibyaha bya gisirikare, inkiko za gisirikare zikurikiza ingingo rusange z'iri tegeko ngenga.	For all offences, military courts apply the general provisions of this Organic Law with the exception of the offences under provisions relating to the punishment of military offences.	A toutes les infractions, les juridictions militaires appliquent les dispositions générales de la présente loi organique à l'exception des infractions prévues par les dispositions relatives à la répression des infractions militaires.

Ingingo ya 709: Ibyaha bya Gisirikare

Ibyaha bya gisirikare ni:

- 1° ubugambanyi n'ubutasi bikoze n'umusirikare;
- 2° kwica akazi nshinganwa ka gisirikare;
- 3° ubugande n'ubwivumbure;
- 4° uguhutaza no gukoza isoni umukuru cyangwa umurinzi;
- 5° ugutoroka;

Article 709: Military offenses

Military offences are:

- 1° treason and espionage committed by a soldier;
- 2° breach of military duties ;
- 3° insubordination and revolt;
- 4° violence and contempt against a superior or a soldier on guard duty;
- 5° desertion;

Article 709: Infractions militaires

Les infractions militaires sont :

- 1° la trahison et l'espionnage commis par un militaire;
- 2° la violation des devoirs militaires;
- 3° l'insubordination et la révolte;
- 4° les violences et les outrages envers un supérieur ou un militaire en faction;
- 5° la désertion;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

6°	ukwiyononera umubiri ku bushake;	6°	self-inflicted mutilation;	6°	l'auto- mutilation volontaire;
7°	ugukoresha intwaro nta tegeko ry'umukuriye;	7°	use of an arm without an order from a superior;	7°	l'emploi d'une arme sans ordre d'un supérieur;
8°	ibyaha bihungabanya itumanaho rya gisirikare;	8°	offences sabotaging the military communication system;	8°	les infractions de sabotage du système de communication militaire;
9°	ibyaha by'uburangare;	9°	negligence offences;	9°	les infractions causées par la négligence;
10°	ukurigisa, ukugurisha no kwiba intwaro, amasasu cyangwa ibindi bikoreho bya gisirikare;	10°	diversion, sale and stealing of arms, ammunitions or any other military equipments;	10°	le détournement, la vente et le vol d'armes, de munitions ou de tout autre matériel militaire ;
11°	kwegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe;	11°	surrender to the enemy of a post or a position assigned to him/her;	11°	la reddition à l'ennemi d'un poste ou une position qui lui est assigné;
12°	guhuruzwa mu gihe cy'intambara ntajye aho ahamagarirwa kuba ari;	12°	refusal to go to his/her place of deployment in wartime;	12°	le refus de se présenter au lieu de déploiement en temps de guerre ;
13°	guta izamu no kudakurikiza amategeko;	13°	abandonment of post and disobeying instructions;	13°	l'abandon de poste et omission de remplir sa consigne ;
14°	gusinzira ari ku kazi;	14°	sleeping while on guard duty;	14°	le sommeil en faction ;
15°	gusinda;	15°	drunkenness;	15°	l'ivresse ;
16°	guta umurimo;	16°	service abandonment;	16°	l'abandon de service;
17°	kubura ku murimo mu gihe cy'intambara;	17°	absence from the post in wartime;	17°	l'absence au poste en temps de guerre ;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

18°	kwigaragambya;	18°	strike;	18°	la grève ;
19°	kwica umukuru;	19°	murder of a superior;	19°	le meurtre d'un supérieur ;
20°	kurenza iminsi y'ikiruhuko wahawe uri Ofisiye;	20°	unauthorized extension of leave by an officer;	20°	la prolongation non autorisée du congé par un Officier ;
21°	kuyobora akagambane;	21°	leading conspiracy;	21°	le fait d'être chef de complot ;
22°	ukwica amategeko cyangwa amabwiriza amwe n'amwe y'ibindi bihugu kandi uri umusirikare.	22°	violation by a soldier of some foreign legal and regulatory provisions.	22°	la violation, par un militaire, de certaines dispositions légales ou réglementaires étrangères.

Ingingo ya 710: Ibihano bya gisirikare

Article 710: Military penalties

Article 710: Peines militaires

Ibihano bya gisirikare ni:

The military penalties are:

Les peines militaires sont :

1°	ibihano by'iremezo: a. igifungo; b. ihazabu; c. igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro.	1°	main penalties; a. imprisonment; b. fine; c. community service as alternative penalty to imprisonment;	1°	les peines principales; a. l'emprisonnement; b. l'amende; c. la peine alternative des travaux d'intérêt général ;
2°	ibihano by'ingereka: a. kunyagwa amapeti ya gisirikare; b. gusubizwa inyuma mu ntera.	2°	additional penalties; a. stripping off ranks ; b. demotion.	2°	les peines accessoires ; a. la dégradation militaire; b. la rétrogradation;

Icyiciro cya 3: Igifungo

Ingingo ya 711: Irangiza ry'igihano cy'igifungo

Umusirikare wakatiwe igihano cy'igifungo arangiza igihano cye muri gereza yemewe n'amategeko.

Igihe cy'igifungo ntikibarirwa mu gihe cy'akazi.

Igifungo kiri hejuru y'imyaka ibiri (2) gituma umusirikare wagikatiwe yirukanwa nta mpaka mu gisirikare.

Icyiciro cya 4: Ihazabu

Ingingo ya 712: Itangwa ry'igihano cy'ihazabu

Ihazabu ivugwa muri iki cyiciro igenwa kandi igatangwa mu buryo buteganyijwe mu ngingo ya 41, iya 42, 43, 44, 45 n'iya 46 z'iri tegeko ngenza.

Section 3: Imprisonment

Article 711: Serving the penalty of imprisonment

A convicted soldier shall serve his/her sentence in a legally recognized prison.

The duration of the prison sentence shall not be considered as time spent in military service.

An imprisonment exceeding two (2) years shall lead to automatic dismissal of the convicted soldier from military service.

Section 4: Fine

Article 712: Imposition of the fine

The fine provided under this Section shall be imposed and paid in accordance with the provisions of Articles 41, 42, 43, 44, 45 and 46 of this Organic Law.

Section 3: Emprisonnement

Article 711: Exécution de la peine d'emprisonnement

Un militaire condamné à l'emprisonnement purge sa peine dans la prison reconnue par la loi.

La durée de l'emprisonnement n'est pas considérée comme le temps de service.

Une peine d'emprisonnement supérieure à deux (2) ans entraîne d'office la révocation du condamné du service militaire.

Section 4: Amende

Article 712: Imposition d'amende

L'amende visée à la présente section est imposée et est payée selon les modalités prévues aux articles 41, 42, 43, 44, 45 et 46 de la présente loi organique.

Icyiciro cya 5: Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro

Ingingo ya 713: Itangwa ry'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro

Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro kivugwa muri iki cyiciro gitangwa, kikanashyirwa mu bikorwa mu buryo buteganyijwe mu ngingo kuva ku ya 47 kugeza ku ya 50 z'iri tegeko ngenga.

Icyiciro cya 6: Kunyagwa amapeti ya gisirikare cyangwa gusubizwa inyuma mu ntera

Akiciro ka mbere: Kunyagwa amapeti ya gisirikare

Ingingo ya 714: Ibyaha bihanishwa kunyagwa amapeti ya gisirikare

Kunyagwa amapeti ya gisirikare ni igihano cy'ingereka urukiko rukatira umusirikare wakoze kimwe mu byaha bikurikira:

- 1° ubugambanyi;
- 2° kwegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe;

Section 5: Penalty of community service as alternative penalty to imprisonment

Article 713: Imposing community service as alternative penalty to imprisonment

The penalty of community service as alternative penalty to imprisonment under this Section shall be imposed and executed in accordance with the procedures under Articles 47 and 50 of this Organic Law.

Section 6: Stripping off ranks or demotion

Sub-section One: Stripping off ranks

Article 714: Offences punishable by stripping off ranks

Stripping off ranks is an additional penalty imposed by the Court against a soldier who has committed any of the following offences:

- 1° treason;
- 2° surrender to the enemy of a post or a position assigned to him/her;

Section 5: Peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général

Article 713: Imposition de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général

La peine alternative des travaux d'intérêt général visée à la présente section est imposée et exécutée selon les modalités prévues aux articles 47 à 50 de la présente loi organique.

Section 6: Dégradation militaire ou rétrogradation

Sous-section première: Dégradation militaire

Article 714: Infractions punissables de la dégradation militaire

La dégradation militaire est une peine accessoire que la juridiction prononce contre un militaire qui a commis l'une des infractions suivantes:

- 1° la trahison;
- 2° la reddition à l'ennemi d'un poste ou une position qui lui est assignée;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

3°	ubugande cyangwa ubwivumbure mu gihe cy'intambara;	3°	insubordination or revolt in wartime;	3°	l'insubordination ou la révolte en temps de guerre ;
4°	guhuruzwa mu gihe cy'intambara ntajye aho ahamagarirwa kuba ari;	4°	refusal to go to his/her place of deployment in wartime;	4°	le refus d'aller dans son lieu de déploiement en temps de guerre ;
5°	ugutoroka igisirikare;	5°	desertion;	5°	la désertion;
6°	jenocide;	6°	genocide;	6°	le génocide;
7°	ibyaha byibasiye inyokomuntu;	7°	crimes against humanity;	7°	les crimes contre l'humanité;
8°	gusambanya ku gahato.	8°	rape.	8°	le viol.

Igihano cyo kunyagwa amapeti gihabwa kandi umusirikare wese wakatiwe igifungo kingana cyangwa kirengeje imyaka itanu (5).

Stripping off ranks shall apply to any soldier sentenced to imprisonment of a term equal to or more than five (5) years.

La dégradation militaire s'applique également à tout militaire condamné à un emprisonnement supérieur ou égal à cinq (5) ans.

Ingingo ya 715: Inkurikizi zo kunyagwa amapeti ya gisirikare

Article 715: Consequences of stripping off ranks

Article 715: Effets de la dégradation militaire

Inyagwa ry'amapeti ya gisirikare rigira inkurikizi zikurikira:

Stripping off ranks shall have the following consequences:

La dégradation militaire produit les effets suivants :

1°	ukwakwa ipeti n'uburenganzira bwo kwambara ibimenyetso byaryo n'umwambaro wa gisirikare;	1°	deprivation of rank and the right to wear related military insignias and uniform;	1°	la privation du grade et du droit d'en porter les insignes et l'uniforme;
2°	ukudashobora kubona umurimo uwo ari wo wose mu Ngabo z'u Rwanda;	2°	inability to serve in Rwanda Defence Forces, in any capacity;	2°	l'incapacité de servir au sein des Forces Rwandaises de Défense, à quelque titre que ce soit;

3° ukwamburwa uburenganzira bwo kubona umwanya mu mirimo rusange y'Igihugu;	3° loss of the right of access to public employment;	3° la déchéance du droit d'accès aux emplois publics;
4° ukwamburwa uburenganzira bwerekeye gutora no gutorwa;	4° loss of the right to vote and be elected;	4° la déchéance du droit de vote et d'éligibilité;
5° ukwakwa uburenganzira bwo kwambara impeta cyangwa ikindi kimenyetso cy'ishimwe.	5° deprivation of the right to wear any decoration or any other sign worn as a mark of honor.	5° la privation du droit de porter une décoration ou un autre signe d'une distinction honorifique.

Akicro ka 2: Ugusubizwa inyuma mu ntera

Sub-section 2: Demotion

Sous-section 2: Rétrogradation

Ingingo ya 716: Ibyaha bihanishwa ugusubizwa inyuma mu ntera

Article 716: Offences punishable by demotion

Article 716: Infractions punissables de la rétrogradation

Gusubizwa inyuma mu ntera ni igihano cy'ingereka urukiko rushobora gukatira umusirikare wakoze kimwe mu byaha bisanzwe bikurikira hamwe n'ibyaha bya gisirikare uretse ibivugwa mu ngingo ya 713 y'iri Tegeko Ngenga:

Demotion is an additional penalty that the Court may impose against a soldier who commits any of the following ordinary offences and military offences other than those under Article 713 of this Organic Law:

La rétrogradation est une peine accessoire que la juridiction peut prononcer contre un militaire qui a commis l'une des infractions de droit commun suivantes et les infractions militaires autres que celles visées à l'article 713 de la présente loi organique:

- 1° ruswa;
- 2° ivangura;
- 3° ukurigisa;
- 4° isindwe ku mugaragaro;
- 5° ibyaha by'iterasoni;
- 6° gukubita no gukomeretsa bikabije;
- 7° ubwambuzi bushukana;
- 8° ubujura;

- 1° corruption;
- 2° discrimination;
- 3° embezzlement;
- 4° public drunkenness ;
- 5° indecent assault;
- 6° aggravated assault and battery;
- 7° fraud ;
- 8° theft;

- 1° corruption;
- 2° discrimination ;
- 3° détournement;
- 4° ivresse publique;
- 5° attentat à la pudeur;
- 6° coups et blessures graves;
- 7° escroquerie ;
- 8° vol;

9° ubuhemu;
10° gukoresha ibiyobyabwenge.

9° breach of trust;
10° use of narcotic drugs.

9° abus de confiance;
10° usage de stupéfiants.

Ingingo ya 717: Inkurikizi z'ugusubizwa inyuma mu ntera

Gusubizwa inyuma mu ntera, bituma umusirikare wakatiwe icyo gihano yamburwa ipeti yari agezeho, agasubizwa ku ipeti ribanziriza iryo yari afite, mu gihe kiri hagati y'amezi atandatu (6) n'inyaka itatu (3).

Uburambe ku ipeti umusirikare yari asanganywe burasubikwa mu gihe yasubijwe inyuma mu ntera.

Igihano cyo gusubizwa inyuma mu ntera ntigihabwa abasirikare bafite ipeti rya Soluda na Suliyetona.

UMUTWE WA II: IBIHANO KU BYAHA BYA GISIRIKARE

Icyiciro cya mbere: Kwica akazi nshinganwa ka gisirikare

Ingingo ya 718: Gutererana cyangwa kwegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu Ofisiye ashinzwe

Ofisiye wese, ku rugamba, utererana

Article 717: Consequences of demotion

A soldier sentenced to demotion shall lose his/her rank and reverted to the rank preceding the one he/she had for a period between six (6) months and three (3) years.

The soldier seniority in the rank shall be suspended in case of demotion.

The penalty of demotion shall not apply to soldiers holding the rank of private and second lieutenant.

CHAPTER II: PENALTIES FOR MILITARY OFFENCES

Section One: Breach of military duties

Article 718: Abandonment or surrender by an officer to the enemy of post or a position assigned to him/her

Any officer who abandons or surrenders a

Article 717: Effets de la rétrogradation

Le militaire condamné à la rétrogradation perd son grade et est ramené au grade qui précède celui qu'il avait, pendant une durée de six (6) mois à trois (3) ans.

En cas de rétrogradation, il y a suspension de l'ancienneté du grade qu'avait le militaire.

La peine de rétrogradation ne s'applique pas aux militaires ayant le grade de soldat et de sous-lieutenant.

CHAPITRE II: PEINES POUR INFRACTIONS MILITAIRES

Section première: Violation des devoirs militaires

Article 718: Abandon ou reddition à l'ennemi par un officier d'un poste ou une position lui assigné

Tout officier se trouvant sur le champ de

cyangwa wegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe bidatewe no kurushwa imbaraga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Ingingo ya 719: Guta izamu cyangwa kudakurikiza amategeko

Umusirikare wese, uba ari umurinzi, agata izamu cyangwa ntakurikize amategeko yahawe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Iyo abikoze umwanzi yugarije, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 720: Gusinzirira ku izamu

Umusirikare wese, ari ku burinzi bagasanga yasinziye, ahanishwa:

1° mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku minsi umunani (8) kugeza ku mezi

post or a position assigned to him/her to the enemy while on the battlefield without being forced to do so by the superiority of the enemy shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Article 719: Abandonment of post and disobeying instructions

Any soldier who abandons a post or disobeys instructions while on guard duty shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than (6) months.

If he/she commits such acts in wartime, he/she shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

If he/she commits such acts in the face of the enemy, he/she shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 720: Sleeping on guard duty

Any soldier who is found sleeping while on guard duty shall be liable:

1° in peacetime, to a term of imprisonment of eight (8) days to two

bataille qui abandonne ou rend à l'ennemi, sans y être contraint par des forces supérieures, un poste ou une position qui lui est assigné est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt-cinq (25) ans.

Article 719: Abandon de poste et omission de remplir sa consigne

Tout militaire qui, étant en faction, abandonne son poste ou omet de remplir sa consigne est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

S'il commet ces actes en temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

S'il commet ces actes en présence de l'ennemi, il est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 720: Sommeil en faction

Tout militaire qui, étant de faction, est trouvé endormi, est passible :

1° en temps de paix, d'un emprisonnement de huit (8) jours à

- | | | |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------|
| abiri (2); | (2) months; | deux (2) mois; |
| 2° mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1); | 2° in wartime, to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year; | 2° en temps de guerre, d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an; |
| 3° mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2). | 3° in wartime, and in the face of the enemy, to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years. | 3° en temps de guerre, et en présence de l'ennemi, d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans. |

Ingingo ya 721: Gusinda

Umusirikare wese usinda ari ku burinzi, ahanishwa:

- 1° mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6);
- 2° mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1);
- 3° mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Ingingo ya 722: Guta umurimo

Umusirikare wese utari umurinzi, uta umurimo, ahanishwa:

- 1° mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6);

Article 721: Drunkenness

Any soldier who is found drunk while on guard duty shall be liable:

- 1° in peacetime, to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months;
- 2° in wartime, to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year;
- 3° in wartime, and in the face of the enemy, to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

Article 722: Service abandonment

Any soldier who is absent from work without authorization while off duty, shall be liable:

- 1° in peacetime, to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months;

Article 721: Ivresse

Tout militaire qui, étant en faction, est trouvé ivre, est passible:

- 1° en temps de paix, d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois ;
- 2° en temps de guerre, d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an;
- 3° en temps de guerre, et en présence de l'ennemi, de un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Article 722: Abandon de service

Tout militaire qui, sans être de faction, abandonne le service, est passible :

- 1° en temps de paix, d'un emprisonnement d'un (1) mois mais inférieur à six (6) mois;

2° mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza ku myaka ibiri (2).	2° in wartime, to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.	2° en temps de guerre, d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.
Iyo nyir'ugukora icyaha ashinzwe ubuyobozi bw'umurimo, ahanishwa igihano ntarengwa cyo hejuru.	If the offender is a post commander, he/she shall be liable to the maximum penalty.	Si le coupable est chef de poste, il est passible de la peine maximale.
Nyir'ugukora icyaha uwo ari we wese, ashobora guhanishwa gufungwa imyaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) iyo yataye izamu umwanzi yugarije.	Any offender may be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years if he/she abandons the post in the face of the enemy.	Tout coupable peut être passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans s'il abandonne le poste en présence de l'ennemi.
<u>Ingingo ya 723: Kubura ku murimo mu gihe cy'intambara</u>	<u>Article 723: Absence from the post in wartime</u>	<u>Article 723: Absence au poste en temps de guerre</u>
Umusirikare wese, mu gihe cy'intambara kandi igihe ingabo zihurujwe, ubura ku murimo ashinzwe, mu gihe yahawe cyo kuba ahari, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).	Any soldier who fails to return on duty in wartime when the army is on alert in the required time shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.	Tout militaire qui, en temps de guerre, et en cas d'alerte de l'armée, ne se rend pas à son poste dans le délai imparti, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.
<u>Icyiciro cya 2: Ubugande n'ubwivumbure</u>	<u>Section 2: Insubordination and revolt</u>	<u>Section 2: Insubordination et révolte</u>
<u>Ingingo ya 724: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 724: Definitions of terms</u>	<u>Article 724: Définitions des termes</u>
Byitwa ubugande , iyo umusirikare yanze kumvira umutegeka cyangwa akanga nkana gukurikiza amategeko yahawe yerekeye akazi.	Insubordination means any refusal by a soldier to obey orders of his/her superior or conscious refusal to obey orders given for the purpose of duty.	Est qualifiée d' insubordination , tout refus par un militaire d'obéir aux ordres de son supérieur ou refus conscient d'obéir à l'ordre donné pour un service.

Byitwa **kwivumbura**, iyo abasirikare babiri cyangwa barenga bangiye rimwe amategeko yerekeye akazi atanzwe n'abakuru babo.

Ingingo ya 725: Ubugande

Umusirikare wese wanga kumvira umutegeka cyangwa se akanga nkana gukurikiza amategeko yahawe yerekeye akazi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Mu gihe cy'intambara, iyo ari Ofisiye, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7), undi musirikare wese ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Iyo icyo cyaha cyakorewe imbere y'umwanzi, uwagikoze uwo ari we wese ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 726: Ubwivumbure

Abasirikare bivumbuye bikomotse ku kagambane, mu gihe cy'intambara, bahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7). Mu bindi bihe, bahanishwa igifungo kuva ku mwaka

A **revolt** means any simultaneous disobedience by two or more soldiers of orders given by superiors for the purpose of duty.

Article 725: Insubordination

Any soldier who disobeys orders given by a superior or who intentionally disobeys orders to carry out military service shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

If the offence is committed by an officer in wartime, he/she shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years while any other soldier shall be liable to a term of imprisonment of one (1) to two (2) years.

Any soldier who commits such an offence in the face of the enemy shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 726: Revolt

Soldiers who engage in planned revolt in wartime shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years. In other circumstances, they shall be liable to a term of imprisonment of

Est qualifiée de **révolte**, tout refus simultané par deux ou plusieurs militaires d'obéir aux ordres de service donnés par leurs supérieurs.

Article 725: Insubordination

Tout militaire qui refuse d'obéir aux ordres d'un supérieur ou s'abstient intentionnellement d'obéir aux ordres de service est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

En temps de guerre, s'il est officier, il est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans tandis que tout autre militaire est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Si l'infraction est commise en présence de l'ennemi, tout militaire coupable est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 726: Révolte

Les militaires qui s'engagent dans une révolte concertée en temps de guerre sont passibles d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans. En d'autres circonstances, ils sont passibles d'un

umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

one (1) year to three (3) years.

emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Abasirikare bakoze icyaha cy'ubwivumbure, mu ntambara, bidaturutse ku kagambane, bahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza myaka ibiri (2). Mu bindi bihe bahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Soldiers who commit the offence of an unplanned revolt in wartime shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years. In other circumstances, they shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months.

Les militaires qui commettent une infraction de révolte qui n'est pas le résultat d'un concert en temps de guerre, sont passibles d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans. En d'autres circonstances, ils sont passibles d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois.

Aboheje ubwivumbure cyangwa ababutegetse bahanishwa igihano ntarengwa.

Instigators or leaders of revolt shall be liable to the maximum penalty.

Les instigateurs ou les chefs de la révolte sont passibles de la peine maximale.

Ofisiye ufatanya n'abandi basirikare kwivumbura, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

An officer who engages in revolt with other soldiers shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years.

Un officier qui s'engage dans une révolte avec d'autres militaires est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans.

Iyo ofisiye yafatanyije n'abandi basirikare kwivumbura mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

If an officer engages in revolt with other soldiers in wartime, he/she shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Si un officier s'engage dans la révolte avec d'autres militaires en temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Ingingo ya 727: Kwigaragambya

Article 727: Strike

Article 727: Grève

Umusirikare wese wigaragambya, yaba ari kumwe n'abandi basirikare cyangwa n'abasivili, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Any soldier who engages in a strike with other soldiers or civilians shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

Tout militaire, qui s'engage dans une grève, qu'il soit avec d'autres militaires ou des civils est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Iyo umusirikare ari we woheje, wategetse cyangwa wayoboye iyo myigaragambyo,

If a soldier acts as an instigator, leader or organizer of the strike, he/she shall be liable

Lorsqu'un militaire a joué le rôle d'instigateur, de chef ou d'organisateur de la

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Icyiciro cya 3: Gukoza isoni no guhutaza umukuru cyangwa umurinzi

Ingingo ya 728: Gukoza isoni umukuru

Umusirikare wese ukoza isoni umukuru, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo amukojeje isoni mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Ingingo ya 729: Guhutaza umurinzi

Umusirikare wese uhutaje umurinzi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Iyo guhutaza umurinzi byamuteye indwara cyangwa kutagira icyo yikorera mu gihe cy'iminsi umunani (8) nibura, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

Section 3: Contempt and violence against a superior or a soldier on guard duty

Article 728: Contempt against a superior

Any soldier who commits contempt against a superior shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months.

If the offender commits a contempt against a superior on duty or in the course of duty, he/she shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

Article 729: Violence against a soldier on guard duty

Any soldier who commits violence against a soldier on guard duty shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

If the violence against a soldier on guard duty results in sickness or loss of working capacity for a period of at least eight (8) days, the offender shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

grève, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Section 3: Outrage et violence envers un supérieur ou un militaire en faction

Article 728: Outrage envers un supérieur

Tout militaire qui outrage un supérieur est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

Lorsque l'outrage a lieu pendant le service ou à l'occasion du service, le coupable est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Article 729: Violence envers un militaire en faction

Tout militaire qui commet un acte de violence contre un militaire en faction est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Lorsque la violence commise contre un militaire en faction cause une maladie ou une incapacité de travail pour une période d'au moins huit (8) jours, le coupable est passible d'un emprisonnement d'un (1) an

Iyo guhutaza umurinzi byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo guhutaza byamuteye urupfu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 730: Guhutaza umukuru

Umusirikare wese uhutaje umukuru, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Iyo guhutaza umukuru byamuteye indwara, gukomereka cyangwa bikamutera ubumuga cyangwa kutagira icyo yikorera mu gihe cy'iminsi umunani (8) nibura, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

Iyo guhutaza umukuru byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri

If the violence against a soldier on guard duty results in incurable sickness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

If the violence results in death, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 730: Violence against a superior

Any soldier who commits violence against a superior shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

If the violence against a superior results in a sickness, injury or a disability or loss of working capacity for a period of not less than eight (8) days, the offender shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years.

If the violence against a superior results in an incurable sickness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the offender shall

à deux (2) ans.

Lorsque la violence commise contre un militaire en faction cause une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, le coupable est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Lorsque la violence cause la mort, le coupable est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 730: Violence envers un supérieur

Tout militaire qui commet la violence envers un supérieur est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Lorsque la violence commise contre un supérieur cause une maladie, des blessures ou un handicap ou une incapacité de travail pendant une période d'au moins huit (8) jours, le coupable est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Lorsque la violence commise contre un supérieur cause une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une

gikomeye, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).	be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.	mutilation grave, le coupable est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.
Iyo guhutaza umukuru byamuviriyemo urupfu, uwamuhutaje ahanishwa igifungo cya burundu.	If the violence against a superior results in death, the offender shall be liable to life imprisonment.	Lorsque la violence commise contre un supérieur cause la mort, le coupable est passible d'un emprisonnement à perpétuité.
<u>Ingingo ya 731: Guhutaza umukuru mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi</u>	<u>Article 731: Violence against a superior while on duty or in the course of duty</u>	<u>Article 731 : Violence envers un supérieur pendant le service ou à l'occasion du service</u>
Umusirikare wese uhutaje umukuru, mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).	Any soldier who commits violence against a superior while on duty or in the course of duty shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.	Tout militaire qui commet la violence envers un supérieur pendant le service ou en vertu du service est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.
Iyo guhutaza umukuru byamuteye indwara cyangwa kutagira icyo yikorera mu gihe cy'iminsi umunani (8) nibura, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).	If the violence against a superior results in a sickness or permanent loss of working capacity for a period of not less than eight (8) days, the offender shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.	Lorsque la violence commise contre un supérieur cause une maladie ou une incapacité de travail pendant une période d'au moins huit (8) jours, le coupable est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.
Iyo guhutaza umukuru byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).	If the violence against a superior results in incurable sickness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.	Lorsque la violence commise contre un supérieur cause une maladie incurable ou une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, le coupable est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Iyo guhutaza umukuru byamuviriyemo urupfu, uwamuhutaje ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 732: Guhutaza umukuru mu gihe cy'intambara

Mu gihe cy'intambara, umusirikare wese uhutaje umukuru ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Iyo amuhutaje mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Umusirikare uhutaje umukuru mu gihe cy'intambara bikamuviramo indwara cyangwa se kutabasha kugira icyo akora mu gihe cy'iminsi umunani (8) nibura, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo guhutaza umukuru byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, uwamuhutaje ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'ibiri (12).

If the violence results in death, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 732: Violence against a superior in wartime

Any soldier who commits violence against a superior in wartime shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

If the violence is committed while on duty or in the course of duty, the offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

If the violence against a superior in wartime results in a sickness or loss of working capacity for a period of at least eight (8) days, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

If the violence against a superior results in an incurable sickness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twelve (12) years.

Lorsque la violence commise contre un supérieur cause la mort, le coupable est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 732: Violence envers un supérieur en temps de guerre

En temps de guerre, tout militaire qui commet une violence envers un supérieur est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Lorsque la violence est commise en service ou à l'occasion du service, le coupable est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Lorsque la violence commise contre un supérieur en temps de guerre cause une maladie ou une incapacité de travail pendant une période d'au moins huit (8) jours, le coupable est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Lorsque la violence commise contre un supérieur cause une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, le coupable est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à douze (12) ans.

Iyo guhutaza umukuru byamuviriyemo urupfu, uwamuhutaje ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 733: Kwica umukuru

Umusirikare wese wica umukuru mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 734: Impamvu nkomezacyaha ku byaha bivugwa kuva ku ngingo ya 728 kugeza ku ngingo ya 733 z'iri Tegeko Ngenga

